

# Guhagurukira gukorera Ukwemera



Ikigo Ruhi



Igitabo cya 2



# Guhagurukira gukorera Ukwemera

Ishuri Ruhi

Ibitabo bya Ruhi:

Dore bimwe mu bitabo bikurikirana birebana n'amasomo ahoraho ya Ruhi. Ibyo bitabo big- ambiriye gukoreshwa mu rukurikirane nyamukuru rw'amasomo bijyanye n'ingufu zikoresh- wa muri gahunda yo gukomeza ubushobozi bw'urubyiruko hamwe n'abakuru mu gukorera ukwemera mu miryango y'abemezi aho batuye. Urwego rw'amasomo ya Ruhi nanone, rute- gura amasomo yihariye ashamikiye ku Gitabo cya 3 kirebana no gutoza abarimu b'amashuri y'abana, hamwe n'urukurikirane rw'andi masomo yo mu Gitabo cy 5 agamije gutoza abafash- a mu biganiro mu matsinda y'urubyiruko. Mu rutonde rukurikira niho ayo masomo agaragaramo. Ni ngombwa kumenya nanone ko urwo rutonde rushobora guhinduka bijyanye n'impinduka uko ubumenyi bugenda bwiyongera muri uwo murimo, ku buryo haziyongeramo ibindi bitabo uko hagenda hategurwa andi masomo y'inyongera n'uburyo ubushobozi bwo kuyasakaza bu- zagenda buboneka.

| | |
|---|---|
| Igitabo cya 1 | *Imitekereze ku buzima bw' Umwuka* |
| Igitabo cya 2 | *Guhagurukira gukorera Ukwemera* |
| Igitabo cya 3 | *Kwigisha Amasomo y'Abana, Urwego rwa 1* |
| | *Kwigisha Amasomo y'Abana, Urwego rwa 2* (Ishami ry'amasomo) |
| | *Kwigisha Amasomo y'Abana, Urwego rwa 3* (Ishami ry'amasomo) |
| | *Kwigisha Amasomo y'Abana, Urwego rwa 4* (Ishami ry'amasomo) |
| Igitabo cya 4 | *Intumwa z'Imana z'Impanga* |
| Igitabo cya 5 | *Gukangura Ingufu z'Abangavu* |
| | *Itangiriro ryo gukangura : Ishami rya mbere ry'Igitabo cya 5* |
| | *Gukanza Uruziga : Ishami rya kabiri ry'Igitabo cya 5* |
| Igitabo cya 6 | *Kwigisha Ukwemera* |
| Igitabo cya 7 | *Kugendera hamwe mu Nzira yo Gukorera Ukwemera* |
| Igitabo cya 8 | *Isezerano rya Baha'u'llah* |
| Igitabo cya 9 | *Gusobanukirwa Amateka y'Ukwemera* |
| Igitabo cya 10 | *Kubaka Imiryango y'Abemezi ifite Imbaraga* |
| Igitabo cya 11 | *Ubushobozi butari ubw'umwuka* |
| Igitabo cya 12 | *Urugo hamwe n'Umuryango w'Abemezi* |
| Igitabo cya 13 | *Kwitabira Ibikorwa Rusange* |
| Igitabo cya 14 | *Kwitabira Ibiganiro Mbwirwaruhame* |

Copyright © 2008, 2022 by the Ruhi Foundation, Colombia
All rights reserved. Edition 2.1.2.PE published in December 2025
Printed in Rwanda

Originally published in Spanish as *Levantémonos a servir*
Copyright © 1987, 1996, 2020 by the Ruhi Foundation, Colombia
ISBN 978-958-52941-0-3

Permission for a limited printing of this book in Kinyarwanda has been granted to Institut Taaid by the Ruhi Institute.

Ruhi Institute
Cali, Colombia
Email: instituto@ruhi.org
Website: www.ruhi.org

Institut Taaid
Rwanda
Email: institute@bahairwanda.org

Ibirimo

Ibitekerezo byo gufasha umutiteri iv

Ibyishimo byo kwigisha 1

Guteza imbere Ibiganiro 14

Ingingo zo gusobanukirwa byimbitse 33

# Ibitekerezo byo gufasha umutiteri

Iki gitabo, icya kabiri mu masomo y'ingenzi atangwa n'ishuri rya RUHI, kirebana n'ubushobozi bwinshi budufasha kugirana ibiganiro by'agaciro kandi byubaka. Igikorwa cy'uyu murimo wihariye iki gitabo cyibandaho gisobanurwa neza mu gice cya gatatu. Muri iyi si aho imbaraga zikomeye z'abantu ziburizamo ubusabane hagati y'abantu, igikorwa kigamije gusura inshuti n'abaturanyi iwabo mu miryango kugira ngo hakorwe isesengurwa ry'iby'ingenzi by'ubuzima abantu babayemo, hanyuma dushobore kubona umuti w'ibibazo biterwa n'ubwigunge bugenda bwiyongera. Iyi mirunga y'ubucuti izakomeza ubumwe, ikomeze n'uburyo bwo kubaka imiryango yifitemo imbaraga za roho kandi yishimye.

Gahunda ihoraho yo gusura abantu mu ngo zabo igomba kuba yateguwe neza, igizwe n'umubare muto w'inshuti z'abakorerabushake batewe ingabo mu bitugu n'ubuyobozi bwa Ieta bw'aho basura kuri iyo misozi. Mu kuyobora iryo tsinda hakoreshejwe igitabo, nyir'igikorwa agomba kuzirikana ko abacyitabira biteguye neza kubabafite umuhate uhoraho. Uko gusura abantu kwabateguriwe mu buryo bw'amasomo kwagombye kubayobora ku gukomeza kugira umuhate muri ibyo uko umwaka usimburana n'undi, ibi ni ingenzi cyane mu buzima bwo kwitangira abanda.

Uburyo bwo gusura imiryango hagamijwe gusesengura ingingo zirebana n'ubuzima bwa roho n'ubw'imibanire y'abantu buzamura agaciro k'umuco wabo. Impaka zubaka nyinshi ziboneka mu rugo no ku kazi, ku mashuri no mu masoko nazo ni ingenzi muri ibi, kwinjiza rimwe na rimwe ingengamyitwarire mu by'Imana mu kiganiro cya buri munsi nabyo ni ubushobozi budakwiye kwirengagizwa.

Niba dushaka ibiganiro by'agaciro kanini tugirana n'inshuti n'abaturanyi, tugomba gushobora ku ibyishimo igihe turimo dukorana nabo. Niyo nsanganyamatsiko yaganiriweho mu gice cya mbere "Ibyishimo byo kwigisha". Ibikorwa byose biteganywa n'ishuri rya RUHI bireba cyane cyane gusangira n'abandi amasomo y'ubwitonzi buturuka ku Mana tubonera mu nyanja rya Bahá'u'lláh. Inyigo yigice cya mbere igamije kuzamura imyumvire ku byishimo biterwa n'icyo gikorwa. Abari muri iki gikorwa batumiriwe, mu byiciro bitandukanye, gutekereza ku ijambo ry'Imana no ku Mugisha wo kurisangiza abandi. Ni muri uwo murimo havuka ibyishimo bikomeza intambwe zacu iyo tugenda munzira nyayo. Nyamara nubwo twiringiye uko kuri kw'Imana, dushobora gutakaza ibyishimo byo kwigisha igihe tutakwita ku migenzo myiza n'imyitwarire bigomba kuranga uwo murimo. Ibi nibyo abantu bagiye bajyaho impaka mu bitabo byinshi byabanjirije iki cyiciro, bimwe na bimwe muri byo biri kugenzurwa hano, haherewe ku gutandukanya ibice mu cyiciro cya 7. Uguhitamo kw'interuro z'Ibyanditswe Bahá'i ni ko ntango yo gutekereza kuri iyi ndangagaciro y'ingirakamaro kugira ngo hatagira igiturutse hanze cyagabanya ibyishimo by'uyu murimo. Icy'ingenzi n'uko abari gukora uyu murimo batava uri iyo nyigo bafite igitekerezo kitari cyiza ko gutandukanya ibi bice ari ugutandukira cyangwa se kutabyitaho. Tugomba buri gihe guhora twongera imbaraga zacu mu murimo wacu kugira ngo tugere ku nyungu twifuza. Ibyo bidusaba kumva neza imiterere y'uyu muhate, iyi ni insanganyamatsiko yitabwaho mu cyiciro cya 8. Icyizere no gushima, ni imyifatire y'ingenzi ibiri mu nzira y'uyu murimo nibyo bigibwaho impaka mu cyiciro gikurikira ari nacyo cya nyuma.

Mugice cya kabiri cy'igitabo "kuzamura ibiganiro byibanada ku bushobozi bwo kuzamura ireme" ry'ikiganiro hagendewe ku ndangagaciro za roho igihe cyose bishoboka. Kigizwe n'amatangazo magufi ku nsanganyamatsiko zitandukanye hagendewe ku biganiro

bya Abdu'l-Bahá kandi ayo matangazo agizwe n'amagambo menshi yakoresheje. Asubiza ibyifuzo n'ibikunze guhangayikisha abantu mu buryo bumwe cyangwa ubundi. Turizera ko mu kwiga ibyatangajwe, abitabiriye bazifashisha uburyo Abdu'l-Bahá yasobanuye ingengamyitwarire za roho kandi ko bazafata akamenyero ko kumureberaho uko bazagenda bihatira kuvumbura amasaro ari mu nyanja y'ihishurirwa rya Bahá'u'lláh, bagashaka uburyo bwo kumva ibisobanuro n'ibikubiye mu nyigisho za SE bakanazisangiza abanda mu buryo bwirekuye.

Kugira ngo bagere ku ntego y'iki cyiciro, abitabiriye bagomba kubona ubushobozi bwo gusubiramo kenshi ibyatangajwe, kwimenyereza kubisangiza abanda kugeza ubwo ibitekerezo bizabacengera bagashobora kubyifashisha nta ngorane. Bamwe na bamwe, mu gihe cya mbere bazafata mu mutwe ibyatangajwe, bagende babisubiramo uko bishobotse, uko bigaragara mu cyiciro ibi ni ibisanzwe. Uko bazagenda bamenya ukwemera guhamye, bakanabigiramo uburambe niko bazungukiramo byinshi kandi bagire inyunguramagambo ikungahaye bizagaragarira mu biganiro bagirana n'abandi. Nyir'iki gikorwa (ugikuriye) agomba kumenya ko kuri iyi ntera, ikigamijwekiri ukubiri: 1º. kubangukirwa no gusobanukirwa inyigisho, 2º. kuba mu ruhande rw'igitekerezo cya Abdu'l-Bahá.

Igihe abagize itsinda bazaba bamaze kwerekana ibigize buri tangazo bajya ku kindi gikorwa bashishikarizwa gushyira isano hagati y'ibitekerezo bize n'ibibazo birebana n'imiryango yabo, inshuti na bagenzi babo. Ku bw'iyo mpamvu batumiwe gutekereza ku nsanganyamatsiko zimwe na zimwe n'ibibazo byazamuwe mu kiganiro no gufatamo ibyabaha ubushobozi bwo kwinjiza ibitekerezo mu mpaka bari bugire. Ku byatangajwe bimwe na bimwe, batanga urugero rumwe cyangwa ebyiri kugira ngo berekane uko ingengamyitwarire ya roho zavuzwe na Abdu'l-Bahá zimurikire ibibazo bibangamiye abantu mu isi yose. Uyu mwitozo uzatanga umusaruro mwiza, igihe mu kwiga igitabo, nyir'iki gikorwa azaba ashobora gufasha buri muntu witabiriye guhitamo rimwe mu matangazo n'abantu bamwe na bamwe baganira ku bitekerezo biririmo. Ni muri ubu buryo hazashobora gutegurwa igihe ku bitabiriye, iyo bateranye, kugira ngo basesengure bamwe ku bandi ireme ry'ibiganiro bateganyije.

Kuri buri tangazo mu cyiciro, hashyizwemo imirongo imwe n'imwe mu byanditswe bya Bahá'u'lláh ngo bifatwe mu mutwe. Icyibanzweho n'ishuri Ruhi ku gufata mu mutwe, ndetse biri no mu gitabo cya mbere, gitsindagirwaho cyane mu gitabo cya kabiri (2). Batekereza ko kuri iyi nshuro abitabiriye bumva neza ibyo bagaburirwa bya roho havugwa imirongo y'Ibyanditswe inshuro nyinshi. Muri iki gitabo bazatekerezabiruseho ku cyo Ijambo ry'Imana rikora ku mutima w'umuntu, no mucyiciro cya gatatu kimwe no mu cya kabiri, baziga kugaragaza indangamyitwarire n'ibitekerezo biri mu byanditswe mu mbwirwaruhame yabo kandi uko bigomba, bavuga badategwa imirongo irimo. Gushobora gusobanura inyigisho nziza nyanzo, kuziha abanda mu mwimerere wazo, nibwo bushobozi dushaka kuzamura mu gihe tugenda dutera imbere mu nzira y'uyu murimo. Icy'ingenzi ni ukwiga kumenya ibisobanuro bya Abdu'l-Bahá no kugerageza kubimenyesha mu buryo yabikozemo bikaba ari byo ntango y'icyiciro cya kabiri.

Nkuko byavuzwe haruguru, icyiciro cya gatatu: "Ingingo 3' Icengezamasomo kirebana n'igikorwa kivugwa muri iki gitabo", ni ukuvuga gusura inshuti n'abaturanyi hagamijwe gutangiza impaka ngengabuzima z'ubuzima bw'abantu. Hari ubwoko butatu bw'ikiganiro buteganijwe mu cyiciro, kakndi buri bwoko bufite ikiganiro cyihariye. Ubwa mbere nujyanye n'uruhererekane rw'insanganyamatsiko abitabiriye bazafatanya n'abaturage bo ku musozi wasuwe cyangwa agace kamwe k'uwo musozi mu gihe cya porogaramu zo gusurwa zifite gahunda yatanzwe. N'ubwo ibirimo byaba byasangijwe ba nyir'ugusurwa mu buryo bunyuranye, ikigamijwe cy'ingenzi ni uguha abagize umuryango amahirwe yo gucengerwa n'ibigize ukwemera. Igice kinini cy'iki cyiciro cyibanda kuri ubu buryo bw'ikiganiro.

Nyamara ishyirwa mu bikorwa ryo gusura ingo ryafashe izindi ntera muri iyi myaka yo hanyuma bitewe n'imitererehagenda hagizwe hato kugeza ku rwego rw'akagari n'udupande duto duto tw'umugi, byatumye umubare w'abantu bashobora gukora nka ba nyir'igikorwa, abahwituzi b'amatsinda y'abato ndetse n'abarimu b'amashuri y'abana biyongera. Iri shyirwa mu bikorwa ryabaye ndasimburwa, Atari ukugira gusa ngo bamamaze UKWEMERA, ahubwo ryabaye nk'itegeko mu kugendana na gahunda zo gutoza abatoimyitwarire myiza gahoro n'uburere bw'abana. Muri biriya, ikidashidikanywaho ni uko abahwituzi n'abarimu b'amashuri baagomba gusura kenshi ababyeyi b'abana bari gukurikirana kugira ngo bajye impaka kuri ziriya porogaramu zombi. Izi mpaka nizo zigize ubwoko bwa kabiri bw'ikiganiro cyagenzuwe mu byiciro bya 14 na 15. Ibikubiye muri ibyo byiciro ntago byuzuye na busa kuko abitabiriye bazimenyereza cyane izi gahunda 2 zigisha mu masomo azakurikiraho. Ariko kuri iyi ntera bigezeho icy'ingenzi muri ubu buryo bw'ikiganiro ni uguherekeza abarimu b'abana n'abahwituzi b'amatsinda y'abato mu gusurwa kw'ababyeyi kandi bizatanga umusaruro ushimishije.

Imiterere y'uburyo bwa gatatu bwikiganiro muri iki cyiciro ifasha intego yihariye. Umubare munini w'abagore n'abagabo bakiri bato barimo gushakashaka inzira bashobora gukoresha ngo bumvikanishe icyifuzo gikomeye bafite cyo guhindura isi nziza. Ni ikigega kinini cy'ubushobozi biyumvamo ngo bahindure umuryango wifuza kugira umuyoboro mwiza wo kubaho. Ikaganiro hagati y'abantu batekererezamo amahirwe babona ndetse n'inshingano mugihe cyabo cy'ubuto, n'imbaraga n'ubushobozi buhambaye bafite, gishobora kenshi kubageza ku mpaka zubaka, kikabatera kwishimira ibyo bakora mu mirenge yabo ndetse no ku isi yose. Hari benshi nabo bazishimira kwakira ubutumire bwo kwiyunga kubandi mu masomo y'ishuri nk'uburyo bwo kubona ubushobozi bwo gutanga uburere bwa roho ku bazaba bari kubyiruka nk'abarimu b'amashuri y'abana bato ndetse n'abahwituzi b'amatsinda y'(abato) urubyiruko. Ibyiciro bya 9 na 10 bikubiyemo ibitekerezo bishobora kwibandwaho muri ubu bwoko bw'ikiganiro.

Kugira ngo bakomeze ubushobozi butuma abantu bagera ku biganiro by'agaciro, bagomba kurenga insanganyamatsiko rusange n'ibizikubiyemo. Abitabira bagomba kuzamura imyifatire n'imigenzo myiza yar oho bijyana. Ibi biri mu gice kinini cy'inkuru, ariko agaciro k'ubushobozi buvugwa gasobanutse cyane mu cyiciro cya 4 aho abitabiriye batekereza ku bwoko bw'ibyiyumviro n'ibitekerezo byagombye kuzura mu mitima yabo igihe harimo hategurwa ugusura, mu cyiciro cya 5 aho bibanda ku gaciro ko kwiyoroshya. Nyir'igikorwa azashaka kwita ko ibyiciro bihabwa umwanya uhagije w'abitabiriye, kuko nubwo baba barabonye ubumenyi bwinshi cyangwa se ubushobozi bwo gutambutsa ibitekerezo, agaciro k'ibiganiro byacu kazaterwa n'imico n'imyitwarire tuzazanamo.

Ni ngombwa kubona ko ibikorwa by'umurimo bivugwa muri uru rutonde rw'ibitabo, nubwo bifite akamaro kanini ko kuzamura no gusirimura abantu, ari ibifasha cyane cyane mu kongera ubushobozi bwa buri umwe hifashishijwe inyigo n'igikorwa kiyiherekeje. Icyo buri nyir'igikorwa agomba gusobanukirwa, ni uko ibi bikorwa ari uruhererekane kandi byiyongera mu gaciro kuva ku gitabo kimwe ujya ku kindi. Gukomeza ikiganiro mu bihe byo gusura abantu mu ngo zabo, nkuko bisabwa muri iki gitabo, nibwo bikenewe kurusha igikorwa ubwacyo gishishikarizwa mu gitabo cya 1. Biroroshye kubona ko kugira ngo ibikorwa by'uyu murimo bitoroshye bizaza, bizaba ngombwa ku bitabiriye gutera intambwe mu bushobozi bwavuzwe hano.

Nk'uko twabibuze mu byitonderwa by'intangiriro y'igitabo cya mbere, abitabira amasomo y'ishuri ku isi yose baturuka impande zose, kandi batangira bafite intera bagezeho zo kwiyumvamo inyigisho za ki Bahá'ís. Mu gihe bazatangira igitabo cya kabiri, bazaba baramaze kwinjira mu nzira nyayo y'umurimo yafunguwe n'amasomo. Ariko hari

amatandukaniro amwe n'amwe ahari, urugero: nko ku bakiri bato, urubyiruko, keretse ahari barakurikiye za porogaramu zigisha zigenewe abana n'ababyiruka, umubare munini w'amatangazo n'insanganyamatsiko byagaragajwe mu gitabo bizaba ari bishya kuri bo kandi inyigo yayo izaba uburyo bwo gucengerwa n'ubumenyi bw'ukwemera mu idini. Nyir'igikorwa agomba kuba yiteguye kugira ubworoherane n'ubuvumbuzi bikenewe kugira ngo buri muntu mubagize itsinda yumve ko yisanzuye, anagenzura ko ikigamijwe cy'ingenzi cy'inyigisho aricyo: gushoboza abitabira kwinjira neza mu biganiro bifite ireme kandi by'agaciro cyagezweho. Mu hantu henshi aho iki gitabo gikoreshwa, uburyo bwo kubaka imiryango itajegajega biteganwa n'(iki cyiciro) n'ibi byiciro bitatu ntabwo biri ku ntera imwe y'iterambere. Gushyira mu bikorwa rero ibyo bigishijwe bishobora gutandukana mu ireme bitewe n'aho abantu batuye, ari nabyo bitanga ukwitabwaho kwihariye kugomba kuranga nyir'igikorwa kuko agomba kubona ibisubizo ku bikenerwa na buri muntu uri mu itsinda muri aya mapaje yose.



# Ibyishimo byo kwigisha

## Intego

Gushimishwa no kwigisha bigaragarira
mu gikorwa cyo gusangiza abandi
Ijambo ry'Imana

**ICYICIRO CYA 1**

*Guhagurukira gukorera Ukwemera* ni igitabo cya kabiri cy'inyigisho zitangwa n'ishuri rya Ruhi zigamije guhuza amasomo n'ibikorwa. Intego yacyo ni ukubafasha gutera intambwe ziganisha mu nzira y'umurimo aho musabwa kuzuza ibintu bibiri bigize impamvu yo kubaho: gukurikiranan uko Mugenda mukura mu bya roho no mu bwenge no guhindura imyumvire y'abantu. Mu kwitabira isomo rya mbere, mwarangije kubona ko inzira dufataho icyitegererezo igizwe n'uruhererekane rw'ibikorwa by'umurimo, ibi bikorwa dukora duhanze amaso intego y'igisa n'itegeko rishya ry'isi riteganywa mu byanditswe bya Baha'u'llah. Ubwo rero, igice kinini cy'ibyo twise "kugendera mu nzira y'umurimo" kigizwe n'imbaraga dushyiramu nyigisho ku buzima bwacu no ku buzima bw'inyoko muntu murirusange. Ubwe niwe uvuga mu byahishuwe muri aya magambo:

> **"Yemwe bagaragu banjye! Ihishura ryanjye ritagatifu, ihishura ryanjye rituruka ku butungane rishobora kugereranywa n'inyanja mu kuzimu hayo harimo amasaro y'agaciro kanini n'uburasirazuba butagereranywa. Ni inshingano y'umushakashatsi wese yo kwihatira kugera ku nkombe y'iyo nyanja, kugira ngo ukurikije uko umuntu akora ubushakashatsi bwe n'imihati ashyiraho, agire uruhare ku byiza byategetswe mu nzandiko zidasubirwaho zahishwe z'Imana."**

Mu gice cya mbere, ibitekerezo byacu bihindukirira ibyishimo by'uzura umutima yacu uko turushaho kumenya amasaro y'ubushishozi aba mu Nyanja y'ukwigaraza kwa Baha'u'llah akanabisangiza abandi. Rero uhereye k'ibyo mwize mu igitabo cya mbere mwabonye ukuntu amasaro y'ijuru ari meza mugendeye m'ubyanditswe nawe. Reka dugendere ku magambo make yatoranijwe:

> **"Ibyavuzwe n'Imana ni itara, aho urumuri rwayo ari amagambo: Muri imbuto z'igiti kimwe n'amababi y'ishami rimwe."**

> **"Ikintu gikunzwe mu bintu byose mu maso yange ni ubutabera, ntimuzajye kure yabwo niba munshaka, munabyirengagize kugirango mbizere."**

> **"Muhore muzirikana ku ugushaka kw'imyaka mubamo, munashingire imanza zanyu kubyo imyaka ibategeka inasabwa."**

> **"Abantu bose baremwe kugirango babeho mu ubuzima butera imbere bw'ikiremwa muntu."**

> **"Isi yarashize ariko igisigaye ubu ni urukundo rw'Imana."**

> **"Nucana itara ryange, urumuri rwange ruzaba muri wowe. Rwakire kandi ntihazigere harundi wakira atari njye. Nakuremye ukize kandi ufite imigisha myinshi nguha n'amahirwe menshi."**

Ushobora kwifuza gufata mu mutwe iyi mirongo yo hejuru

**ICYICIRO CYA 2**

Mbere yo gutangira ukwisuzuma kwawe ku insanganyamatsiko y'iki cyiciro, nimwongere musome umurongo wa mbere mu gika cyo hejuru noneho mukore imyitozo ikurikira:

1. Mwuzuze interuro zikurikira:

a. Ni inshingano yacu yo ________________________________ ku __________________ y'nyanja y'ihishura rya Baha'u'llah.

b. Tugomba gukora ibishoboka byose tukagera ku nkombe z'inyanja y'ihishura rya Baha'u'llah, kugira ngo ______________________________________ uko____ ______ n'_________________________________dushyiraho, ________________________ku byategetswe mu nzandiko zidasubirwaho zahishwe z'Imana.

c. Inyungu dukura mu y'nyanja y'ihishura rya Baha'u'llah izaba ingana ____________________________________________________________________

____________________________________________________________________

2. Bisobanura iki "gukoresha imbaraga" ku igiti cyawe? ___________________________

____________________________________________________________________

3. Bisobanura iki "gukora ibishoboka byose" ngo ugere ku kintu? ___________________

____________________________________________________________________

4. Ni iki buri mushakashatsi agomba gukora uko ashoboye kugira ngo akigereho? _____

____________________________________________________________________

5. Bisobanura iki ko ikintu kiri "mu rugero" n'ikindi? ______________________________

____________________________________________________________________

6. Baha'u'llah atubwira ko tuzahabwa ibyiza by'inyanja y'ihishura rye, mu rugero rw'ingufu tuzaba twashyizeho.

   a. Mutange zimwe mu ngero z'imihati dukoresha kugira ngo duhabwe ibyo byiza:

   ____________________________________________________________________

   ____________________________________________________________________

   ____________________________________________________________________

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

b. Mutange zimwe mu ngero z'ibyiza duhabwa: ________________________________

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

**ICYICIRO CYA 3**

Tuzi ko ihishura rya Baha'u'llah rigereranywa n'inyanja mu kuzimu hayo harimo amasaro y'agaciro kanini, buri wese ashyiraho ingufu zihagije kugira ngo dufate umugabane w'ibyiza by'iyo nyanja no gufasha abandi kugera ku nkombe zayo. Ariko se ni ahantu hareshya gute hagendwa kugira ngo ugere ku nkombe z'iyo nyanja? Baha'u'llah aravuga ati:

> **"Yemwe bagaragu banjye! Imana imwe y'ukuri yambera umugabo! Iyo nyanja ngari idacukumburwa, iri hariya yicundagura, inyeganyega hafi cyane ku buryo butangaje iri hafi yanyu. Murebe, iri bugufi yanyu cyane kurusha umutsi w'ubutima bwanyu! Mu kanya gato nk'ako guhumbya, niba mubishaka, mushobora kuyigeraho maze mugafata umugabane wanyu w'ubutoni butangirika, bw'iyo ngabire yatanzwe n'Imana, bw'iyo mpano idashukika, bw'ibyo byiza by'ububasha bw'ikuzo rihebuje."[8]**

1. Interuro "iyo nyanja ngari, itagereranwa," rishaka kuvuga iki?

   ______________________________________________________________________

2. Iyo nyanja iri hafi yacu kungana iki? ________________________________________

   ______________________________________________________________________

3. Ni mu gihe kingana gite dushobora kuyigeraho? ______________________________

   ______________________________________________________________________

4. Mwuzuze interuro zikurikira:

   a. Inyanja ngari y'ihishura rya Baha'u'llah iri hariya hafi cyane, _______________

   ______________________________, yacu.

b. Inyanja y'ihishura rya Baha'u'llah iri ______________ kurusha umutsi w'ubuzima bwacu.

c. Mu ______________________ dushobora niba twifuza gusa ko ____________

kandi _______________________________ ku nyanja y'ihishura rye.

d. Mu kanaya gato nk'ako guhumbya dushobora, ___________________________

dushobora kuyigeraho maze tugafata umugabane wacu ku nyanja y'ihishura rye.

**ICYICIRO CYA 4**

Tumaze kumenya ubuganji bwa Baha'u'llah kandi tunagaragarizwa kuba hafi y'inyanja y'ihishura rye, mu kuzimu kwayo harimo amasaro y'agaciro katagereranywa, twujuje roho yacu umwuka w'ukwemera kandi dusaranganyije n'abandi ayo masaro y'ubuyobozi butagatifu tuvumbura buri gihe twebwe ubwacu mu masomo, mu isengesho no mu izirikana. Muri iyo migirire, dukoresha ububasha bw'ijambo rye bwite. Niyo mpamvu, ari ngombwa kuzirikana birambuye ku bubasha bw'ijambo ry'Imana no ku mpinduka rigira ku mutima w'umuntu. Imvugo ikurikira ya Baha'u'llah iradushoboza guha agaciro ubwo bubasha buhagije:

> **"Ijambo ry'Imana rishobora ku gereranywa n'igiti gitoshye imizi yacyo yaratewe mu mitima y'abantu. Ni inshingano yanyu gushaka uko cyakura mukoresheje amazi abeshaho y'ubwitonzi, n'amagambo matagatifu kandi yejejwe, kugira ngo imizi yacyo ifate neza kandi n'amashami yacyo atumbagire hejuru nko ku ijuru ndetse no hirya yaryo"[9]**

**ICYICIRO CYA 5**

Uko dukomeza amasomo yateguwe n'ishuri Ruhi, twiga kandi dukora imyitozo yagenwe, ubushobozi bwacu mu gukora neza umurimo buriyongera, kandi tuzashobora kurushaho gutera imbere mu bikorwa by'umurimo' bizatuzanira ibyishimo byinshi mu mitima yacu bikazanadufasha kugera ku impamvu ebyiri twiyemeje- mukore kuburyo mwigisha abana amasomo y'ubuzima bwa roho, mushishikarize urubyiruko mu bikorwa bijyane no guteza imbere ubuzima bwa roho munafashe itsinda ry'incuti kwiga ibitabo by'ibanze. Mu rugendo rwose, ijambo ry'Imana tuzaba dusangira n'abandi, abato n'abakuru bizahora ari isoko ihoraho iduhamagarira gukora umurimo. Birakwiye rero ko tuzirikana buri gihe ku mbaraga n'ingaruka byagira ku mutima wa muntu. Mu magambo akurikira Baha'u'llah atubwira kuri izi mbaraga:

**‘‘Ijambo ry’Imana ryagererenywa n’igiti gito, aho imizi yacyo yatewe mu mitima y’abantu. Bizaterwa nawe rero mu kongera imikurire yacyo binyuze mu mazi y’ubuzima y’ubushishozi, n’amagambo matagatifu yahawe umugisha, kugirango imizi yacyo ifate neza n’amashami yacyo anyanyagire hejura hose nk’ijuru no hirya kure yaryo.’’**

1. Ijambo ry’Imana rishobora kugererenywa n’iki? ________________________________

   ________________________________________________________________________

2. Ni hehe imizi y’igiti cy’Imana yatewe? ________________________________________

   ________________________________________________________________________

3. Ni gute twafasha imikurire y’iki giti? __________________________________________

   ________________________________________________________________________

4. Ni kubuhe burebure iki giti gishobora kugeraho gikura? __________________________

   ________________________________________________________________________

5. Nimusobanure mu nteruro nke impamvu gusangiza abandi ijambo ry’Imana iri ibyagaciro kanini.

   ________________________________________________________________________

   ________________________________________________________________________

   ________________________________________________________________________

   ________________________________________________________________________

   ________________________________________________________________________

**ICYICIRO CYA 6**

Dutekereze ku bikorwa binyuranye tubamo mu buzima bwacu bwa buri munsi. Tugaburira imibiri yacu. Turiga kugira ngo tugire ubumenyi bwinshi kandi ngo dufunguke mu mitwe yacu. Turakora kandi tukazamura ubushobozi butuma tubaho nk’abantu bafite icyo bamariye aband. Dukora siporo n’imyidagaduro. Ibikorwa byinshi nk’ibi, byose by’ingirakamaro mu iterambere ry’ubwenge bwacu n’ukubaho neza mu buryo bwo kugira ibintu, nibyo bifata igice kinini cy’igihe cyacu. Ariko buri munsi habaho na bya bihe bidasanzwe, birimo ubuzima bwa roho, aho tugira umwanya w’isengesho tugacengera ubumenyi bw’nyigisho zituruka ku Mana, twaba turi twenyine cyangwa tturi kumwe n’inshuti zacu, cyangwa se, mu buryo bwinshi bunyuranye, tugafasha abatwegereye **gufindura** amasaro ahishe mu Nyanja y’ibyahishuriwe Baha’u’llah. Ibyo bihe se si iby’agaciro karenze igipimo? Hari ibindi byishimo byaruta gushobora kubona iyo migisha yose ituruka mw’ijuru?

Tugomba iteka guhora twiyubaka uburyo ‘Abdu’l-Baha yadushishikarije kwitangira gushyira imbere inyoko-muntu:

**“Twese hamwe twunze ubumwe mu ntego ikomeye, tutagamije inyungu y’ibintu, kandi icyifuzo cyacu kiruta ibindi byose ni ukwogeza urukundo rw’imana mu isi yose!”**

Reka twumve ko twaba tubonye uburyo bwo gusangira n’inshuti kimwe mu byatangajwe mu cyiciro cya 1 mwafashe mu mutwe. Ibyishimo bibuzuye umutima wanyu biturukahe? Ubusanzwe mwizera ko inshuti yanyu izatwarwa n’amagambo ya Baha’u’llah. Ariko se bigenda bite iyo ataberetse ugutwarwa mwari mumutegerejeho? Ese ibyishimo byari biri mu mutima wanyu bihita biyoyoka mu buryo bworoshye? Kuki atariko bigenda?

________________________________________________________________________

________________________________________________________________________

________________________________________________________________________

________________________________________________________________________

________________________________________________________________________

________________________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 7

Iyo tuzirikanye ko, mu byo dukora byose mu buzima bwacu, ibihe tumara dusangira ijambo ry’imana n’abandi biduhesha imigisha idasanzwe, tukagera ku mwanzuro ntakuka ko ibyishimo tuvanamo bishingiye mu gikorwa ubwacyo. Turizera ko, birumvikana, inshingano twuzuza zigatanga umusaruro ukwiye, ariko niba twizirika ku bizavamo, niba dukorwa ku mitima n’uko twashimwe cyangwa twagawe, tuzatakaza ibyishimo byo gutanga inyigisho. Icyagombye kudutera umwete wo kwitanga, ni urukundo rw’Imana, ntibibe icyifuzo cyo gutsinda, kwakira inyungu cyangwa kuba kimenyabose. Kuzibukira ibyo byose ni ngombwa kugira ngo tugire ubwitange twishimiye

**“Yewe muntu w’indoro ebyiri! Funga ijisho rimwe ufungure irindi. Funga ijisho ku by’isi, ufungure irindi ku bwiza butagatifu bw’umukundwa.”**

**“Yemwe nshuti, mwitera umugongo ubwiza buhoraho ngo mutwarwe n’ubwiza bushira kandi ntimugashyire ibyiringiro byanyu muri iyi si ipfa igahinduka umukungugu.”**

**“yewe mwana w’Ijambo! Hindukiza uruhanga rwawe undebe, ureke byose uretse njye kuko ubuhangange bwanjye buhoraho n’ingoma yanjye idapfa. N’ushakashakaundi utari njye, ubushakashatsi bwawe buzaba impfabusa n’ubwo washakira hose ku isi ubuziraherezo.”**

**“Yewe munyamahanga, nshuti yanjye! Ikibatsi cy’umutima wawe cyakijwe n’ikiganza cy’ububasha bwanjye, wikizimya ku miyaga y’imbusane y’ukwikunda. Kunyibuka ni ugukira amabi yawe yose, ntubyibagirwe. Urukundo rwanjye rukubere ubukungu, rukundwakaze nk’amaso yawe bwite, mbese nk’ubuzima bwawe.”**

**“Ubwiziture ku bintu ni nk’izuba; uko umutima rimurikamo waba uri kose, bucubya umuriro wo kwifuza no kwikunda. Umuntu umurikiwe n’urumuri rwo**

**gusobanukirwa ntazabura kwizitura ku by'isi n'ubwirasi bwayo …. Ntimukemerereisi n'ibidafite umumaro byayo kubatera agahinda. Hahirwa umuntu ubukire budatera ubwibone, n'uw'ubukene budatera agahinda."**[16]

1. Kwizitura ku by'iyi si bivuga kubaho mu bukene nk'uwihaye Imana w'umu "ermite"?

_______________________________________________

2. Ese birashoboka kwizitura ku by'iyi si kandi ukagira n'ibintu? __________________

_______________________________________________

3. Umuntu wizirika ku kazi ke buri saha y'ubuzima bwe aba yizituye ku butunzi bw'iyi si?

_______________________________________________

4. Ese umuntu ukora ngo abone ibihagije ndasimburwa akeneye gusa, ikindi gihe akakimara ntacyo akora aba yizituye ku by'isi? ______________________________

5. Ese umuntu udashobora kwihanganira ubukene bw'ibintu mu gihe arimo kwitanga aba yizituye ku by'isi? _______________________________________________

6. Hariho ibintu byinshi dushobora kwizirikaho kandi dufite n'ubukungu. Mwakwizirika kuki iyaba muri wa muntu:

   - Ushaka kurekeraho kwitanga igihe ibyo arimo akora ntawe ubyitayeho?

   _______________________________________________

   - Ucika intege igihe ibyo asangiza abanda batabyemera?

   _______________________________________________

   - Uhisha imyizerere ye bitewe n'impungenge ko abandi batazamwakira?

   _______________________________________________

7. Ubwiziture ntibuvuze kwitandukanya n'abandi cyangwa kubatererana. Muri ibi bikurikira ni iki gishobora kuba ari ikimenyetso ko utizituye?

___ Gukura ibyishimo mu kubona iterambere ry'abandi.

___ Guhagarika kwigisha abanyeshuri igihe hari abana bitwaye nabi.

___ Kwirata ibyo wagezeho.

___ Kwiga cyane no gushimishwa n'uko ibyo ukora bitera imbere.

___ Gukora cyane kugira ngo uzamure ubushobozi bwo kwitangira abandi.

___ kwihatira kunoza umurimo wawe.

___ kugira isuku no gushyira ku murongo ibiri mu nzu yawe.

___ gufata neza ibikoresho byawe.

___ Gukora ku buryo abo muri kumwe bamererwa neza.

___ gucika integer igihe ntawe ugushimira umuhate ushyira mu byo ukora.

8. Kwizitura ni iby'agaciro kuri buri wese muri twe ku buryo musabwa gufata mu mutwe ibyatangajwe byose biri muri iki cyiciro.

**ICYICIRO CYA 8**

Kugira ngo twakire ibyiza by'ubuzima bwishimye bwo kwitangira inyoko-muntu, tugomba kuba twiteguye kugira umuhate kandi uwo muhate ushobora kudusab ko hari ibyo twigomwa. Dukoresha kenshi ijambo "kwigomwa" mu buzima bwacu bwa buri munsi. Iyo inshuti ivuye mu rugendo mu museke, dushobora gukanguka kare ngo tujye kumuzana. Umuntu ashobora kuvuga ko twigomwe amasaha make y'ibitotsi. Umuntu wacu w'inkoramutima ararwara, tukamugenera amasaha make y'ikiruhuko cyacu kugira ngo tumwiteho. Hari igihe mu buzima tugomba gukora birenze urugero, kandi dushobora gutekereza ko twigomwe ibyakatunejeje kugira ngo tugere ku ntego twihaye.

Twese dufite icyifuzo kiruta ibindi cyo kwitangira umurimo w'Imana, dukoresha cyane igihe n'imbaraga zacun'igihe cyose bishoboka tukaba twafashisha igice kimwe cy'ubutunzi bwacu. Iyo tubikora tugomba kwibuka ko, mu nzira y'uyu murimo, dushobora gutera umugongo ibintu by'iyi si, ariko ibyo twakira ni ibyishimo by'ukuri uko tugenda dukura mu bya roho. Tuzagira umwanya wo gutekereza biruseho ku bwoko bw'ukwigomwa mu nyigisho zitaha. Icy'ingenzi tugitangira, ni ukureka ibiri hasi mu gaciro tugashyira hejuru ibisumbyeho mu gaciro, nk'uko urubuto rupfa kugira ngo hamere igiti. Kwigomwa kwifitemmo ibyishimo bizaba ibyacu igihe tuzaba twiteguye gutanga imbaraga zacu mu buryo buhoraho.

Baha'u'llah yemeza ko:

**"Ni ngombwa gukora cyane, niba dushaka kumushakashaka; hagomba umuhate niba dushaka kunywa ku buki bw'ubumwe bwacu na we; kandi ni dusogongera kuri iyo nkongoro, tuzatera ibiumugongo."**[17]

Na Abdu'l-Baha atugira iyi nama:

**"… ntimufate ikiruhuko, ntimushake ibiboroheye, ntimwizirike ku bidafite umumaro by'iyi si ihita, muzibukire ibibazitira, mwihatire n'umubiri wany una roho yanyukurangamira byuzuye ubwami bw'Imana. Mushakishe kuronka ubukungu bwo mw'Ijuru. Buri munsi muhore mumurikiwe. Mwegere kurushaho umuryango w'ubumwe."**

Twemera ko kugira ngo tugere ku ntego zacu, tugomba gukora cyane. Ariko rero uko kwemera koroheje gufite ibyo kugenderaho mu gihe gushyirwa mu bikorwa tutagomba kwibagirwa. Mu buryo bumwe, tugomba kwiyibutsa hari isano hagati y'imbaraga zikenewe n'urwego rw'ugukomera kw'intego cyangwa n'ibigomba gukorwa. Twaba turi kwibeshya niba dutekereza ko bishobora gukorwa buke. Ariko ubukomere bw'umuhate si cyo conyine cyarebwaho. Hagomba no guhozaho no kudacika intege. Kwizirika ku gikorwa ni ngombwa. Gufata akamenyero ko kurangiza ibyo umuntu aba yahawe gukora, nta na kimwe usimbutse

ngo uhagarike umurimo utarangiye, ni iby'agaciro.imbaraga zikoreshejwe abantu batishimye nta mbuto zitanga.mutekereze namwe ishuri rya buri cyumweru mu burere bw'abana bwa roho.umwarimu agomba kwigomwa amasaha Atari make mu gutegura buri shuri, kuguma muri uwo murngo igihe cyose bimara, afasha abanyeshuri kumva neza ibikubiye mw'isomo, gusura kenshi ababyeyi b'abana no gukurikirana ko buri mwana agenda atera imbere, icyumweru ku kindi. Iryo shuri ryaba rimeze rite igihe umwarimu ategura gusa igihe abineye umwanya, agahita asoza icyiciro mu buryo butunguranye igihe yumva ananniwe kandi ntiyihe umwanya uhagije wo gufafasha buri mwana gutekereza no kuganira n'ababyeyi kw'iterambere rye? Ese byagenda bite umwarimu ahagaritse kwigisha igihe afite izindi nshinganoashaka kuzuza, urugero nko kuba yakwibera n'inshuti yamugendereye?

Ibi byose tubonye nk'ingero bigomba kutwumvisha ko yugomba kwibanda ku bwindhi no ku ireme ry'umuhate buri murimo twatangiye bikeneye. Ibi ni ukuri bitari gusa ku bikorwa by'umurimo twitangira ahubwo no ku iterambere ryacu; ndetse n'akamenyero mu bya roho twabonye mu gitabo cya mbere -gusenga kenshi, gusoma Ibyanditswe buri munsi, gutekereza ku buryo ubuzima bwacu (imibereho yacu) ihura n'inyigisho, kwitabira n'umutima wacu wose inama zijyanye n'ibo dukora -bikeneye umuhate uhoraho. Dore bimwe mu byemezwa ku muhate. Guhitamo iby'ukuri bizababafasha kurushaho gutekereza kuri iyi ngingo:

___ Niba muzi ubwenge, si ngombwa gukora cyane.

___ Kuki mwazenguruka; mushake buri gihe iy'ubusamo.

___ Ntacyo wageraho, ntacyo wakoze.

___ Gira indoto nini, ibyifuzo byawe bizaba impamo.

___ Uko igihembo ari kinini abe ari ko n'imbaraga zikoreshejwe ziba nyinshi.

___ Uko ugira umuhate mu byo ukora, ninako igihembo kigushimisha.

___ Kuki ukora mu gihe hari abanda wabona babigukorera?

___ Niba bitwara imbaraga nyinshi siko byakagombye kugenda.

___ Udutambwe duhoraho kandi dufite integ, dushobora kukugeza kure.

___ Nta kintu cy'agaciro kiza mu buryo bworoshye.

___ Ugusaba kwiza kugira kugira inyiturano nziza.

___ Urugendo rw'ibirometero ibihumbi rutangiranwa n'intambwe imwe.

___ Kuba wabigezeho ntibihagije.

___ Nta gutegereza ko ibintu byizana, tugomba kubikurikirana.

___ Gutsinda bisaba ubwitange bukomeye.

___ Ntitugera ku byo twiyemeje kubera amahirwe gusa.

___ Tugomba kwisuzuma buri munsi.

Tunyura mu nzira y'umurimo, tugaharanira kugera ku iterambere rya roho n'ubwenge, tukanaharanira guhindura umuryango tubamo. Biragaragara ko gukurikira iyi nzira ifite impamvu ebyiri bisaba gukoresha imbaraga nyinshi ku ruhande rwacu. Baha'u'llah agira ati:

> **"Umuremyi utagereranywa yaremye abantu bose mu buryo bumwe, anabasumbisha ibindi biremwa byose bisigaye. Gutsinda cyangwa gutsindwa, kunguka cyangwa guhomba, byose bigendera ku mbaraga umuntu aba yashyizemo. Uko akoresha imbaraga nyinshiniko iterambere rye riziyongera."[19]**

Mugomba gufata mu mutwe uyu murongo yo hejuru niba mutarabikora.

**ICYICIRO CYA 9**

Kugira ngo tubone ibyishimo mu kwitanga, tugomba kugira imyitwarire imwe n'imwe twihingamo urugero; tugomba gushima umugisha w'umurimo Imana yaduhaye; biragoye kumva ko twatekereza ngo duhaye amahirwe Imana igihe turimo kuyikorera. Tugomba no kwirinda kwiheba tukabaho mu buzima bufite ibyiringiro by'isi. Ibituzitira mu nzira y'ibikorwa byo kwitanga bishobora guhindurwamo ahubwo imbaraga zituganisha ku majyambere mashya. Mu ndiba y'umutima w'ibidukomerera, turangamira ahazaza n'amaso y'ukwemera. Amagambo akurikira ya 'Abdu'l-Baha atwemeza ukwizera no kubona ko imbere ari heza byagombye kuranga umuhate wacu:

> **"Uko urubuto rwaba ariruto kose mu kumera kwarwo, birangira ruhindutse igiti cy'inganza marumbo. Mwireba urubuto, ahubwo murebe igiti gihunzwe indabo, amababi ndetse n'imbuto zacyo."[20]**

> **"Mumenye rero ko ako kabuto gato ari ak'agaciro gakomeye. Umuhinzi nyawe yagateye mu mirima ya Nyagasani akoresheje ibiganza byuzuye impuhwe, akavomerera n'imvura y'ingaabire ze nubugiraneza bwe kandi ubu akagaburira ubushyuhe n'urumuri yifashishije inyenyeri y'ukuri."[21]**

> **"Iyo mubona igiti gikura kizamuka neza, uzagirire icyizere ibyo kizatanga. Kizagera aho kirabya cyere n'imbuto. Nimubona ibiti byumye cyangwa ibiti bishaj, nta cyizere cy'uko bizera imbuto."[22]**

> **"Niyo mpamvu abakundwa b'Imana bagomba, babira ibyuya mu gahanga, kurera, kugaburira no kwita kuri icyo giti cy'ibyiringiro."[23]**

> **"Umutima nutera umugongo imigisha Imana itanga, ni uwuhe munezero wundi ushobora kwizera? Niba se udashyize amizero yawo mu ngabire y'Imana uzabona ikiruhuko?"[24]**

Kugira ngo murusheho gutekereza neza ku byavuzwe haruguru, nimwuzuze interuro zikurikira:

1. Uko akabuto kaba gato kose mu mumero wako, birangira gahindutse ___________ _________________________________ .

2. Ntitugomba kureba akabuto gato cyane, ahubwo ___________________________

______________________________________________ .

3. Twagombye kubona agaciro k'ako kabuto Imana, ikoresheje ibiganza byayo by'impuhwe, ya ___________________________________________________ .

4. Igihe tubona igiti gikura kandi kizamuka neza, twagombye ___________________ _______________________________ .

5. Igihe tubona igiti gikura kandi kizamuka neza, twagombye kugira icyizere cy'uko _____________________________________________________ .

6. Mu byuya by'uruhanga rwacu twakagombye ______________________________ _____________________________________________________ .

7. Iyo umutima uteye umugongo imigisha Imana itanga ________________________ ____________________________________ ?

8. Niba umutima udashize icyizere cyawo n'ukuri mu mpuhwe z'Imana, ___________ ____________________________________ ?

Ubu, tekereza mu gihe gito, wemera ko roho yacu y'ibyishimo n'ikizere ihujwe n'uburyo bwo kwicisha bugufi ari isoko y'ibyishimo ku bandi? Dukomeze tunazirikane ko mu gukomeza gukorera impamvu, tuzajyana inkuru nziza y'intangiriro y'umunsi mushya, umunsi wo guhuriza hamwe inyoko-muntu. Reka aya magambo ya Baha'u'llah acengere mu mitima yacu:

> **"Hahirwa abakora, hahirwa abasobanukirwa, hahirwa umuntu umutima we wizirika ku ukuri, ukitandukanya n'ikitwa icy'isi cyose ndetse n'ijuru."**

**REFERENCES**


1. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 1983, 2017 printing), CLIII, par. 5, p. 369.

2. Ibid., CXXXII, par. 3, p. 326.

3. Bahá'u'lláh, The Hidden Words (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 2003, 2012 printing), Arabic no. 2, p. 3.

4. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh, CVI, par. 1, p. 241.

5. Ibid., CIX, par. 2, p. 243.

6. Bahá'u'lláh, in Women: Extracts from the Writings of Bahá'u'lláh, 'Abdu'l-Bahá, Shoghi Effendi and the Universal House of Justice, compiled by the Research Department of the Universal House of Justice (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 1986, 1997 printing), no. 53, p. 26.

7. The Hidden Words, Arabic no. 11, p. 6.

8. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh, CLIII, par. 5, p. 370.

9. Ibid., CXXIX, par. 1, p. 316.

10. Ibid., XLIII, par. 9, p. 109.

11. From a talk given on 19 November 1911, published in Paris Talks: Addresses Given by 'Abdu'l-Bahá in 1911 (Wilmette: Bahá'í Publishing, 2006, 2016 printing), no. 32.2, p. 121.

12. The Hidden Words, Persian no. 12, p. 26.

13. Ibid., Persian no. 14, p. 26.

14. Ibid., Arabic no. 15, p. 7.

15. Ibid., Persian no. 32, p. 33.

16. Bahá'u'lláh, in The Bahá'í World: Volume One, 1925–1926 (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 1926, 1980 printing), p. 42.

17. The Call of the Divine Beloved: Selected Mystical Works of Bahá'u'lláh (Haifa: Bahá'í World Centre, 2018), no. 2.12, p. 17.

18. Tablets of the Divine Plan: Revealed by 'Abdu'l-Bahá to the North American Bahá'ís (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 1993, 2006 printing), no. 13.6, pp. 95–96.

19. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh, XXXIV, par. 8, p. 91. 14 – Arising to Serve

20. Selections from the Writings of 'Abdu'l-Bahá (Wilmette: Bahá'í Publishing, 2010, 2015 printing), no. 40.3, pp. 118–19.

21. Ibid., no. 40.3, p. 119.

22. From a talk given on 11 May 1912, published in The Promulgation of Universal Peace: Talks Delivered by ‘Abdu’l-Bahá during His Visit to the United States and Canada in 1912 (Wilmette: Bahá’í Publishing, 2012), par. 2, p. 153.

23. Selections from the Writings of ‘Abdu’l-Bahá, no. 206.13, pp. 356–57.

24. From a talk given by ‘Abdu’l-Bahá on 21 November 1911, published in Paris Talks, no. 34.8, p. 133.

**25.** Bahá’u’lláh, Epistle to the Son of the Wolf (Wilmette: Bahá’í Publishing Trust, 1988, 2016 printing), p. 139.



# Guteza imbere Ibiganiro

## Intego

Kwakira ubushobozi bwo
gutanga amahame ya roho mu kiganiro.

**ICYICIRO**

**CYA 1**

Mu gice cya mbere cy'iki gitabo, twavuye ku byishimo bitagereranywa dukura mu gikorwa cyo gusangira n'abandi ijambo ry'Imana. Uko tugenda mu nzira y'umurimo amahirwe menshi aza adusanga ngo tuyasangize inshuti n'abamenyi, tugire ibiganiro-mpaka ku byo twagaragarijwe mu (ihishurwa) rya Bahá'u'lláh'. Rero mu bushobozi bw'ingenzi tugomba guteza imbere, harimo ibituma tugira ibiganiro bifite ireme kandi bifite aho byatugeza. Intego y'iki gice n'igikurikira ni yo kubafasha muri ibyo. Hano, muzita ku buryo bwo kuzamura intera y'ibiganiro mugendye ku ndangagaciro za roho, mu gihe biri ngombwa. Mu gicegikurikira, muzatekereza ku buryo bwo kwimenyereza uruhererekane rw'ibiganiro ku nsanganyamatsiko zimwe na zimwe ziri mu murongo w'umuhate uhoraho kugira ngo mwubake abantu bazima mu murenge wanyu cyangwa mu mudugudu.

Ibyo tuwakora mu byiciro bikurikira, ni ugusuzuma umubare ufatika w'ibyatangajwe ku byigwa binyuranye n'ubwo byaba bidatomoye ariko byibanda ku mbwirwaruhame za 'Abdu'l Bahá kandi birimo interuro nyinshi yagiye akoresha. Muzagomba gusoma buri tangazo inshuri nyinshi, mukuremo umurongo w'ibitekerezo, mugende mubisubiramo umwe ku wundi hamwe n'abandi bagize itsinda ryanyu kugeza ubwo mushobora kubisobanura nta kibazo. Uyu mwitozo uzababafasha kwitegura kuvuga mudategwa igihe muzabona ko ari ngombwa kwifashisha inyigisho z'ukwemera mugirango mushyira imbere ikiganiro-mpaka.

Muri iki gice, muzakomeza birumvikana, gufata mu mutwe imirongo y'ibyanditswe bitagatifu, kubera ko byifitemo ubushobozi bukora ku mutima w'umuntu kandi iyi mirongo nishyirwa mu bwirwaruhame yanyu, izakora ku mutima w'umwanditsi. Ariko, kuvuga ibyanditse bitagatifu mu kiganiro bisaba ubushishozi. Icy'ingenzi ni ukudakabya, hakabaho ukuringaniza hagati yo kuvuga ibyanditswe no gukoresha amagambo yawe bwite igihe usobanura inyigisho z'ukwemera. Kugira ngo mugere kuri iryo ringaniza zabasaba igihe kinini ndetse n'imbaraga zo kubanza kwiga neza ibyo byanditswe ngo bibashoboze mu bitekerezo no mu byiyumvo byanyu.

**ICYICIRO CYA 2**

Icya mbere twemeranyaho musabwa kwigaho kirebana n'uko hakenewe umurezi ku nyoko-muntu.

> Ibyo tutekereje ku miterere y'ubuzima mu cyitwa ikimera, inyamaswa cyangwa ibiri munsi y'ubutaka cyangwa umuntu, muri ibi byose hakenewe umurezi. Ubusitanii bukeneye ubwitaho. Kugira ngo haboneke umusaruro mwisnhi, ubutaka bukeneye umuhinzi. Umuntu watereranywe mu buzima, azahinduka nk'igikoko. Niyigishwa, akarerwa, agashobora (kugera) ku gitumbagira hejuru mu mitsindire ye. Iyaba nta barezi babagaho, nta gusirimuka kwabaho.
>
> Uburere bugizwe n'ibintu bitatu : ubw'umubiri, ubw'ubwenge n'ubw'ubutungane bwa roho. U burere bw'umubiri burebana no kuwubaka, kuwufata neza. Uburere bw'ubwenge burebana no kuwurebamo ubumuntu, agasirimuka kandi akagera ku iterambere. Ubu burere bushingiye ku buryo reta imufata, uko ababana n'abandi, uko amerewa neza nk'umuntu, ibijyanye n'ubucuruzi n'inganda, ubugeni n'ubugenge, ibyo ashobora kuvumbura……Ubw'ubutungane bwa roho bwo bujyanye no guhabwa ubumenyi buhagije mu by'Imana. Ni uburere nyakuri, kuko bamufasha kuzamura kamere ya roho mu by'Imana kandi niyo isumba izindi zose mu mibereho ya muntu.

Kugira ngo inyoko-muntu itere imbere, ikeneye umurezi wifitiye icyizere gihagije mu gutanga uburere bw'umubiri, ubw'ubwenge n'ubwubutungane bwa roho. Umuntu avuze ngo « Mfite ubwenge bwinshi sinkeneye bene uriya murezi » yaba ahakana ibigaragarira bose. Byaba ari nk'uko umwana yavuga ngo : « Sinkeneye uburere; nzagendera ku bitekerezo n'ubwenge byanjye kandi nzagera ku buhanga buhanitse ku giti cyanjye »

Inyoko-muntu ikeneye kuva kera umurezi wuzuye ibyangombwa byose, ushobora kumufasha mu bibazo bijyanye n'imirire, ubuzima bw'umubiri; ushobora kumugira inama yo gutera imbere mu bumenyi, mu guhimba no mu buvumbuzi, hanyuma rero ikiruseho kumuremamo ubuzima nyakuri bwa roho. Nta wundi muntu usanzwe wabon a ushobora gukora iyo mirimo myiza bihebuje. Ukwigaragaza kw'Imana konyine niko gufite ubwo bushobozi bwo kubigeraho.

1. Musome neza kandi kenshi (ibyatangajwe) ibika mumaze kwiga mu itsinda ryanyu noneho mufashanye kumva ibikubiyemo. Bizaba ngombwa ko mubaganya ibibazo, nk'uko byagenze mu yandi masomo, ku bitekrezo birimo hanyuma mugerageze kubivuga mu magambo yanyu bwite.

2. Hanyuma, murajya impaka mu itsinda ryanyu ku buryo ibitekerezo byanyu mwize bigaragaza hano byashobora kwinjizwa mu biganiro. Birumvikana ko mutazahita mubwira inshuti zanyu ko uburere buri ugutatu. Ni ngombwa ko mwabanza gutekereza uburyo butandukanye bwo guhura ku buryo ibitekerezo byo haruguru ibisobanuro nyabyo. Wenda igitekerezo mwajyaho impaka ni igabanuka ry'ubu muntu muri sosiyete cyangwa uko mwakora kugira ngo isi irusheho kuba nziza. Mutekereze ku biganiro n'inshuti, n'abagize umuryango ndetse n'abandi muziranye. Mu bibazo bibahangayikishije, harimo ibyagirwaho impaka hashingiwe ku bitekerezo by'ibyatangajwe.

______________________________

______________________________

______________________________

______________________________

______________________________

3. Hari ibibazo byaza bitunguranye igihe muri mu biganiro ku nsanganyamatsiko ziwa n'iyo mumaze kwigaho. Mwasubiza iki umuntu ababajije ati : Bamwe muri abo barezi mwatubwiye ni bantu ki ?

______________________________

______________________________

______________________________

4. Dore bimwe mu bivugwa mu byanditswe na Bahá'u'lláh' birebana n'uko umurezi akenewe ku nyoko-muntu. Mu bitekerezeho kandi mufate mu mutwe byibura kimwe muri byo :

**"Abantu bose baremewe gukora kugira ngo iterambere rihore ryiyongera."**[1]

**"Mukwihishurira abantu, Imana yo yonyine y'ukuri, ibisingirizwe, umugambi wayo ni uwo kwerekana amasaro ahishwe mu ndiba z'umutima w'imbere wa muntu."** [2]

**"Imana imuha izo nshingano (umuhanzi wayo), ifite intego : kugobotora abana b'abantu mu mwijima w'ubujiji kubayobora mu rumuri rwo gusobanukirwa nyakuri, hanyuma kubizeza amahoro n'umudendezo, isaha uburyo bwose bushoboka ibi bishobora kugerwaho."**[3]

**"Abantu, mu bihe byose no mu buntu byose, bakeneye umuntu ubaba iruhande, ubayobora, ubigisha kandi ubaha uburere."** [4]

## ICYICIRO CYA 3

Ibika bikurikira bisobanura ukuntu Imana nta handi imenyekanira uretse (uretse) mu byo yigaragarizamo; kandi ibi bika bibagirira akamaro iyo muganira n'inshuti :

> Murebe iyi si itagira iherezo n'intangiriro. Birashoboka se ko yaba yararemwe itagira umuremyi ? Cyangwa se ibigaragara by'uyu Muremyi bidashobora kumvwa n'abo yaremye ? Iyo turebye ibyaremwe byose, dusanga ibiri hasi mu gaciro bidashobora kumva ubushobozi n'ububasha bw'ibibisumba. Ni uko ibuye n'igiti, uko byaba bingana kose, bitazashobora na rimwe kwiyumvisha imikorere y'amaso n'amatwi. Inyamaswa ntizashobora na rimwe kumva imibereho y'umuntu cyangwa ngo isobanukirwe n'ubushobozi yifitemo. None se, ni gute twe ibiremwa twamenya imiterere karemano y'umuremyi wacu ?
>
> N'ubwo imyumvire yacu idashobora na rimwe gushyikira Imana, ntibibuza ko hari ibyo tuyiziho. Rimwe na rimwe, ku isi hagaragara ibidasanzwe bitwereka ukwigaragaza kw'Imana. Ubudasa bwose, ubwiza buhebuje bw'ibyo tubona, byihariwe n'Imana yonyine, tubisanga muri iryo yerekwe eitagatifu, nk'uko imirasire y'izuba itugarukira iyo tuyitunze mu ndorerwamo ibona neza, ikeye. Uburyo indorerwamo itugarurira imirasire y'izuba, ntibivuze ko izuba rimanuka mu kirere cyaryo ngo rize mu ndorerwamo. Ni muri ubwo buryo, Imana itamanuka aho iganje mu ijuru ritagatifu ngo yisanishe n'ukubaho kw'ibiremwa. Ibi bisobanuye ko : ibyo inyoko-muntu izi, ivumbura ikanumva amazina yabyo, ibyitirirwa Imana ndetse n'ubuhangange bwayo, bituruka ku bintu bitagatifu bigaragarira amaso.

1. Nyuma yo gusoma inshuro nyinshi ibi bimaze gutangazwa mu itsinda ryanyu, mu maze no gusubiza ibibazo bamwe ku bandi ku bikubiyemo mwagombye kwimenyereza gutanga ibitekerezo mudategwa.

2. Ubu noneho, ngaho nimujye impaka mu itsinda ryanyu ku buryo mwakwinjiza mu kiganiro ibitekerezo mumaze kwiga hano. Urugero : byaborohera mugiye impaka niba koko Imana ibaho cyangwa ku mpamvu yo kubaho kwacu. Ni zihe nsanganyamatsiko zindi n'ibibazo byabonetse mu kiganiro mu muryango cyangwa hamwe n'inshuti byabaha ubushobozi bwo gusangira ibi bitekerezo ?

______________________________

______________________________

______________________________

3. Tuvuge ko mu biganiro mwagiranye n'inshuti zanyu mwabonye umwanya wo kuvuga ku bitekerezo mumaze kwiga. Mwasubiza mute uwababaza ati : Ni ibihe bintu muzi ku Mana binyuze mu kwigaragaza kwayo ?

4. Mugerageze gufata mu mutwe rimwe cyangwa amabango menshi akurikira y'Inyandiko za Bahá'u'lláh' kugira ngo muzajye mushobora kuzifashisha igihe muganira n'inshuti kuri iyi nsanganyamatsiko :

**"Ntibishoboka kwumva cyangwa gushyikira uwo ibintu byose bikomokaho cyangwa ngo ushyikire ibi binyarumuri bikomeza biva ku zuba ry'ukuri."[5]**

**"Ukwigaragaza kw'ibintu buri gihe kwagiye kuba umusimbura n'umuvugizi w'Imana. Mu by'ukuri ni isoko y'Inyito zihebuje z'Imana, n'umuseke w'ibisingizo bimwitirirwa."[6]**

**"Byongeye kandi, mwizere mudashidikanya ko ibikorwa n'imirimo by'igigaragazwa by'Imana n'ibibyerekeyeho ndetse n'ibizagaragara mu gihe kizaza byose biri muri gahunda y'Imana kandi bimurikiwe n'ugushaka kwayo."[7]**

**ICYICIRO CYA 4**

Ubumwe bw'amadini ni insanganyamatsiko ishishikaza benshi rero ibitekerezo bikurikira bizabafasha mu bintu byinshi :

Tugomba kuba abakunzi b'urumuri, hatitawe kw'itara rubonekamo. Tugomba kuba abakunzi b'ururabo rwa roza, hatitawe ku busitani rweramo. Kwizirika ku itara rimwe bishobora kutubuza kubona ibyiza by'urumuri igihe ruboneshejwe n'irindi tara. Mugushakisha ukuri, tugomba kwivanamo ibitekerezo twishyizemo no kwitandukanya n'imanza ducira abandi. Niba inkongoro yacu yuzuye ubwikunde, nta wundi mwanya uhari w'amazi y'ubugingo.

Idini ni urumuri rw'isi. Riyobora intambwe zacu kandi rikadukingurira inzugi z'umunezero udashira. Iyo tugenzurye inyigisho z'amadini manini, tutihambiriye ku mahame yayo no kwigana buhumyi, bidutera kumva neza ko yose ashingiye ku kuri kumwe. Yose aduhishurira kumenya Imana. Adushakira iterambere ry'isi y'inyoko muntu.

Birumvikana, hari itandukaniro hagati y'amategeko agenga sosiyete n'andi mategeko aba yakwirakwijwe na buri dini, hakurikijwe ibikenewe muri icyo gihe n'aho ribarizwa. Ariko urebye neza, amadini yose akubiye muri rimwe. Yose yigisha ukwemera, ubumenyi, ukuri, ubutabera, ugusenga, agaciro ka roho, kwigirira icyizere, urukundo rw'Imana, ubugiraneza. Yigisha ubunyangamugayo, kutizirika ku by'isi, kwiyoroshya,

ubworoherane, kwihangana, no kudacika intege. Iyi migenzo yose ihora yibutswa muri buri teraniro.

Byaba bibabaje ko kubera imanza ducira abandi tudahuje idini no kwiganana buhumyi, benshi batashobora kubona ubumwe budashidikanywaho bw'amadini. Icyerekezo cy'Imana ku nyoko-muntu ni ukuri, kandi ukuri ntikugira ibitanya abantu, ni kumwe. Ni dushakashaka ukuri mu buryo bw'igenga, tugashyira kuruhande ibitekerezo twari twarishyizemo, uyu murimo wacu uwatugeza ku bumwe nyabwo. Idini rigomba kutwunga, rigomba gushyiraho imirunga y'urukundo hagati y'abantu. Niba idini rihindutse intandaro y'urwango n'amakimbirane, ikiruta ni uko ritaba ririho.

1. Nk'uko byagenze mu cyiciro kibanza, muzagomba gusoma kenshi ibimaze kuvugwa haruguru mu itsinda ryanyu, mubazanye ibibazo bijyanye n'ibi bitekerezo hanyuma mwimenyereze kubisobanura neza.

2. Mu itsinda ryanyu, ngaho nimutekereze ku buryo mushobora kwinjiza ibyo mumaze kwiga mu kiganiro : urugero : amakimbirane y'amadini abantu bakunze gutekerezaho. Ariho mushobora no kwisanga mu nshuti nyinshi murimo mujya impaka ku kamaro ko gushakisha ukuri kugira ngo mudatwarwa n'icengezamatwara. Mwiyibutse ibiganiro muherutse kugirana n'inshuti n'abaturanyi, abo mukorana ndetse n'abamenyi. Ni ibihe bintu bibari ku mutima bikwiye kugibwaho impaka muri ibi bitekerezo tumwaze kubona ?

________________________________________________

________________________________________________

________________________________________________

________________________________________________

________________________________________________

3. Mu gihe mumaze gusangira ibitekerezo byavuzwe haruguru mu kiganiro mwagiranye, mwasubiza gute umuntu ababajije ati : vuga amwe mu mahame amadini yose ahuriraho ?

________________________________________________

________________________________________________

________________________________________________

4. Murasabwa gufata mu mutwe ingingo imwe cyangwa ebyiri muri izi ibi byanditswe bya Bahá'u'lláh'.

**"Nta gushidikanya,ko abatuye isi bose, mu bwoko bakomokamo ubwo ari bwo bwose, cyangwa idini babarizwamo, bakomora inganzo yabo mu isoko imwe y'Ijuru kandi ko bose ari abana b'Imana imwe."**[8]

**"Mugenderere abayoboke b'amadini yose mufite umutima w'ubucuti n'ubuvandimwe."**[9]

**"Umugambi nyamukuru ugenderwaho mu Ukwemera kw'Imana n'idini yayo, ni ukugumana no kurinda inyungu z'ikiremwa-muntu, guharanira no gukomeza ubumwe bwe [……]."**[10]

**“Idini nyakuri ry’Imana rigizwe n’urukundo n’ubumwe, ntihakagire urigira impamvu y’inzangano no kudashyira hamwe.”[11]**

**ICYICIRO CYA 5**

Isano hagati ya siyansi n’amadini niyo nsanganyamatsiko ikurikiraho musabwa kwigaho.

Iyobokamana rigomba kwisanisha na siyansi. Imana yaduhaye ubushishozi ngo dushobora kubona ibiri ukuri. Siyansi n’iyobokamana bigomba byombi gusubira ibigendanye n’ubushishozi. Niyo mpamvu byombi bigomba kubyemeranywaho. Ni amababa abiri, ubwenge bwa muntu bushingiraho ngo butumbagire hejuru, amababa abiri inyoko-muntu ishobora kugurukiraho. Ibaba rimwe ntirihagije.

Siyansi ni ingabire y’Imana. Ivumbura amategeko agenga isi mu bumenyi kandi atuma twihanganira impaka twashyiriweho n’iyi si dutuyeho. Dufashisjwe n’ibikoresho bya siyansi, dushobora kubona ibintu bitabonwa n’ijisho risanzwe kandi tugashyikirana n’abaturi ku ntera ndende cyane mukanya gato. Siyansi yunga iby’ubu n’ibyahise, kandi igacengera amayobera y’ibizaza. Iterambere ry’abantu rishingiye ku byizwe muri siyansi.

Idini ry’Imana rishyira imbere ukuri, ni umufasha mu bumenyi rikaba n’imwigisha w’inyoko-muntu. Nta yobokamana, siyansi yahinduka ikintu kituganisha ku iterambere ry’ibintu bifatika gusa, binatuganishije ku kwiheba. Iyo iyobokama ribusanyije na siyansi, rihinduka baringa isanzwe. Iyo siyansi n’iyobokamana bijyanishijwe byombi mu buryo bwiza, igice kinini cy’urwangano kubihirwa n’ubuzima bisigaye biteza ibyago inyoko-muntu cyarangira.

1. Nk’uko bisanzwe bigenda, ni musome kenshi mu itsinda ryanyu, igika ku kindi, maze mubazanye ibibazo bamwe ku bandi kugeza igihe mumaze gufata neza ibikubiye muri ibi byatangajwe haruguru.

2. Umuntu wavuze ngo : « Iyobokamana ni impitagihe siyansi izakemura ibibazo byose by’inyoko-muntu » mwamusubiza iki ? Ese byaba ari ngombwa kuri mwe ko musobanura ko iyobokamana atari impuzanyito ya baringa, ahubwo ko ryahinduka yo nta siayansi kandi ko siyansi itarimo iyobokamana ijyana abantu mu bwihebe buterwa no gukunda ibintu. Mwashobora gutanga ingero z’ukuntu ibyo bintu byabaho ?

____________________________________________________________

____________________________________________________________

____________________________________________________________

____________________________________________________________

____________________________________________________________

3. Murasabwa gufata mu mutwe ingingo imwe cyangwa nyinshi muri izi ngingo w’Inyandiko za Bahá’u’lláh’ :

**“Ingabire y’ubwenge niyo iza mbere mu byiza Nyir’ububasha yahaye abantu, […….]. Iyi mpano iha umuntu ubushobozi bwo gufindura ukuri mu bintu byose, ikamuyobora ku kiri ukuri, ikanamufasha kuvumbura amabanga y’Iremwa.”**[12]

**“Itegereze isi unafate umwanya usesengure ibiyiriho. Ibi bizagufasha kwibonera ubwawe igitabo cy’ibiyigize, bizaguhishurira icyo Ikaramu y’umutware wawe, ariwe Mana yawe, Umuremyi, Uhoraho, yanditsemo.”**[13]

**“Ubumenyi bugereranywa n’amababa y’umuntu, ni urwego rw’iterambere rye. Buri wese agomba kubushaka akabugeraho.”**[14]

**ICYICIRO CYA 6**

Ubumwe bw’inyoko muntu ni insanganyamatsiko usanga muri iki gihe mu mitima y’abantu kandi benshi bazanezezwa no kubijyaho impaka hamwe namwe muri ibi bitekerezo bigiye gukurikira :

Ubusitani bwezemo indabo z’amabara yose n’impumuro yazo kuburyo zigiye zibangikanye, buryohera ijisho. N’ubwo ziba zifite amabara atandukanye buri rurabo ruvomererwa n’imvura imwe ndetse rukavirwaho n’izuba rimwe. Ibi niko biri no ku nyoko-muntu. Igizwe n’abantu b’amabara menshi n’amoko menshi. Ariko bose bakomoka ku Mana Imwe kandi baturuka hamwe. Ubudasa buri mu muryango w’abantu bwagombye kuba isoko y’ubwuzuzanye, kimwe n’uko muri muzika amanita n’amajwi atandukanye byibumbira hamwe bikagira injyana itagira amakemwa.

Ubumwe ni ingenzi mu buzima. Urukundo niyo mpamvu yo kubaho. Mu isi y’ibintu bifatika, ukubaho kwabyo bigukesha ubumwe bishyirwa hamwe n’itegeko rukuruzi. Iri tegeko rukuruzi rikusanya ibyangombwa bimwe na bimwe mu ishusho ry’ururabo rwiza. Ariko iyi rukuruzi ivanweho, ururabo rwahita ruraba maze rugapfa. Ni nako bimeze ku nyoko-muntu. Ingufu rukuruzi, ubwuzuzanye n’ubumwe ni imbaraga zituma inyoko-muntu ikomeza kubaho iri hamwe.

Bahá’u’lláh’ yateguye umugambi wo kunga abantu bose b’isi. Tugomba gukoresha imbaraga zacu zose kugira ngo tubakangurire kwitabira urwo ruziga rw’ubumwe. Mu gihe duhura n’abantu b’amoko atandukanye, ubwenegihugu, amadini n’ibitekerezo bitandukanye n’ibyacu, ntabwo tugomba kwemera ko ubwo budasa buhinduka umupaka hagati yacu. Twagombye kubafata nk’indabo z’amabara atandukanye zikurira mu busitani bwiza bw’inyoko-muntu kandi tukanezezwa no kuba hamwe nazo.

1. Nyuma yo kwiga igika cyo hejuru aha, nk’uko mwabigenje mu bika byabanje, mutekereze ku biganiro byinshi bibera iruhande rwanyu. Ni ibihe bibazo biba mu mitwe y’abantu byabaha ubushobozi bwo gusangira nabo ibitekerezo ?

2. Ikiganiro ku bumwe bw'inyokomuntu gishobora kuganisha ku kindi kiganiro-mpaka ku kamaro k'ubumwe mu muryango wa buri muntu. Mushobora kuvuga muri make uburyo buri umwe ashobora kubigiramo uruhare ?

3. Byaba byiza mufashe mu mutwe imwe cyangwa nyinshi mu nyandiko zikurikira kugira ngo zibafashe igihe muvuga kuri iyo nsanganyamatsiko muri kumwe n'inhsuti zanyu.

**Uruhimbi rw'ubumwe rwabashyiriweho, ntimukarebane nk'abanyamahanga. Muri imbuto w'iziti kimwe, amababi y'ishami rimwe gusa."**[15]

**"Urumuri rw'ubumwe rwifitemo ububasha bwo kumurikira isi yose".**[16]

**"Muhindukirire ubumwe, kugira ngo umucyo w'urumuri rwabwo ubashashagiremo. Nimwishyire hamwe kandi kubera urukundo rw'Imana mufate umwanzuro wo kurandura muri mwe buri kintu cyose cyabatera imirwano hagati yanyu."**[17]

**"Buri muntu agomba kwizirika cyane ku gitera imbaraga ubuvandimwe, ubugiraneza n'ubumwe."**[18]

**ICYICIRO CYA 7**

Ingingo ikurikira izabafasha kugirana ibiganiro mpaka ku nsanganyamatsiko irebana n'ubutabera ikibazo gihangayikishije cyane abantu bamwe na bamwe.

Itandukaniro ry'ubushobozi hagati y'abantu ni ndasimburwa mu mibereho y'abantu. Ntibishoboka ko abantu bose bangana mu buryo bwose bubaho. Ibyo ari byo byose, ibikorwa bya muntu, muri rusange, byagombye kuyoborwa hagendewe ku ndangagaciro y'ubutabera. Ubutabera bugomba gufatwa nk'ikintu gikomeye, kandi uburenganzira bwa bose bugomba kwitabwaho.

Ubutabera ntibugira umupaka ; ni umugenzo mwiza w'abantu bose. Buri muntu muri sosiyete yagombye kwishimira ibyiza by'iterambere kuko twese tugize umubiri w'inyoko-muntu. Iyo umwe mu bagize uwo mubiri ari mu bwihebe cyangwa mu ngorane, byanga bikunda abasigaye bibagiraho ingaruka. Ni gute umwe yabaafite ikibazo kandi abandi bo ntacyo babuze ? Ugufashanya no kwisanzuranaho bya ngombwa, mu buzima ubu byarabuze muri sosiyete y'ikigihe. Nta gahunda bifite. Ni ngombwa ko habaho amategeko ngenga myitwarire ashobora gutuma umuryango wose ubaho neza kandi ukagira umunezero.

Ubutabera bushingiye ku nkingi ebyiri : igihembo n'igihano za Leta ziyoborwa n'abadafite ukwemera, bazashyira mu bikorwa amategeko arenganya, badatinya igihano cy'Imana. Icyizere cy'igihembo n'ubwoba bw'igihano birakenewe byombi kugira ngo hatabaho ubugiranabi. Abanyamategeko n'abayashyira mu bikorwa bagomba kwiyumvisha inkurikizi z'Imana z'imyanzuro bafata. Abayobozi bemera ko inkurikizi z'ibikorwa byabo zizabakurikirana no hirya y'ubu buzima bwo kw'isi kandi

ko amategeko yabo azapimirwa ku munzani w'ubutabera bw'Imana bazirinda byanze bikunze ubugome n'itoteza.

1. Mumaze kwiga gusobanura neza ibi bitekerezo byavuzwe haruguru, ngaho nimutekereze ku nsanganyamatsiko z'ikiganiro zabonerwa ibisubizo mu ngingo zatanzwe n'ibimaze gutangazwa.

2. Ni gute wasubiza umuntu wemera ko akarengane katazigera karangira ?

3. Hano munsi murahasanga ingingo zimwe na zimwe z'Ibyanditswe na Bahá'u'lláh' zirebana n'ubutabera mushishikarizwa gufata mu mutwe.

**"Urumuri rw'abantu ni ubutabera. Icyazana ngo imiyaga inyuranye y'ibitotezo n'ubugiranabi ntizaruzimye. Intego y'ubutabera ni ugusakaza ubumwe hagati y'abantu."**[19]

**"Ntayindi mimurikire yagereranywa n'iy'ubutabera. Ukuyoborwa bw'isi n'umutekano w'Inyoko-muntu bigengwa nayo."**[20]

**"Ubutabera burera abatuye isi kuko bushyigikiwe n'inkingi ebyiri arizo : igihembo n'igihano. Izi nkingi ebyiri nizo masoko y'ubuzima bw'abatuye isi."**[21]

## ICYICIRO CYA 8

Intera iri hagati y'abakire n'abakene igenda yaguka buri munsi. Ingingo zikurikira zizabafasha kuganira n'inshuti kuri iyi nsanganyamatsiko n'izindi ziyishamikiyeho.

Muri iki gihe, kubera kubura ubusabane hagati y'abantu, bamwe mubagize sosiyete barishimye kuko bibera mu bukire no mu mudendezo mu gihe abandi badafite ibyo kurya n'aho kuba. Bamwe barakize birengeje urugero, abandi bari mu bukene bukabije.

Amategeko ya sosiyete agomba gushyirwaho akanakurikizwa ku buryo bitashoboka kuri bamwe kwirundaho umutungo utabarika ngo abandi ntibagire icyo batunga. Ibi ntibivuze ko abantu bose bagomba kureshya kuko ubusumbane mu ntera no mu bushobozi byahozeho kuva isi ikiremwa. Ariko umurengwe mu butunzi ugendana n'ubukene butera ubwihebe bushobora gucika. Niba ari byo ko umukungu yigwizaho umutungo, ibi ni nabyo ko umukozi yagira uburyo bwo kubaho neza buhagije. Niba

tubona ubukene bukabije mu bantu, ni uko byanga byakunda hari ahaboneka ikandamizwa.

Ikibazo gikomeye ni uko ubutabera bw'Imana bugomba kwigaragaza mu mibereho ya muntu. Ibintu by'ingenzi ngenderwaho bigenga ubukungu bifite umuzi mu Mana kandi bifitanye isano n'imva mutima n'ubwenge. Abakire bagomba gutanga ku butunzi bwabo; bagomba koroshya umutima wabo bakihingamo ubwenge bw'impuhwe. Imitima igomba gushyigikirana, urukundo rukaganza ku buryo abakire bazafata ingamba ku bushake bwabo bwo kuringaniza ubukungu bwabo mu buryo buhoraho. Bagomba kwiyumvisha ubwabo ko atari byo bitanakwiye ko bigwizaho umutungo mu gihe hariho ubukene mu miryango y'abantu. Ni muri ubwo buryo, bazatanga ku bushake bwabo kuri ubwo bukire bwabo, ariko banizigamira ibizatuma babaho mu mudendezo.

1. Musome izi ngingo, hanyuma muzigeho mu itsinda ryanyu nk'uko bisanzwe. Mu mitwe y'abantu harimo ibibazo byinshi bibaza kubijyanye n'ubukire n'ubukene, akazi, imishahara, aho kuba, ibyo ni bimwe na bimwe. Ese mushobora gutekereza ku zindi nsanganyamatsiko zo kugirwaho impaka bijyanye n'ibitekerezo byazwe haruguru ?

____________________________________________

____________________________________________

____________________________________________

____________________________________________

2. Ese mwasubiza iki umuntu wabumvise muvuga kuri ibi bitekerezo byo hejuru aha ababajije ati : « Muribwira ko abakire bazabyumva kandi bakemera amategeko akakaye, kandi ko bazariha ibyo bagomba gutanga koko ? Ni iki kibatera gutekereza ko ibyo bintu bishoboka?

____________________________________________

____________________________________________

____________________________________________

3. Murasabwa gufata mu mutwe imwe cyangwa ebyiri muri izi ngingo z'Ibyanditswe bya Bahá'u'lláh :

**“Mugomba kwera imbuto nziza kandi zitangaje mwe ubanyu ndetse n'abandi muzifashisha. Niyo mpamvu ari ngombwa kuri buri wese gushaka umwuga cyangwa umurimo akora, kuko aho ari ho hari ibanga ry'iterambere, bantu mwumva neza.”**[22]

**“Niba amaso yawe uyerekeje ku mpuhwe, ca ukubiri n'ibiguha inyungu wenyine, wegukire ibiha inyungu inyoko-muntu. Kandi niba amaso yawe uyerekeje ku butabera, hitiramo umuturanyi icyo nawe wakwihitiramo.”**[23]

**“Ahabwe umugisha umuntu uhitamo umuvandimwe we kuruta we ubwe.”**[24]

**“Mwirinde kurenga imbibi z'imibereho iciriritse no kubarwa mu bunyamurengwe. »** [25]

**“Nta gikorwa cyiza cyigeze kiba cyangwa kizaba impfabusa, kuko ibikorwa by’urukundo ari ubukungu bukomeye Imana iteganyiriza ababikora.”[26]**

## ICYICIRO CYA 9

Hano hasi hari ingingo zimwe na zimwe zizabafasha kwitabira ibiganiro mpaka muzagira ku nsanganyamatsiko irebana n’Ibitekerezo birenganya abandi nta shingiro.

Igitekerezo kirenganya abandi nta shingiro kigaragaza mu ngeri zose; amadini, ubwoko, igitsina, uruhu, ubukungu gisenya kamere-muntu kandi gihabanye n’amategeko y’Imana. Mu myaka myinshi cyane, inyoko-muntu yagiye ibabazwa n’intambara no kumena amaraso bitewe na kimwe cyangwa ikindi muri ibi bitekerezo birenganya nta shingiro. Igihe cyose bizaba bikiriho, inyoko-muntu ntizigera igira ikiruhuko.

Imana yohereje abahanuzi bayo kubera intego imwe rukumbi ariyo y’urukundo n’ubumwe. Ibitabo byose by’ijambo ry’Imana ni ikimenyetso cyanditse cy’urukundo. Niba aribyo bitera abantu gutana ni uko ntamusaruro bitanga. Niyo mpamvu, ibitekerezo birenganya abantu nta shingiro bishingiye ku madini bitandukanye n’ugushaka kw’Imana ndetse n’Itegeko ryayo.

Ibitekerezo birenganya abandi bw’igihugu nta bisobanuro byabonerwa umubumbe w’isi ni ubutaka, ni nk’igihugu kimwe. Imiryango n’imipaka itandukanya ibihugu ni imihimbano; ntabwo byaremwe n’Imana. Abantu nibo bavuga ngo uruzi uru n’uru ni umupaka hagati y’ibihugu bibiri baha izina buri nkombe yarwo, kandi uruzi rwararemewe ibihugu byombi, ni umuyoboro karemano wa bose. Ubwo se si ubujiji no guhimba bitera abantu kugira ibyiza by’ubuzima impamvu y’intambara n’isenyuka ry’ibintu ?

Ibitekerezo birenganya abandi bishingiye ku ruhu nabyo ni baringa. Ibara ry’uruhu rw’umuntu rikomoka ku kuntu abakurambere be bagiye bamenyera mu bihe binyuranye imiterere y’ikirere cy’aho bari. Umuco niwo uranga mu by’ukuri inyoko-muntu. Kuba indashyikirwa mu bumenyi, ntibiterwa n’ubwoko cyangwa ibara ry’uruhu. Ukwemera, ubunyangamugayo, ibikorwa byiza n’imbwirwaruhame zitomoye nibyo bifite agaciro imbere y’Imana.

Kuva kera cyane, abagore nta gaciro bari bafite imbere y’abagabo baranakandamizwaga. Itandukaniro hagati y’umugore n’umugabo ni nk’itegeko kuri iyi si, ariko mu isi y’ibijyanye n’ubwenge barareshya. Imbere y’Imana, nta tandukaniro riri hagati y’umugabo n’umugore. Imana yahaye inyoko-muntu aho iva ikagera ubwenge n’uburyo bumwe bwo kubona ibintu. Bose bafite ubushobozi bwo kwigiramo imigenzo myiza. Muri iki gihe, nta mpamvu n’imwe yaboneka yatuma igitsina cy’umuntu gihinduka intandaro iyo ariyo yose y’ivangura.

Hagendewe ku magambo yo mu Isezerano rya kera, Imana yaravuze iti : Tureme umuntu mu ishusho yacu, ase natwe. Ibyo birumvikana ko bireba n’abagore. Umuntu yaremwe mu ishusho y’Imana; ibi bivuze ko imigenzo myiza yagaragariza mu kubaho kwa muntu. Ibi rero ni ukuri ku nyoko-muntu yose. Ntibyumvikana ukuntu abantu bavuga ngo ab’uruhu runaka, ubwoko cyangwa ibihugu ibi n’ibi nibo baremwe mu ishusho ry’Imana. Ni ubusazi kumva ko abakire aribo baremwe mu ishusho rye

cyangwa gutekereza ko kuba wegera Imana bikugira igihangange muri sosiyete. Inyoko-muntu ntishobora kurasirwaho n'urumuri rw'Imana idaciye ukubiri n'ibitekerezo birenganya abandi nta shingiro cyangwa kwakira agakiza k'ubwami bw'ijuru.

1. Nimwige kuri iyi ngingo nk'uko mwabigenje ku zizibanziriza, hanyuma mutekereze ku mpaka zazamuwe n'inshuti zanyu ndetse n'abaturanyi banyu mu biganiro bisaba ko ibitekerezo birenganya abandi nta shingiro byavanwaho burundu.

___

___

___

2. Mwasubiza iki umuntu wabumvise muganira kuri ibi bitekerezo byavuzwe haruguru ababajije ati: Ese dushobora kugira ibitekerezo birenganya abandi nta shingiro tutabizi ?

___

___

___

3. Hari igihe bizaba ngombwa ko mu biganiro-mpaka muzagirana muzakenera kwifashisha imwe cyangwa indi muri izi ngingo z'ibyanditswe bya Bahá'u'lláh' :

**Isi ni igihugu kimwe gusa kandi abantu bose ni abaturage bayo.**[27]

**Ibiti bito byose by'isi bituruka ku giti kimwe rukumbi, imitonyi yose y'amazi agize Inyanja imwe, n'abaremwe bose rero ukabaho kwabo bagukesha uwabaremye.**[28]

**Kuba umuntu nyawe uyu munsi ni ukwitangira ikiremwamuntu.**[29]

**Urumuri rw'imico myiza rusumba kure ubushashagirane bw'izuba.**[30]

**Agaciro k'umuntu ntikareberwa mu misusire ye n'ubukire, ahubwo mu myitwarire ye myiza n'imyumvire ye iboneye.**[31]

**Imana ishaka ko mu bintu byose no mu bihe byose mubona ubufasha bwinshi kugira ngo musenye ibigirwamana bya baringa kandi mushwanyaguze ibikingirije byose ibyo abantu bibwira.**[32]

**Mu bantu bose, usuzuguritse kurusha abandi ni wa wundi uzamura ibitekerezo bidafashe kandi agashaka kwishyira hejuru y'umuvandimwe we.**[33]

## ICYICIRO CYA 10

Mu biganiro muzagirana n'inshuti, muzashobora kwifashisha ibitekerezo by'izi ngingo zikurikira zirabana no kureshya no kuringanira by'abagore n'abagabo :

Izuba iyo ryaka, mu rumuri rwaryo n'ubushyuhe, rigaragaza ukuri kw'ibintu byose byo ku isi. Urubuto ruhishe mu giti rutungukira mu mashami yacyo kubera ubushobozi bw'izuba. Rero, Izuba ry'ukuri, rimurikana ubwiza bwaryo mu ijuru, ryagaragaje ibintu

bitabonekaga mbere. Niyo mpamvu icyo gihe ihamwe ry'uburinganire hagati y'umugabo n'umugore ryamenyekanye byuzuye kandi rikaba noneho ari ikintu gihamye.

Bahá'u'lláh yemeje, mu magambo yumvikana neza, ko mu maso y'Imana nta tandukaniro riri hagati y'abagabo n'abagore. Ubusumbane bwagiye bugaragara mu myaka yahise ntabwo ari inkurikizi z'uko umugabo aruta umugore, ahubwo byatewe n'uko abagore batagiye bahabwa umwanya ngo berekane agaciro k'ibyo bashoboye. Nyamara muri uko kurenganywa kudafite ishingiro, amateka aduhamiriza ubuzima bw'abagore benshi bagiye bagaragaza ibikorwa bihambaye.

Hari umugore w'umu Perse witwa Ta'hirih wabaye umusizi. Yavutse mu ntangiriro ya za 1800, mu gihugu abagore bari hasi cyane y'abagabo. Ni we wabaye umugore mbere wemeye ukuri k'ukwigaragaza kw'Imana. Muri uko kuba umuhamya w'intangiriro y'umunsi mushya, yabonye gihamya ko igihe cyari kigeze cyo kwemeza uburinganire bw'abagabo n'abagore. Yashyize imbaraga ze zose mu gutangaza uko kuri. Ubumenyi bwe no kuvuga adategwa byatangaje abagabo b'intiti b'icyo gihe. N'ubwo umwami yakoresheje imbaraga ze zose amurwanya, n'ubwo umubwiriza adafite ubwenge kandi w'umwirasi nawe yamurwanyaga, nta na rimwe yigeze ashidikanya kuvugisha ukuri. Byarangiye atanze ubuzima bwe kucyo yaharaniye kandi atahwemye kugira icye.

Kwemera ibihabanye n'umugambi w'Imana ni ubujiji. Muri iki gihe cya none abagore bagomba guhabwa umwanya n'uburyo bwo kwiyigisha no kubona imyanya nk'iyo abagabo babona mu nzego zose z'imirimo. Igihe cyose uburinganire hagati y'abagabo n'abagore buzaba butaragerwaho hano ku isi nk'uko bimeze mu bwami bw'Imana, iterambere nyaryo ry'abantu ntirizashoboka.

1. Nk'uko bisanzwe, mwakagombye kwiga izi ngingo zavuzwe haruguru mu itsinda ryanyu mukanimenyereza gutanga ibitekerezo. Mbese hari ibiganiro muherutse kugirana n'inshuti zanyu mwaba mwarifashishije izi ngingo. Ni izihe nsanganyamatsiko mwagiyeho impaka ?

2. Vuga imyemerere imwe n'imwe n'imyitwarire y'abantu yakwirakwijwe muri sosiyete y'iki gihe yagombye guhinduka niba abagore bagomba kubona imyanya nk'iy'abagabo mu ngeri zose z'imirimo.

3. Hano hasi murahasanga amagambo amwe n'amwe mu yavuzwe mu byanditswe bya Bahá'u'lláh' muzagomba gufata mu mutwe.

**"Umugabo n'umugore babaye kandi bazahora bangana iteka ryose mu maso y'Imana."**[34]

**"Mbese muri kwirengagiza impamvu twese twaremwe mu mukungugu umwe ? Ni ukugira ngo hatagira uwishyira hejuru y'abandi."[35]**

**"Kuri uyu munsi, ikiganza cy'Ingabire y'Imana cyakuyeho ibitandukanya byose iyo biva bikagera. Abaja n'abajakazi b'Imana bose, Ibabona kimwe."[36]**

## ICYICIRO CYA 11

Ingingo ya nyuma musabwa kwigaho ijyanye n'uburezi bwa bose.

Kuzamura ireme ry'uburezi ni ikintu cya ngombwa mu byihutirwa muri iki gihe cya none. Nta gihugu na kimwe gishobora kugera ku iterambere kidashyize uburezi ku isonga y'ibigihanganyikishije kuruta ibindi. Impamvu nyamukuru ituma abaturage b'igihugu basubira inyuma ni ukubura ubumenyi buhamye.

Uburezi bugomba gutangirira mu myaka yo hasi. Ni umukoro w'ababyeyi wo kwihatira mu buryo bwose bushoboka guha abana babo uburezi n'uburere, kubatoza umuco n'imyemerere ndetse n'imyitwarire ihura n'amategeko y'Imana kandi ugakora ku buryo bagira ubumenyi mu bugeni na siyansi. Ababyeyi b'abagore ni bo barezi b'ibanze b'inyoko-muntu, bagaburira abana babo ibintu byose bijyanye n'ubumenyi bw'ibanze. Abana bose bagomba kwigishwa ntabwo ari ibintu bigomba gusuzugurwa. Niba ababyeyi bafite ubushobozi bw'amafaranga, ni itegeko ko babikora. Bitabaye ibyo, sosiyete barimo niyo igomba gutanga ibyangombwa byose ku burezi bw'umwana.

Uburezi bugomba kuzamura muri buri kiremwa muntu icyifuzo cyo kugera ku bumenyi bwo hejuru yifuza kandi agashishikarira kubigeraho n'imbaraga ze zose. Tugomba kwifuza kugaragaza itandukaniro n'abandi mu myifatire myiza imurikize na roho, bakanatumenyera ku migenzo myiza ya kimuntu nko : kuvugisha ukuri, ubunyangamugayo, kwitangira abandi urukundo n'ubutabera. Tubomba gushaka kuba intangarugero mu muhate wacu wo gutera amahoro n'ubumwe no gushyira imbere kwiga. Kuyobora abantu muri iyo nzira ni wo murimo nyawo w'uburezi.

1. Nyuma yo kwiga izi ngingo zivuzwe haruguru mu itsinda ryanyu, mugerageze kuzivanamo bimwe mu bihangayikishije inshuti zanyu ku birebana n'uburezi. Ni gute ibitekerezo byavuzwe hejuru byaba ibisubizo ku bibahangayikishije ?

________________________________________________

________________________________________________

________________________________________________

________________________________________________

2. Turabashishikariza gufata mu mutwe byibura kimwe muri ibi byanditswe na Bahá'u'lláh'

**"Ntawakwifuza ko umuntu abura ubumenyi cyangwa umwuga akora, kuko yaba ameze nk'igiti cyarumbye."[37]**

**"Ubwenge bwanyu n'ugushaka kwanyu nimubiharire uburezi bw'abatuye isi."[38]**

**“Ubugeni, imyuga na siyansi bikungahaza abatuye isi bikanabatera akanyamuneza.”[39]**

**“Nta gushidikanya ko ubumenyi ari ubukungu nyabwo bw’umuntu, isoko y’ikuzo, ibyiza, ibyishimo, umunezero no gushimwa na bose.”[40]**

**ICYICIRO CYA 12**

Amahoro ni ikibazo abantu bose batekerezaho. Kubaka amahoro biba ari ibintu byihutirwa cyane kandi cy’ingenzi mu buzima. Ubu rero ubwo mwamaze kuganira ku mahame yagaragajwe mu ngingo zabanje, muzasanga ari iby’umumaro gutekereza ku kibazo cy’amahoro y’isi yose.

Birumvikana ko byose biterwa na za Leta zizagomba gufata ingamba zifatika kugira ngo ntihabeho intambara mu bihugu. Ibyemezo bya politiki bigamije gukemura amakimbirane no kugabanya gushaka intwaro ni ingenzi mu gushakashaka amahoro cyo kimwe n’ubufatnye bunyuranye hagati y’ibihugu. Nyamara, uko izo ngamba zose zaba ari ingirakamaro, ntizizazana amahoro arambye niba amahame twabonye mu ngingo zibanza zidashyizwe mu bikorwa ku isi yose. Uretse ko abantu bacukumbura bakavumbura ko kw’isi yose ukuri ari kumwe naho ubundi tugomba kwibaza niba ubunyamaswa mu by’umutekano buzagera aho bugashira burundu. Twese dufite inkomoko imwe. Imana niyo uturinze twese kandi itwigisha twese ikoresheje ukwigaragariza kwayo mu biremwa. Inyigisho zose duhabwa zishingiye ku rukundo n’ubuvandimwe. Igihe ubumwe bw’Iyobokamana bwakwira hose nibwo amakimbirane hagati y’amadini azahagarara, noneho urumuri rw’Iyobokamana rukamurikir, inzira y’amahoro. Tugomba nabwo kwibaza niba atari ngombwa ko siyansi n’iyobokamana bikorana mu bwubahane kugira ngo habeho ibihu by’ubujiji no kwerekana ubuyobe bw’ibitekerezo birenganya abandi kuko buri gitekerezo kibi ari umupaka ukomeye w’amahoro. Ese dushobora kubaka isi y’amahoro ? Iki ni ikindi kibazo dukwiye kwibaza muri iyi si y’ubu, niba itandukaniro hagati y’mukire n’umukene ridashoboye gukemurwa muri buri mugabane wo mu isi. Ikindi ni uko ihohotera n’ihohoterwa byaranze amateka rizasimburwa n’amahoro n’iterambere rirambye igihe abagore bazaba bashyirwa ku munzani umwe n’abagabo mu kubona imyanya mu ngeri zose z’ibikorwa cyangwa imirimo. Urubyiruko rw’ahazaza rugomba kwigishwa nta numwe usigaye hagendewe kuri aya mahame yose, bitaba ibyo icyizere cy’amahoro kikayoyoka. Ngaho rero nimufate mu mutwe amagambo akurikira ya Bahá’u’lláh’ kugira ngo muzayasangize abandi bantu bashishikajwe n’ahazaza h’Inyoko-muntu ;

**“Ukubaho neza kw’Inyoko-muntu, amahoro n’umutekano byabo ntibizagerwaho hatabonetse ubumwe butajegajega.”[41]**

**REFERENCES**


1. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 1983, 2017 printing), CIX, par. 2, p. 243.

2. Ibid., CXXXII, par. 1, p. 325.

3. Ibid., XXXIV, par. 5, p. 89.

4. Tablets of Bahá'u'lláh Revealed after the Kitáb-i-Aqdas (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 1988, 2005 printing), no. 11.1, p. 161.

5. Bahá'u'lláh, The Kitáb-i-Íqán: The Book of Certitude (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 2003, 2018 printing), par. 151, p. 131.

6. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh, XXVIII, par. 2, p. 77.

7. Ibid., XXIV, par. 1, p. 66.

8. Ibid., CXI, par. 1, p. 246.

9. Ibid., XLIII, par. 6, p. 106.

10. Ibid., CX, par. 1, p. 244.

11. Tablets of Bahá'u'lláh Revealed after the Kitáb-i-Aqdas, no. 15.4, p. 220.

12. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh, XCV, par. 1, pp. 219–20.

13. Tablets of Bahá'u'lláh Revealed after the Kitáb-i-Aqdas, no. 9.13, p. 141.

14. Ibid., no. 5.13, p. 51.

15. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh, CXII, par. 1, pp. 247–48.

16. Ibid., CXXXII, par. 3, p. 326.

17. Ibid., CXI, par. 1, p. 246.

18. Tablets of Bahá'u'lláh Revealed after the Kitáb-i-Aqdas, no. 7.20, p. 90.

19. Ibid., no. 6.25, pp. 66–67.

20. Bahá'u'lláh, cited by Shoghi Effendi, The Advent of Divine Justice (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 2006, 2018 printing), par. 42, p. 41.

21. Tablets of Bahá'u'lláh Revealed after the Kitáb-i-Aqdas, no. 3.23, p. 27.

22. Bahá'u'lláh, The Hidden Words (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 2003, 2012 printing), Persian no. 80, p. 51. Uplifting Conversations – 33

23. Tablets of Bahá'u'lláh Revealed after the Kitáb-i-Aqdas, no. 6.19, p. 64.

24. Ibid., no. 6.37, p. 71.

25. Bahá'u'lláh, in Ḥuqúqu'lláh—The Right of God: A Compilation of Extracts from the Writings of Bahá'u'lláh and 'Abdu'l-Bahá and from Letters Written by and on Behalf of Shoghi Effendi and the Universal House of Justice, compiled by the Research Department of the Universal House of Justice (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 2007), no. 16, p. 16.

26. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh, CXVIII, par. 2, p. 283.

27. Ibid., CXVII, par. 1, p. 282.

28. Bahá'u'lláh, cited by Shoghi Effendi, The Promised Day Is Come (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 1996, 2018 printing), par. 279, p. 187.

29. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh, CXVII, par. 1, p. 282.

30. Tablets of Bahá'u'lláh Revealed after the Kitáb-i-Aqdas, no. 4.11, p. 36.

31. Ibid., no. 6.3, p. 57.

32. Ibid., no. 6.3, p. 58.

33. The Hidden Words, Persian no. 5, pp. 23–24.

34. Bahá'u'lláh, in Women: Extracts from the Writings of Bahá'u'lláh, 'Abdu'l-Bahá, Shoghi Effendi and the Universal House of Justice, compiled by the Research Department of the Universal House of Justice (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 1986, 1997 printing), no. 54, p.

35. The Hidden Words, Arabic no. 68, p. 20.

36. Bahá'u'lláh, in the compilation Women, no. 3, p. 3.

37. Bahá'u'lláh, in Excellence in All Things: A Compilation of Extracts from the Bahá'í Writings, compiled by the Research Department of the Universal House of Justice (London: Bahá'í Publishing Trust, 1981, 1989 printing), no. 5, p. 2.

38. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh, CLVI, par. 1, p. 378.

39. Bahá'u'lláh, Epistle to the Son of the Wolf (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 1988, 2016 printing), p. 26.

40. Tablets of Bahá'u'lláh Revealed after the Kitáb-i-Aqdas, no. 5.13, p. 52.

41. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh, CXXXI, par. 2, p. 324



# Ingingo zo gusobanukirwa byimbitse

## Intego

Gutezimbere ukumenyera gusura inshuti n'abaturanyi

kugurango haganirwe ku ngingo zingirakamaro z'ubutungane

**ICYICIRO CYA 1**

Iki gice cya gatatu, nicyo kimwe n'ikikibanziriza, kirarebana n'ubushobozi budufasha kugirana ibiganiro byimbitse kandi byigisha. Mu gice cya kabiri, twibanze ku buryo bwose bushoboka bwo kuzamura intera y'ikiganiro twifashisha inyigamyitwarire mu by'Imana. Hano, ikigamijwe ni « ugusura » inshuti mu ngo zabo ndetse n'iz'abaturanyi kugira ngo dusesengurire hamwe insanganyamatsiko z'ingenzi mu buzima bw'imiryango.

Mu mirenge n'imidugudu y'isi yose, amatsinda y'inshuti yishyize hamwe mu bikorwa bisobekeranye kandi byinshi bigizwe n'amashyirahamwe y'abasenga ku buryo buhoraho, amashuri atanga uburere mu bya roho bw'abana, amanama y'urubyiruko, ingando z'urubyiruko n'ibindi byose bishobora guhuza abantu mu ntego baba bihaye. Uko icyo gikorwa ntangarugero kigenda gishinga imizi aho cyakorewe, n'uko abantu bagenda bitangira ibikorwa by'uwo murimo, niko ubucuti bugenda bwiyongera mu mbaraga n'umubare w'abantu babwitabira gahunda ihamwye yo gusurana mu miryango ku misozi n'imidugudu niyo igize ubuzima mu buryo bwo kubaka umuryango ku ntera ifatika. Abantu biga ku nsanganyamatsiko zinyuranye muri uko gusurana. Umwarimu w'ishuri Baha' ie ry'abana, nk'urugero, agomba gusura kenshi ababyeyi b'abana kugirango bagirane ibiganiro mpaka ku nsanganyamatsiko zijyanye n'uburezi. Ugusura nk'uko kandi kugomba gukorwa mu ngo z'abakiri bato n'urubyiruko bikozwe na ba animateri babo ndetse n'ababashinzwe kugira ngo bajye impaka zubaka ku nsanganyamatsiko zirebana n'ingorane ndetse n'amahirwe ahari ajyanye n'iyi myaka yabo yuzuyemo amasezerano y'ibyo bifuza kugeraho mu buzima bw'ikiremwa-muntu. Ibiganiro bigizwemo uruhare n'abagize umuryango ku nsanganyamatsiko zikomeza ubumenyi mu kwemera, ni ingenzi cyane. Muri rusange, uku gusurana byongera umuco w'ubucuti n'ubuvandimwe mu miryango ku rugero rwo hejuru.

**ICYICIRO CYA 2**

Mu mpera z'iki gice, tuzasuzuma akadugudu, gahimbano aho imigendekere yavuzwe haruguru itera imbere hanyuma tugakoreshe dusuzuma amoko y'ibiganiro bishobora kuzamurwa igihe twasuye abantu mu ngo.

Urugero : Alexandra ni umugore ukiri muto wiga mu mwaka wa gatatu wa kaminuza. We n'umwe muri basaza be, nawe wiga, babana n'ababyeyi babo mu kadugudu twahimbye, mu rugo bavukiyemo bakanakuriramo. Uko ari bane ndetse n'abageni baherutse kwimukira muri aka kadugudu, buri cyumweru bateranira hamwe bagasenga kandi bagahura kugira ngo barebe uko ibikorwa bagirira abahatuye bangana na 8,000 biri kugenda. Abandi batatu rimwe na rimwe bitabira inama ziba rimwe mu cyumweru kandi batangiye nabo gutekereza kubyimbitse, ku bikorwa bitari ibyabo gusa ahubwo binareba uko umuryango mugari muri rusange ugenda wubaka ubushobozi. Umwarimu w'ishuri ry'abana umaze imyaka itandatu atangiye uwo murimo, n'abandi babiri b'imyaka cumi n'irindwi bakurikiranira hafi ukwitanga kw'itsinda ry'ingimbi n'abangavu babifashijwemo na mukuru w'Alexandra, wahoze ari umushyushyarugamba w'itsinda ryabo igihe bari bakiri bato kandi agasura babo.

Uruhererekane rwa mbere rw'ibiganiro tuzagenzura ruri hagati ya Alexandra n'aba Sanchez, uyu ukaba ari umuryango uzwi neza kandi wubashywe mu kadugudu. Uyu mugore n'umugabo bafite mu myaka ya za mirongitandatu kandi bareze abana babo barakura, ubu baba bonyine hafi yo kwa Alexandra. Bwana na Madamu Sanchez bazi gusoma no kwandika

ariko nta burezi bw'ibanze buhambaye babonye. Icyubahiro cyinshi bahabwa gituruka ku bwitonzi n'ubushishozi bwabo bukomoka ku bunararibonye bafite bw'ubuzima bwo kwitanga no gutanga batitangiriye itama. Bazi inyigisho za kibahayi bamaranye igihe, ariko vuba aha nibwo bafashe umwanzuro wo kuziga mu buryo bwimbitse. Hashize icyumweru bamenyesheje ababyeyi ba Alexandra icyifuzo cyabo cyo kwinjira mu ikoraniro ryabo. Inama yo kubakira yarangije gutegurwa kandi bumvikanye ko Alexandra azajya abasura kenshi mu gihe cy'ibyumweru byinshi kugira ngo asangire nabo uruhererekane rw'insanganyamatsiko zizabafasha kugira ubumenyi buhagije bw'ukwemera kwa kibaha'i. Nimukurikirana inkuru z'iryo sura, muzashobora gusesengura izo nsanganyamatsiko no gutekereza ku gaciro k'ibyo biganiro.

**ICYICIRO CYA 3**

Alexandra arateganya gukorana ikiganiro cya mbere na Bwana na Madamu Sanchez ku gisobanuro kigufi cy'insanganyamatsiko y'igihango gihoraho cy'Imana, mu buryo bukurikira :

> Umuremyi wa byose ni Imana Imwe rukumbi, ntagereranywa, yihariye. Bahá'u'lláh' atwigisha ko kamere y'Imana idashobora kumvwa n'ubwenge bwa muntu kuko igishira kidashobora kumva ikidashira. Uko abantu bayigaragaza ni umusaruro gusa w'uko baba babihimbye mu mitwe yabo. Imana si umuntu, nta n'ubwo ari imbaraga zoroheje zakwirakwijwe mu isi. Amagambo tugomba gukoresha twerekana Isôko y'ukubaho kwacu, ateye atya : Data wo mu ijuru, Imbaraga zo mu ijuru cyangwa Nyir'ububasha, Roho Nkuru, bisobanura amazina yayo n'ibyo tuyitirira mu mvugo ya muntu kandi nyamara si byo biyiha ibisobanuro nyakuri by'uko iri.

Mu magambo Ahishwe dusomamo ibi :

> **«Yewe muhungu w'umuntu! Nakunze iremwa ryawe, niyo mpamvu nakuremye. Nkunda rero kugira ngo nshobore kuvuga izina ryawe kandi umutima wawe nywuzuzemo umwuka w'ubugingo.»**[1]
>
> Muri iyi mirongo, Bahá'u'lláh' aratubwira ko urukundo rw'Imana arirwo rutubeshejeho. Tugomba iteka guhora twiyibutsa urwo rukundo ruturinda, rudushyigikira rukanatwuzuzamo umwuka w'ubuzima mu bihe bikomeye no mu bihe tumerewe neza, iby'umubabaro n'iby'ishimo, tugomba guhora twiyibutsa ko urukundo rwe ruhora rutugose.
>
> Dukurikije inyigisho za kibaha'is, twiga ko kuba Imana yaraturemanye urukundo hari Igihango yagiranye natwe. Ijambo «Igihango» risobanura «isezerano» hagati y'abantu babiri cyangwa benshi. Hagendeye ku gihango gihoraho, umuremyi utanga atizigamye ntadutererana bibaho kandi uko ibihe bisimburana n'ibindi, Atumenyesha ugushaka kwe, n'imigambi adufitiye binyuze mu buryo bwinshi yigaragazamo.
>
> Inshinga « kugaragaza » isobanura guhishura, kwerekana ikintu kitari gisanzwe kuzwi. Ukwigaragaza kw'Imana ni abo bantu badasanzwe atwoherereza baduhishurira ijambo ry'Imana ; Ni Abarezi b'isi yose batwigisha uko tubaho tugendera mu gushaka kw'Imana n'uko twagera ku munezero nyakuri. Muri abo

twavugamo : Abraham, Krishna, Zoroastre, Boudha, Kristu, Muhamed, birumvikana na Bahá'u'lláh' na Bab, Abagaragazwa nk'impanga z'Imana muri iyi myaka y'amateka ya muntu.

Rero, mu gihango gihoraho cy'Imana, yahagaze iteka mu murimo we. Ikibazo cy'ingenzi tugomba iteka kwibaza ni iki : Ni gute nshobora kuzuza umugabane wanjye w'Igihango ? Igisubizo dusanga mu byanditswe bitagatifu ni iki : Twemera ukwigaragaza kw'Imana kandi twumvira inyigisho ze. Iki gisubizo cyerekana bya nyabyo impamvu y'ukubaho kwacu, ari yo : Kumenya no kuramya Imana. Mu isengesho rigufi tugomba kuvuga, dutangaje ko :

«**Mana yanjye, ndahamya ko wandemeye kukumenya, no kukuramya, muri aka kanya nemeye ubushobozi buke bwanjye n'ububasha bwacu, ubukene bwanjye n'ubukire bwawe.**

«**Nta yindi Mana ibaho itari wowe, Mukiza, Mushobora byose.»**[2]

Kubera ko ntabundi buryo dushobora kumenya Imana hatabayeho ukwigaragaza kwayo, uburyo bwonyine dushobora kugaragazamo imapvu yacu yo kubaho ni ukumenya ibyanditswe bitagatifu no gukurikiza inyigisho duhabwa kuri byo. Muri iki gihe imitima yacu yuzuye amashimwe kubera umugisha dufite wo kubaho mu kinyejana aho isezerano twahaze mu bitabo bitagatifu byose, ko amahoro n'ubutabera bizaganza ku isi, riri mu nzira yo gushyirwa mu bikorwa. Bahá'u'lláh' aratangaza ibi :

**«Nguyu umunsi Imana yanyanyagijeho mu bantu ibintu bitangaje bitigeze bitangwa n'undi, umunsi ingabire ye ikomeye cyane yasakaye mu bintu byose byaremwe. Niyo mpamvu abatuye isi bose bagomba gushyira ku ruhande ibibatanya, bakaguma mu bwiyunge, mu mahoro asesuye, mu gicucu cy'Igiti cy'ubuntu bwe n'ubugwaneza bwe.»**[3]

Mbere yo gukurikirana inkuru yacu, mugomba kubanza gusoma igisobanuro cyanditse haruguru no kugitekerezaho igika ku gika muri kumwe n'abandi bitabiriye bo mu itsinda ryanyu. Mushobora kubazanya ibibazo bamwe ku bandi kandi mukabisubiriza hamwe, kugeza ubwo buri wese muri mwe ashobora gutanga ibitekerezo yisanzuye mu buryo bumworoheye gufata neza mu mutwe ibyavuzwe na Bahá'u'lláh' ni ingenzi cyane, kuko gusangira imirongo y'Ibyanditswe bitagatifu mu biganiro-mpaka nk'ibi ari ngombwa cyane. Imyitozo ikurikira izabafasha gutekereza neza ku bitekerezo byagaragajwe muri iki cyiciro no ku bisobanuro by'imirongo yagiye ivugwa.

1. Ni gute mwasobanurira umuntu ko Imana ari roho idapfa kumenyekana

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

2. Kuki Imana yaturemye __________________________________

______________________________________________

3. Ijambo «igihango» risobanura iki ? ______

4. Imana yasezeranije iki inyoko-muntu mu«Gihango gihoraho» yagiranye na yo ?

______

5. Ni iyihe mpamvu yacuyokubaho ? ______

6. Niba tudashobora kumenya na rimwe kamere nyayo y'Imana, bisobanuye iki ko impamvu yo kubaho kwacu ari ukumenya Imana ? ______

7. Ijambo : «Kwigaragaza» risobanura iki ? ______

8. Vuga bimwe mu byo Imana yigaragarizamo : ______

9. Ni iki dusabwa niba dushaka kuzuza inshingano yacu mu «Gihango» ?

______

10. Uzuza interuro zikurikira :

a. Nguyu umunsi Imana yanyanyagijeho mu bantu ______

b. Ku munsi ingabire ye ______ mu bintu byose byaremwe.

c. Muri iki gihe, abatuye isi bose bagomba ______ ibibatunga kandi mu bwiyunge, mu mahoro asesuye ______

11. Bahá'u'lláh' arasaba iki abatuye isi bose ? ______

**ICYICIRO CYA 4**

Ibikubiye mu nsanganyamatsiko y'Alexandra ateganya gusangiza Bwana na Madamu Sanchez. Si ibyo byonyine afite mu mutwe. Arizera kugira umurunga ukomeye w'ubucuti hagati ya n'urwego rwabo. Kubera ubunararibonye afite, azi ububi by'ibitekerezo birenganya umuntu nta mpamvu, n'imiterere yo kuba umubyeyi. Azabyirinda rero: amashuri makuru afite ntiyigeze agabanya ubwiyoroshye bwe. Ibyo afite mu mutima we ni urukundo n'icyubahiro nyakuri agomba ba Sanchez. Mu gihe arimo gutekereza ku buryo azasobanura insanganyamatsiko ya mbere, ariyibutsa ko ari intangiriro y'ikiganiro kizahoraho kikamara ibyumweru byinshi. Azi ko, n'ubwo ari ingenzi kwerekana ingingo z'ibitekerezo mu buryo busobanutse, bizaba ngombwa ko abihagarika umwanya kugira ngo atege amatwi ibyo ba Sanchez babivugaho. **"**Nzagerageza kwishyira mu mutuzo, niko yibwira, kubera ko ari muri uwo mwanya niha kuvuga, nkavugaa…, rero nta mahirwe nzagira kugira ngo ikiganiro kigize ireme nindatuza." Alexandra arakomeza gutekereza ku buryo azasura uwo muryango, biramufata igihe. Niba mwarimu mu mwanya we, ni ibihe bitekerezo muri ibi bikurikira mubona bijyanye n'ibyo mwaba mwibaza mu mutwe wanyu ?

____ Ni umurimo wanjye wo kwigisha ba Sanchez mu kwemera no gukora ku buryo bafata ibyo mbigisha byose.

____ Mbega amahirwe mfite yo gushobora kumarana igihe n'uru rugo rwiza rwa ba Sanchez no gusangira nabo ingingo z'Ibyanditse bitagatifu !

____ Nzi ko iri sura ari ingenzi. Nyamara, ndizera ko bitazafata igihe kinini kubera ko mfite ibindi bintu byinshi byo gukora.

____ Ibyanditswe byo gufata mu mutwe birakomeye kuri bo. Nagombye kubabwira bimwe na bimwe na bimwe mu bitekerezo byoroshye. Icy'ingenzi ni ukubereka urukundo.

____ Ku myaka yabo, aba Sanchez ntibashobora kwiga byinshi.

____ Ntegerezanyije umuhate ugusurwa kugira ngo ntege amatwi uko bo babibona mu gihe tujya impaka ku nsanganyamatsiko tukanatekereza ku byatangajwe na Bahá'u'lláh'.

____ Bazi gusoma. Ndabahaha gusa icyigwaho, mbasigire na (les citations) bigaho bonyine.

____ Mu gihe cyo kubaha ibitekerezo, nzagomba guhagarara kenshi kugira ngo twigire hamwe (les citations).

____ Ndizera ko nzabaha ibigize insanganyamatsiko nta guhagarika, hanyuma nibarangiza mbababaze niba hari ibibazo bafite.

Ese mushobora no gutekereza ku bindi byiyumviro mwashaka cyangwa mutashaka kugira mugihe muri kwitegura uko kubasura ?

**ICYICIRO CYA 5**

Ugusura kwa mbere kwa Alexandra mu rugo rwa Sanchez bigenze neza. Aba Sanchez babonye ko atisanzuye neza imbere yabo maze baramuhumuriza bakoresheje ubugwaneza bwabo. Bamuteze amatwi kandi bitabiriye batizigamye impaka bari kujya bita cyane cyane ku byatangajwe na Bahá'u'lláh'. Igihe cyabakomereye cyonyine ni ku musozo w'ikiganiro aho umugore wa Sanchez atungura Alaxandra amubaza ati : «Mbese nibagiwe Kristu nsanga umuryango baha'ie ?» Alexandra afite igisubizo ariko biramufata umwanya kugira ngo agitange neza. Bwana Sanchez arasetse maze atangira kumufasha :

«Ndatekereza ko urukundo nkunda Kristu rwakuze, guhera igihe twumvaga iby'inyigisho za kibaha'ie» Alexandra umaze kwegeranya ibitekerezo maze yungamo ati : «Ni nako byagendekeye n'abandi bantu benshi bo ku isi urukundo bakunze Mussa, Kristu, Krishna, Boudha, Zoroastre na Muhamad rwakomejwe ibyo Bahá'u'lláh' yigisha ku bumwe bw'Imana, ubumwe bw'amadini n'ubumwe bw'inyoko-muntu.» Byaba iby'ingirakamaro mufashe umwanya mu itsinda ryanyu kugira ngo mujye impaka zubaka ku mico myiza, imwe n'imwe n'imyifatire byabaye ngombwa ko ibaho igihe Alexandra yakoraga urugendo rwo gusura kugira ngo bitange umusaruro ufatika. Uwingenzi muri yo mugomba kwitaho ni ubwiyoroshye. Umuzi w'ubwiyoroshye bubaho rwose ni ubwiyoroshye imbere y'Imana. Muri bwo niho hakomoka ugucabugufi imbere y'Ibiremwa byayo. Nta kindi igihe ubwiyoroshye ari ingenzi cyane nk'iyo tuvuga Imana no mu byo yigaragazamo. Mwagombye kuzirikana ku magambo akurikira ya Bahá'u'lláh' kandi mukihatira ku buryo bushoboka bwose kuyafata mu mutwe :

> **«Aho bateranira hose n'abantu abo aribo bose baba bahari, Abakundwa n'Imana bagomba, mu myifatire yabo imbere yayo no mu buryo bayisingizamo, kugira ubwiyoroshye n'ukumvira, ku buryo n'udukungugu two mu birenge byabo twakwemeza ko baciye gufufi koko bagasenga. Imvugo z'aba bantu b'imyuka mitagatifu zigomba kugengwa n'imbaraga zidasanzwe ku buryo na turiya dukungugu twatigita ku bwabo. Bagomba kwitara ku buryo ubutaka bahonyora budashobora na rimwe kubabwira ngo "Mugomba kuba mwanyikundiye. Kuko murebe namwe ukuntu nihangira umutwaro nshyirwaho n'umuhinzi. Ndi igikoresho gihora gitanga imigisha yanshyizwemo n'Imana yo sôko y'icyitwa ingabire cyose. N'ubwo mfite agaciro gakomeye nahaze, n'ubwo nibitsemo ubukungu bwinshi bufitiye akamaro gakomeye icyaremwe cyose, mujye mureba urugero rw'ubwiyoroshye ndiho ndetse n'uko numvira ku buryo nemera ko abantu bamponyoza ibirenge byabo»"[4]**

Nk'uko byavuzwe haruguru, ubwiyoroshye imbere ya bagenzi bacu bukomoka ku bwiyoroshye imbere y'Imana. Ni muri uko kwiyoroshya tugiramo imyifatire yo gusenga iyo tugiye ku nshuti cyangwa umuturanyi kugira ngo ducengeze hamwe ukumvikana kw'izo nsanganyamatsiko. Mu kiganiro, twerekza kenshi ibitekerezo byacu ku Mana, tuyisaba kumurikira ubwenge bwacu n'imitima yacu ndetse no kumurikira abantu bose turi kumwe. Habaho interuro nyinshi amabango y'amasengesho dushobora gufata mu mutwe kubera iyi ntego. Dore bimwe muri byo :

> **«Murikira imitima yacu, duhe amaso abona n'amatwi yumva.»[5]**

**«Nyagasani, tunyanyagizemo ibyiza byawe bihoraho kandi udusakazeho urumuri rw'amahirwe.»**[6]

**«Kingura inzugi zo gusobanukirwa nyakuri kandi utwatseho urumuri rw'ukwemera.»**[7]

**«Nyagasani ! Humura amaso yacu kugira ngo dushobore gutangarira urumuri rwawe.»**[8]

**«Ndakwihaye weze. N'umutima wanjye wose, ubwenge bwanjye n'ijwi ryanjye, ndakwinginze cyane ngo undinde buri kintu cyose cyancisha ukubiri n'ugushaka kwawe muri uru ruziga rw'ubumwe bugukomokaho Mana.»**[9]

## ICYICIRO CYA 6

Umutima w'Alexandra wuzuye ibyishimo nyuma yo gusura urugo rwa ba Sanchez n'ikiganiro bagiranye ku nsanganyamatsiko y'Igihango gihoraho. Aratekereza ko ubutaha nabasura, uzaba uri umwanya mwiza kuribo wo kongera ubumenyi bwabo ku buzima bwa Bahá'u'lláh'. Dore ibyo azi azifashisha :

> Bahá'u'lláh' yavutse kuri 12 Ugushyingo 1817 I Téhéran, umurwa mukuru wa Perse. Guhera mu bwana bwe yaranzwe n'imico myiza itangaje, ababyeyi be bamubonagamo ko afite isezerano ryo kuzaba umuntu w'igihangange. Se wa Bahá'u'lláh', minisitiri wihariye ibwami, yagiraga urukundo rwinshi akunda umuhungu we. Rimwe mu ijoro mu nzozi, abona Bahá'u'lláh' yoga mu Nyanja ngari itagira imipaka. Umubiri we washashagiranaga umurikira inyanja nini.. Ku muzenguruko w'umutwe we, yari afite imisatsi miremire y'umukara ubengerana ukwirakwiye mu mpande zose. Amafi menshi cyane yari yamwuzuyeho, buri fi yose yagiye imufata ku gasatsi. N'ubwo ayo mafi yari menshi, nta musatsi n'umwe wigeze uva ku mutwe wa Bahá'u'lláh'. Yagendagendaga nta kimuziga n'amafi yose akamukurikira. Se wa Bahá'u'lláh' asaba igisobanuro cy'izo nzozi umuntu wari uzwiho ubwitonzi n'ubushishozi, uyu muntu amubwira ko inyanja ngari itagira imipaka isobanura isi y'ibyaremwe. We wenyine kandi adafite n'ubufasha, Bahá'u'lláh' azashobozwa kuhaba umuyobozi. Ubwinshi bw'amafi ni imvururu azateza mu baturage b'isi. Azaba afite uburinzi butajegajega bw'ushoboraby ose, nta kizashobora kumugirira nabi.
>
> Ku myaka cumi n'itatu cyangwa cumi n'ine, Bahá'u'lláh' yari yaramaze kumenyekana ibwami kubera ubwitonzi bwe ndetse n'ubumenyi bwe. Se yitabye Imana afite imyaka makumyabiri n'ibiri; leta imusaba kumusimbura ku mwanya yari arimo. Ariko Bahá'u'lláh' ntiyifuzaga gukoresha igihe cye mu kugenga ibintu by'iyi si. Ahita ava ibwami asiga n'abaminisitiri kugira ngo ayoboke inzira ushobora byose yari yaramugeneye. Igihe cye yagikoreshaga afasha abababaye, abarwayi, n'abakene, mu gihe gito yari amaze kuba "bandebereho" ku bijyanye n'ubutabera.
>
> Ku myaka makumyabiri n'irindwi, Bahá'u'lláh' ahabwa mu ntoki z'intumwa yihariye, bimwe mubyanditswe bya Bab bimumenyesha intangiriro y'umunsi mushya, umunsi ukwigaragaza kw'Imana kuzazanira isi amahoro, ubumwe, n'ubutabera byari bitegerejwe igihe kirekire n'inyoko-muntu. Bahá'u'lláh' ntiyazuyaza yemera ubutumwa

bwa Ba'b maze ahinduka umwe mu bayoboke be b'imena. Ikibabaje, abategetsi b'abaturage ba Perse, bari bahumishijwe n'ibyifuzo byabo by'ubwikunde bahagarukiye gutoteza abigishwa ba Ba'b mu bugome bukabije. N'ubwo afite ubunyangamugayo. Bahá'u'lláh' nawe ntibamurebeye izuba. Nyuma y'imyaka umunani Bab' yigaragaje, n'imyaka ibiri (2) Ba'b akorewe iyicarubozo, Bahá'u'lláh' yafungiwe muri kasho yijimye "urwobo rw'umukara". Iminyururu bamuhambirije mu ijosi yari iremereye ku buryo atashoboraga kwegura umutwe. Bahá'u'lláh' amara aho hantu amezi mabi ane mu iyicarubozo ndengakamere. Nyamara, ni muri iyo kasho umwuka w'Imana wuzuye umutima we, umuhishurira ko ari we "Uwasezeranijwe w'Ibihe byose". Ku bw'iyo gereza yijimye Izuba rya Bahá'u'lláh' rirasira kumurikira ibiremwa byose.

Nyuma y'amezi ane mu mwobo wirabura, Bahá'u'lláh' yamburwa imitungo yose, ahungabana n'umuryango we. Mu mbeho iryana ya hiver, bambukiranya imisozi miremire iburengerazuba bwa Jerse bajya i Bagdad, umujyi wari ugize igihe kimwe cy'ubwami bwa Attoman ubu usigaye ari umurwa mukuru wa Iraq. Amagambo ntashobora gusobanura bihagije ububabare bagiriye muri urwo rugendo rurerure rw'ibirometero byinshi rugana uwo mujyi bari baragenewe guturamo, ku butaka butwikiriwe n'urubura n'ibibumbe by'amahindu.

Kwamamara kwa Bahá'u'lláh' ntibyatinze gukwira Bagidadi ndetse no mu yindi mijyi yo muri ako karere n'umubare ugenda wiyongera w'abantu bazaga ku muryango w'iyo mfungwa yari yaraciwe kugira ngo bayigirireho imigisha. Muri icyo gihe, hari abantu baje kugira ishyari kubera kwamamara kwa Bahá'u'lláh'. Muri abo hari mwene se Mirza Yahya wacungwaga nawe. Mirza Yahya yigometse kuri Bahá'u'lláh bituma abayoboke ba Ba'b batatana, ibyo bitera Bahá'u'lláh' agahinda gakomeye. Rimwme mu ijoro, nta muntu n'umwe abwiye, Bahá'u'lláh ' ava mu rugo rwe ajya mu misozi miremire ya Kurdistan. Ahagirira ubuzima bw'ubwigunge yahariye isengesho n'umwiherero. Yabaga mu buvumo buto agatungwa n'ibiryo byoroheje. Muri ako karere, nta muntu wari uzi aho yari yaraturutse, nta n'uwari uzi izina rye. Ariko buhoro buhoro abaturage baho batangira kuvuga kuri uwo muntu utazwi izina, umutagatifu mukuru ufite ubumenyi buturuka ku Mana. Amakuru y'uwo Mutagatifu aza kugera ku muhungu we w'imfura, ''Abdu'l-Bahá ' maze ahita amenya ibimenyetso ko ari umukundwa we Se. Yohereza amabaruwa ajyanwa n'intumwa yihariye kwinginga Bahá'u'lláh' ngo agaruke i Bagidadi. Ubwo busabe buremerwa, hashyirwa iherezo ku gihe kirekire bari bamaze baratandukanye cyamaze imyaka ibiri.

Mu gihe cy'ibura rya Bahá'u'lláh', umubare w'abayoboke b'idini babre wagabanutse mu buryo bwihuse. Mu myaka irindwi yabaye i Bagidadi avuye mu misozi miremire, Bahá'u'lláh' agarura umwuka mwiza mu bayoboke bari baratotejwe kandi barahungabanye ba Ba'b. N'ubwo yaratarameny ekana ku ntera yari yaragezeho y'ubwamamare, ububasha n'ubw'itonzi bw'amagambo ye byatangiye gukundwa n'umubare munini w'inyangamugayo za babies, ndetse no kurangamirwa n'abandi bantu mu ngeri zose z'ubuzima. Ariko abahezanguni b'abayisilamu ntibashoboraga kwihanganira kubona uko abantu bari baratwawe umutima n'imigirire ya Bahá'u'lláh'. Nuko batangira kujyana ibirego byinshi ku bategetsi kugeza ubwo Leta ya Perse yifatanyije n'abakozi bamwe na bamwe b'ubwami bwa Ottoman kugira ngo bigize kure Bahá'u'lláh' ave mu gihugu cye cy'amavuko, ajye noneho mu mujyi wa Constantinno.

Ukwezi kwa Mata 1863 kwabaye ukw'agahinda gakomeye ku baturage b'i Bagidadi. Ubwo bari bamaze gukunda yari agiye kuva mu mujyi ngo ajye ahandi hantu batari bakamenye. Gato mbere y'uko agenda, Bahá'u'lláh' ajya mu busitani bwari mu nkengero za Bagidadi ahashinga ihema rye maze mu gihe cy'iminsi cumi n'ibiri akajya yakira imbaga y'abashyitsi bazaga kumusezeraho. Abigishwa ba Ba'b bajya muri ubwo busitani imitima yabo iremerewe n'agahinda : bamwe muri bo bari guherekeza Bahá'u'lláh' muri ubwo buhunzi bwa kabiri, ariko abandi bagombaga gusigarana irungu ryo kuba batari kumwe na we. Nyamara Imana ntiyashatse ko icyo gihe kiba intandaro y'agahinda. Inzugi z'ibyiza byayo bihoraho zarakinguwe cyane na Bahá'u'lláh yatangarije abari bamushagaye ko ari we Ba'b yari yarababwiye, uwo Imana izigaragarizamo. Agahinda kagenda nka nyomberi gasimburwa n'ibyishimo birenze imipaka, imitima iratwarwa, na roho zabo zitwikwa n'umuriro w'urukundo rwe. Icyo gihe cy'iminsi cumi n'ibiri mu kwa kane na n'ubu kiracyahimbazwa mu isi yose nk'umunsi mukuru wa Ridvan, isabukuru Bahá'u'lláh' yatangarijeho ubutumwa bwe ku isi.


Constantinople niyo yari icyicaro cy'ubwami bwa Ottoman. Ku yindi nshuri, mu gihe kijya kurenga amezi ane, bwa bwitonzi n'ubushishozi ndetse n'igikundiro bya Bahá'u'lláh' bitangira gukurura umubare wiyongeraga ubutitsa w'abantu. Bwa buyobozi bw'–abahezanguni b'abayisilamu buhwihwisa ko Bahá'u'lláh' atagomba kumara igihe kirekire i Constantinople, birangira bumvishije abategetsi ko bagomba gucira Bahá'u'lláh' Andrinople. Aho mu myaka ine n'igice yahamaze, Bahá'u'lláh' yandika amategeko ku bami n'abayobozi b'isi, abahamagarira guca ukubiri n'ihohotera bakitangira ukumererwa neza kw'abaturage babo. Maze abanzi be bamushakira igihano kiruta ibindi. Bahá'u'lláh' n'umuryango baciriwe i Akka, muri icyo gihe hakaba hari ahantu hafatwa nka gereza muri ubwo bwami bwose. Abo bantu b'umutima mubi batekerezaga batya : "Azapfira bidashidikanywaho ku buryo buteye ubwoba muri uyu mujyi – gereza" bibwiraga ko bashobora guhagarika umugambi w'Imana yo ubwayo yari yatangije.

Ibyago byagwiririye Bahá'u'lláh' i Akka' ni byinshi cyane ntibibarika. Yabujijwe cyangwa se bamwimye buri kintu cyose cyatuma abaho mu mudendezo kandi yari akikijwe n'abanzi b'impande zose. Ariko buhoro buhoro, uburyo yari afunzwemo burahinduka. Abaturage n'abategetsi bo muri Akka' baje gusanga ririya tsinda rya baha' is ryahungiye mu mujyi wabo ari inzirakarengane. Ikindi kandi, abantu bakururwaga n'ubwitonzi n'urukundo by'uwo muntu udasanzwe (Bahá'u'lláh') n'ubwo abenshi muri bo batiyumvishaga urwego rukomeye ariho. Nyuma y'imyaka icyenda, inzugi z'umugi-gereza zikingurirwa Bahá'u'lláh' n'abigishwa be. Umuhungu we yakundaga Abdu'l, Baha' agira amahirwe yo kubona ahantu heza hakwiye guturwa n'umubyeyi we hanze y'inkuta z'umujyi kandi birangira ashoboye gukodesha inzu mu giturage aho Bahá'u'lláh' yamaze imyaka ye cumi n'itatu ya nyuma mu mahoro n'umudendezo. Muri iki gihe hazwi ku izina rya "Manoir de Bahji". Aho niho mu mwaka w'1892 yapfiriye yuzuye ubuhangange n'ikuzo.

Bahá'u'lláh' yazamuye ibendera ry'amahoro n'ubuvandimwe by'isi yose kandi yatangaje ijambo ry'Imana. N'ubwo abanzi be bamurwanyije, yabisohotsemo atsinze nk'uko Imana yari yarabimusezeranyije igihe yari aboshywe n'iminyururu muri kasho icuze umwijima y'i Teherani. Igihe yari akiriho, ubutumwa bwe bwakanguye imitima y'ibihimbi by'abantu. Muri iki gihe, inyigisho ze zikomeje gukwirakwira isi yose. Nta

gishobora kumubuza umugambi we uhanitse ari wo kunga ubwoko bw'Imana mu kwemera kumwe n'ukwizera rusange.

Iyi nkuru y'ubuzima bwa Bahá'u'lláh' ni ndende. Mbese yo kujya mu myitozo iri hano hasi, mwagombye kongera gusoma iyi nkuru igika ku gika mu itsinda ryanyu hanyuma mukabazanya ibibazo bamwe ku bandi kugeza igihe mufashe mu mutwe ibivugwamo munashobora kuyibara mu buryo bworoshye. Ikarita ikurikira izabafasha kwiyibutsa inzira z'ubuhunzi bwa Bahá'u'lláh', inabibutse ibintu byose byagiye bibera muri urwo rugendo.




1. Muzasanga ari iby'umumaro kwandika mu mwanya wabiteganyirijwe, mushingiye kuri iyi nkuru iri haruguru, igice cy'ibihe byingenzi byaranze ubuzima bwa Bahá'u'lláh'.

2. Mu kiganiro-mpaka ku nsanganyamatsiko y'ubuzima bwa Bahá'u'lláh', harimo umubare ugereranyije w'ibitekerezo byingenzi bigomba kwitabwaho mutabariyemo cya gice cy'ibyaranze ubuzima bwe. Musesengure ububabare yahuye nabwo abitewe n'urukundo yakunze inyoko-muntu, ndetse no ku buryo butangaje yagiye atsindamo abikesha ukwemera imbere y'abamurwanyaga. Ibi ni iby'agaciro gakomeye. Icyazana ngo aya magambo agume mu bwenge no mu mitima yacu :

**«Uw'ubwiza bwa kera yemeye kuzirikwa iminyururu kugira ngo inyoko-muntu ive mu bucakara, kandi yemeye gufungwa muri iriya gereza ikomeye kugira ngo isi yose igere ku bwigenge nyakuri. Yanyoye kugeza ku myanda iri kundiba inkongoro y'agahinda kugira ngo abatuye isi bose bagere ku byishimo bihoraho kandi buzure umunezero ; ibi bituruka ku mpuhwe za Nyagasani, ku kwishyira kw'Imana mu mwanya w'abababaye, kuri Nyir'imbabazi Mwe mwemera ubumwe by'Imana, twemeye gucishwa bugufi ngo mushyirwe hejuru, kandi twagize imibabaro myinshi ngo mwere imbuto kandi mutere imbere. Nyamara, murebe ukuntu abageza abayoboke mu Mana bahatiye gutura mu mujyi urusha iyindi kuba mubi uwari uje kongera kubaka isi.»**[10]

3. Iyo tuvuga imibabaro ya Bahá'u'lláh', tugomba kwitondera kutamugaragaza nk'inzirakarengane idashoboye mu maso y'abanzi be. Yemeye ku bushake bwe gufungwa kugira ngo arokore inyoko muntu. Amateka y'ubuzima bwe, n'ubwo yuzuyemo inkuru zo kubabazwa cyane, ni muri kamere yayo, amateka y'umutsindo. Mwifashishije ukuriye itsinda ryanyu, mushobora gutegura ikiganiro kigufi ku

mibabaro n'imitsindo ya Bahá'u'lláh' mwibanda ku byo muzi ubu ku buzima bwe. Ibibazo bikurikira bizabagirira akamaro.

a. Kuki Bahá'u'lláh' yemeye kuzirikwa iminyururu ? ______

______

b. Kuki Bahá'u'lláh' yemeye gufungwa ? ______

______

c. Kuki Bahá'u'lláh' yemeye gucishwa bugufi ? ______

______

d. Kuki Bahá'u'lláh' yanywereye ku nkongoro y'agahinda ? ______

______

e. Kuki Bahá'u'lláh' yemeye kubabazwa n'agahinda gakomeye ? ______

______

f. Bahá'u'lláh' yemeye kubabara kuko atari ashoboye kuba hari ikindi yakora ?

______

g. Niba Bahá'u'lláh' yari ashoboye kwivuna abanzi be, kuki yemeye kubabara ?

______

______

**ICYICIRO CYA 7**

Uruzinduko rwa kabiri rwa Alexandra kwa ba Sanchez rwari urw'ibyishimo nk'urwa mbere. Bwana na Madamu Sanchez bamaze kumenya buke buke amategeko ya Bahá'u'lláh', ariko bishimiye kumumenyaho byinshi kubera uko Alexandra yamubabwiye kandi bakozwe ku mutima n'imibabaro ye yabatekerereje. Hari igihe cyageze muka Sanchez aravuga ati : «wagira ngo Imyigagaragarize y'Imana iba yahushye iteka mu ntoki z'abafite inyota y'ubutegetsi n'ububasha bw'ab'isi». Alexandra afashe umwanzuro ko byaba ingirakamaro gusangira nabo iyi ngingo yafashe mu mutwe. Kandi namwe murayizi kubera ko mwayize mu cyiciro kibanziriza iki. Aho Bahá'u'lláh' avuga ku bubabare yemeye kugira ku nyungu z'inyoko-muntu, kugira ngo atugobotore mu gutotezwa kandi adufashe kugera ku munezero urambye. Inshuti eshatu zaryohewe n'impaka zubaka zagiranye hagati yazo uyu munsi.

Ategura uruzinduko rutaha, Alexandra yanzuye vuba ko urwego Abdu'l-Baha ariho byaba insanganyamatsiko y'ikiganiro. Dore ingingo zizaganirwaho :

> Umuhungu w'Imfura wa Bahá'u'lláh', Abdu'l-Baha' ni umwe mu bantu bihariye w'amateka ya muntu kandi nta wundi muntu dushobora kubona basa mu madini

yabanje. Yamenye urwego rutagatifu rwa Se akiri umwana kandi asangira nawe imibabaro n’ubuhunzi. Niwe Bahá’u’lláh’ yasigiye inshingano zo kwita no kurinda ikoraniro rya Baha’i nyuma y’urupfu rwe. Ntituzigera twiyumvisha kandi dushobora ntidushobora gushima mu buryo bwuzuye ubugiraneza Bahá’u’lláh’ yagiriye inyoko-muntu atwigaragariza mu buryo bwuzuye kandi adusigira umuhungu we dukesha ubumenyi n’ubwitonzi yayoboranye isi akanayimurikira mu buryo bw’umwuka.

Iyo turi kwiga ubuzima n’amagambo bya ‘Abdu’l-Baha’ twakira urwego rwihariye ariho muri uko kwitanga kwe. Ni iby’agaciro kugumana mu bwenge ibintu bitatu by’urwo rwego.

Icyambere, ‘Abdu’l-Baha ni ipfundo ry’igihango cya Bahá’u’lláh’ yagiranye igihango n’abigishwa be abahamagarira kurangamira iryo pfundo no kumubera inkoramutima. Mu kiragano cye, Bahá’u’lláh’ yagize Shoghi Effendi, umurinzi w’ukwemera, nk’ipfundo bose bazagomba guhindukirira nyuma y’urupfu rwe. Muri iki gihe, aho hantu ni Inzu y’Ubutabera yashyizweho ku itegeko rya Bahá’u’lláh’ n’umurinzi. Itegeko ry’Igihango cyangwa se ubushobozi n’ububasha bugumisha abayoboke bahaie mu bumwe kandi bukabarinda amacakubiri no kuva mu murongo wa kibahayi.

Icyakabiri, Bahá’u’lláh’ ni umusemuzi udashidikanywaho w’Amagambo ya Bahá’u’lláh’. Ukwihishura kwa Bahá’u’lláh’ ni kugari, ibisobanuro byimbitse bya buri kimwe mu byo yemeza6 ni indashyikirwa ku buryo yasanze ari ngombwa, gusiga umusemuzi we ubwe azakomeza guha ibitekerezo. Ni muri ubwo buryo inyoko-muntu ndetse n’abo mu binyejana bizaza bazaba bashobora kumva neza inyigisho za Bahá’u’lláh’ baziga uko Abdu’l-Baha yazibasobanuriye mu nyandiko ze no mu ruhererekane rw’ibyo yagiye aganira nabo. Umurinzi asimbura Abdu’l-Baha nk’umusemuzi w’inyigisho za Bahá’u’lláh’ kandi hamwe nawe umurimo wo gusemura wararangiye, nta numwe ufite uburenganzira bwo gusemura amagambo ya Bahá’u’lláh’ muri iki gihe ubutumwa buri gutambuka.

Mbere, amadini yose yagiye agorwa no kutumva ibintu kimwe ku bijyanye n’uburyo butandukanye bakoreshaga basobanura ibyanditswe bitagatifu. Muri uko kwogeza ubutumwa, iyo hazaga gushidikanya ku bisobanuro ku itangazo iri n’iri rya Bahá’u’lláh’, bose bisubirira ku byigishijwe na Abdu’l-Baha n’umurinzi. Mu gihe ugushidikanya kwa komeza, bashobora gusanga abo muri ya Nzu y’ubutabera bakabikemura. Rero nta mwanyaw’impaka mu bireba inyigisho, n’ubumwe bwr’ukwemera burarinzwe.

Icya gatatu, Abdu’l-Baha’ ni urugero rwuzuye rw’inyigisho z’umubyeyi we Abdu’l-Baha. N’ubwo tutakwizera bibaho kugera kuri iyo ntera ihanitse, twagombye iteka kuyigira mu bwenge bwacu kandi tukihatira gukurikira urugero rwe. Iyo dusoma mu byanditswe ku birebana n’urukundo, twakwisunga Abdu’l-Baha kugira ngo tumenye impamvu nyayo y’urukundo n’ubugwaneza. Iyo dusoma ibyerekeye ubutabera, ubutagatifu, ubunyangamugayo, ibyishimo no kugira ubuntu, dushobora gufata Abdu’l-Baha ho urugero, gutekereza ku buzima bwe kandi tuzabona uko yagiye agaragaza iyo migenzo myiza mu buryo buhanitse.

Icyaranze ubuzima ba Abdu’l-Baha’ cyari bidasubirwaho, ukwitangira abandi. Izina «Abdu’l-Baha’» risobanura «umugaragu wa Baha’», kandi niryo zina yahitagamo ko

bamwita kuruta andi yose bagiye bamwitirira. Amagambo akurikira ya Abdu'l-Baha' yumvikane neza icyifuzo gikomeye cye cyo kwitanga :

**«Nitwa 'Abdu'l-Bahá. Impamyabumenyi yanjye ni 'Abdu'l-Bahá. Ukuri kwanjye ni 'Abdu'l-Bahá. Ishimwe ryanjye ni 'Abdu'l-Bahá. Nicyubahiro cyanjye kandi cyuzuye, kandi nkaba imbata yabantu bose idini ryanjye rihoraho. . . Nta zina, nta mutwe, ntavuzwe, nta shimwe mfite, nta nubwo nzigera ngira, usibye 'Abdu'l-Bahá. Iki nicyo cyifuzo cyanjye. Iki nicyo cyifuzo cyanjye gikomeye. Ubu ni bwo buzima bwanjye bw'iteka. Iki ni cyo cyubahiro cyanjye cy'iteka.»[11]**

Biragaragara ko ibyo Alexandra ateganya gusangira na Sanchezes mu ruzinduko rwe rutaha ntabwo ari ukumenyekanisha umuntu udasanzwe; gushimira uburyo yigaruriwe na 'Abdu'l-Bahá muri icyi gihe bizakomeza kwiyongera mumyaka iri imbere. Mubuzima bwawe bwite, mugihe ugenda munzira yumurimo, uzagira amahirwe menshi yo guhamagarira urugero rwe mubitekerezo no gutekereza kumagambo ye. Byarangiye, mubice byabanjirije, wamenyereye wenyine

hamwe na bimwe mubyo yavuze, kandi washishikarijwe kwiga kuvuga muburyo yakoze ibitekerezo bigaragara muri Tableti ye no mubiganiro mbwirwaruhame. Kuri ubu, kugirango ushimangire imyumvire yawe kububasha bwe , ugomba kugisha inama abandi bagize itsinda ryanyu ku ngingo zingenzi zavuzwe haruguru hanyuma ukitoza kubivuga neza. Gutekereza ku gice cyavuzwe bizagutera imbaraga mubikorwa byawe byo gutera imbere munzira yo gufafasha abandi.

**ICYICIRO CYA 8**

Ikibazo gihangayikishije Alexandra kuva yatangira gusura ba Sanchez ni ukumenya ngo ni izihe nsanganyamatsiko z'impaka zizabafasha kuba abafatanyabikorwa bemewe kandi b'umwete, mu nzira yo kubaka imbaga y'abemera mu mudugudu. Ku ruhande rumwe, hari insanganyamatsiko z'amasengesho, ubudapfa bwa roho n'uguhozaho mu rukundo rw'Imana yizera kuzajyaho impaka nabo, kubera ko imfatiro z'ubuzima bwo mu mwuka zabo zigomba guhora zishyigikirwa. Ku rundi ruhande, ni iby'agaciro kuri bo kugira ijisho ribona ubwoko bw'imbaga irimo gutera imbere no kumenya ko bashobora kuzana inkunga zabo mu kubishyira mu bikorwa. Mu gihe cyo kuganira naba Sanchez ku rwego Abdu'l-Baha ariho, Alexandra agenda asobanukirwa buhoro buhoro uko insanganyamatsiko y'uruzinduko ruzakurikiraho izaba iteye. «Basobanukiwe n'intego y'ukwemera yo kunga abantu, niko ari gutekereza. Rero, insanganyamatsiko twagombye kwibandaho ubu ni ukumenya uko twakubaka tukanakomeza kominote yunze ubumwe.»

Alexandra atangiye uruzinduko rwe rwa kane asobanura agatsinda k'inshuti ze zo mu mudugudu ibikorwa birimo gukorwa. «Uko umubare wacu uzagenda wiyongera, niko abisobanura, umukoro umukoro ukomeye dufite ni uguhinduka abantu bashyize hamwe mu mvugo zacu, mu bitekerezo byacu no mu bikorwa byacu. Niba mubyemeye, none dushobora gusesengurira hamwe insanganhyamatsiko ku bumwe».

Muka Sanchez arasubiza ati : “Ndabona neza ko ubumwe ari ingenzi mu iterambere ry’ikoraniro ryacu.”

Sanchez nawe yungamo ati : “Uko biri kose, bwari ubutumwa bw’ubumwe Bahá’u’lláh yatanze mbere na mbere, ari nabwo bwakuruye imitima yacu gukurikirana inyigisho ze.»

Alexandra arababwira ati : “Natoranyije umubare ufatika w’ibitekerezo kandi nabonye ijambo mu byanditswe bitagatifu ajyanye na buri gitekerezo. Niba mubishaka dushobora kuyasomera hamwe tukabiganiraho:

Dore urutonde rw’ibitekerezo bya Alexandra:

- Kugira ngo ikoraniro ryacu ryunge ubumwe by’ukuri, buri wese muri twe agomba kwirinda amacakubiri n’intonganya. Bahá’u’lláh aremeza ibi bikurikira :

  **«Nta na kimwe, uyu munsi, gishobora kwangiza ubumwe bwacu uretse amacakubiri, intonganya, inzangano no gusuzugurana mu bakundwa b’Imana. Ku bubasha bwe n’ingabire ihatse izindi ye, mwirinde ibi byose kandi mwihatire kunga imitima y’abantu, mu izina rye, we Mwunzi w’ikirenga, uhoraho, Nyir’ububasha.»**[12]

- Tugomba kugira urukundo rukunda bose mu ikoraniro, urukundo rwo ndorerwamo y’urukundo dukunda Imana. Abdu’l-Baha’ ati :

  **«Mugire ubumwe, ntimurakaranye. Mukunde ibiremwa mugiriye urukundo rw’Imana, mutagiriye bo ; muri ubwo buryo ntimuzigera mugira umutima w’intonganya n’ubwikubire no kutihangana. Inyoko muntu si abatagatifu, imico mibi ikunze kuboneka muri buri kiremwa-muntu kandi muzaba abanyabyago nimurebera abantu mu ndorerwamo y’icyo baricyo. Ariko ni mutumbira Imana muzabakunda munabagirire neza kuko isi y’Imana ari iy’ubutagatifu n’iy’ubugwaneza.»**[13]

- Turamutse tugiranye amakimbirane hagati yacu, n’ubwo dukundana, tujye twibuka iyi nama Abdu’l-Baha’ yatugiriye :

  **«Ndabasaba mwese, buri wese ku giti cye, kwerekeza ibitekerezo byanyu n’umutima wanyu ku rukundo n’ubumwe bibaranga. Ahari igitekerezo cy’intambara muhasimbuze igitekerezo gihamhye cy’amahoro. Igitekerezo cy’urwango kigomba gusenywa n’igitekerezo gikomeye cy’urukundo. Intekerezo z’intambara zisenya icyitwa ubwisanzure cyose ukumererwa neza no kumva unezerewe. «Intekerezo z’urukundo zirema ubuvandimwe, amahoro, ubucuti n’umunezero.»**[14]

- Kandi nyuma yo gukora ibishoboka byose ngo tugenzure ibi, tukabona turimo kuganzwa n’amashyari, cyangwa tukisanga turi mu makimbirane n’abandi, tujye twibuka aya magambo ya Bahá’u’lláh :

**«Nihagira ikintu cy'intonganya kibazamo, murebe, ahangaha mpagaze imbere yanyu, kandi mugiriye izina ryanjye, mu buhamya bw'urukundo mufitiye ikindaje ishinga kigaragarira bose, mufunge amaso yanyu ku makosa yanyu.»[15]**

- Indangamyitwarire yo mu mwuka ibasaba kutita ku makosa y'abandi, kwibanda ku mico myiza yabo no kwirinda kuvuga nabi nizo ngamba zikomeye zo guhashya ibibatanya. Kwihanganira guhengamira mu kuvuga abandi nabi biroroha iyo abantu bakundana. Tugomba kwiyibutsa ko buri gihe bitworohera kutabona amakosa y'abo dukunda kandi nta mbaraga bidusaba zo kutabona n'ijisho rihishira icyaha. Abdul'l-Baha ati :

**«Ijisho rituzuye ribona ibitagenda kandi ijisho ry'irengagiza amakosa ryitegereza umuremyi wa za Roho, yaraziremye, arazikuza kandi arazigaburira, aziha ubuzima, aziha kubona, aziha kumva n'ubundi bushobozi bwinshi ; kubera ibyo rero, ni ibimenyetso by'ubuhangange bwe. Mwagombye gukunda no kugirira neza bose, kwita ku bakene, kuba hafi abanyantege nke, gukiza abarwayi, kwigisha no guha uburere abari mu bujiji.»[16]**

Bahá'u'lláh aratwinginga ati :

**«Yewe nshuti y'Intebe y'ubwami bwanjye ! witega amatwi ikibi kandi wibona ikibi, wikwishyira hasi witesha agaciro kandi ntugire uwowereka amarira yawe no kuganya. Wivuga nabi kugira ngo utumva nawe bakuvuga nabi, wikomeza amakosa y'abandi kugira ngo ayawe atagaragara nk'akomeye kurushaho, wikwifuza ugusuzugurwa kw'abandi kugira ngo nawe utaboneka nk'uwasuzuguwe. Roho itagira icyasha, umutima utagira icyaha, ibitekerezo bizira ubwandu, roho yatagatifujwe, baho iminsi yose y'ubuzima bwawe nk'igihe kigufi gihita. Maze, mu bwigenge n'umunezero, uzace ukubiri n'iyi nzira ijyana ku rupfu wigire muri paradizo y'amayobera kandi uzigumire mu bwami butagira iherezo.»[17]**

Kandi aratubwira ati :

**«Yemwe bagenzi ! Naremye ururimi kugira ngo muvuge izina ryanjye, mwirwanduza mutukana. Niba umuriro w'ubwikunde urimi kubatwika ; muzirikane ku makosa yanyu mwirengagize ay'ibiremwa byanjye kuko buri muri mwe yiyizi kurusha uko azi abandi.»[18]**

- Ubumwe ntabwo busobanura kumvikana gusa kandi urukundo ntirugaragarira mu magambo gusa. Tuzemeza ko dufite ubumwe nyakuri hagati yacu, igihe urukundo rwacu turushyira mu bikorwa twitangira ikoraniro ryacu kandi ibikorwa byacu bikarangwa n'umwuka wo gukorerahamwe no gufatanya hagati yacu.

Abd'l-Baha' aradusaba ibi :

**«Wiruhuka nabusa, kandi ntuharanire kwinezeza, n'ubwo byaba iby'igihe gito ; ahubwo kora n'umutima wawe wose na roho yawe kugira ngo ushobore gutanga umurimo unoze n'ubwo waba ubikorera umwe mu nshuti zawe kandi utange umunezero n'ibyishimo n'ubwo yaba kuri umwe mu mitima ikeye. Ubwo**

**bwitange nyakuri, bugaragaza uruhanga rubengerana rwa Abdu'l-Baha. Muri ibyo, ngaho ba mugenzi wanjye n'umufatanyabikorwa wanjye.»[19]**

Kandi aremeza ko :

**«Icyo inyoko-muntu ikeneye kurusha ibindi ni ubufatanye no kuba magirirane. Uko imirunga y'ubucuti n'ugushyirahamwe hagati y'abantu ikomera, niko n'ububasha bwo kubaka no kugira ibyo mugeraho bizaba binini mu ngeri zose z'ibikorwa bya muntu.»[20]**

- Kugirana inama bamwe kubandi kandi bigakorwa mu rukundo no kutishishanya ku bibazo byose ni urufunguzo rw'ingenzi kugira ngo igikorwa cya rusange gitange umusaruro. Iyo dusuzumiye hamwe ibibazo, uburyo bwose butandukanye bwo kubona ikibazo buba noneho bumwe. Kujya inama bidufasha kunga ubumwe mu bitekerezo no kubona kimwe ibintu, tugashyiraho ingamba zihamye ziterambere ry'imiryango yacu. Abdu'l-Baha' hari icyo avuga ku bajya inama :

**«Kubajya inama, ibyangombwa bikenewe bwa mbere na mbere ni ubuziranenge bw'icyifuzwa, umucyo wo mu mwuka, ukwitandukanya n'ikitari Imana cyose, ugukururwa n'imihumuro ikomoka ku Mana, ubwiyoroshye imbere y'abakundwa b'Imana, ukwihangana mu ngorane no kwitangira abandi. Niba, bitewe n'ingabire ya Nyagasani, bafashijwe na we kandi bakabona iyi myifatire myiza, bazahabwa umutsindo w'ubwami butagaragara bwa Baha.»[21]**

- Ubumwe by'igitekerezo ntibwagerwaho butabonekeye mu bumwe bw'igikorwa. Gukorera mu bumwe ntibivuga ko twese twakora ikintu kimwe. Ahubwo, mu gikorwa cyahurijwe hamwe, impano z'ubwenge zigiye zitandukanye z'abagize kominote zirakoreshwa kakahava buri wese ashyiraho ake. Ubushobozi bwacu bwikuba incuro nyinshi, n'ubwo twaba turi umubare muto, tubasha kugera ku byo bamwe mu miryango yishyize hamwe idashobora gukora. Abdu'l-Baha ati :

**«Buri gihe roho ntagatifu, zireshya ubushobozi n'ububasha buturuka mu ijuru, zizahaguruka zifite iyi mico yo mu mwuka kandi zikagendera hamwe, ku mirongo isa n'ifatanye urunana, buri roho izaba imeze nka roho igihumbi, n'imihengeri izamuka y'iyo nyanja y'inyabubasha, izaba imeze nka za batayo z'irushanwa rya Nyir'Ijuru»[22]**

Nyuma yo gusoma mwitonze ibyabanje no kujya impaka kuri byo ingingo ku yindi hamwe n'abitabiriye bo mu itsinda ryanyu, muzashaka gufatanya gushyira mu bikorwa insanganyamatsiko nkuko mwabikoze muri eshatu zabanje. Murasanga hano hasi imyitozo izabafasha muri uko kwihata.

1. Mwuzuze interuro zikurikira :

a. Nta na kimwe, uyu munsi, gishobora kwangiza ubumwe bwacu uretse __________, ______________ intonganya, inzangano no gusuzugurana mu bakundwa b'Imana.

b. Nta na kimwe, uyu munsi, gishobora kwangiza ubumwe bwacu uretse amacakubiri, ______________inzangano no gusuzugurana mu bakundwa b'Imana.

c. ___________, uyu munsi, gishobora kwangiza ubumwe bwacu uretse amacakubiri, intonganya, inzangano no gusuzugurana mu bakundwa b'Imana.

d. Nta na kimwe, uyu munsi, gishobora kwangiza ubumwe bwacu uretse amacakubiri, intonganya, ___________________ gusuzugurana mu bakundwa b'Imana.

e. Nta na kimwe, uyu munsi, gishobora kwangiza ubumwe bwacu uretse amacakubiri, intonganya inzangano no ____________________ mu bakundwa b'Imana.

f. Nta na kimwe, uyu munsi, gishobora kwangiza ubumwe bwacu uretse amacakubiri, ______________inzangano no gusuzugurana mu bakundwa b'Imana.

g. Nta na kimwe, uyu munsi, gishobora kwangiza ubumwe bwacu uretse amacakubiri, intonganya, inzangano no gusuzugurana mu bakundwa b'Imana.

2. Mu byavuzwe na Abdu'l-Baha' bwa kabiri, aragira ati :

a. Tugomba kuba __________________________________

b. Ntitugomba ku______________________ hamwe na ___________________

c. Tugomba gukunda abantu bose kubera ______________________ atari ukubera twe.

d. Ntituzahinduka bibaho ______________________ cyangwa ___________ niba dukunda abantu kubera _____________________________________

e. Inyokomuntu si ____________________________________

f. Iteka tuzaba ___________________________ nidufata ibintu _______________________________________________________

g. Nitwerekeza amaso ku___________________, tuzaba _____________

kandi tuzabe ____________________________ kubera bo.

3. Mu gice cya gatatu, 'Abdu'l-Baha' aratubwira ati :

a. Tugomba buri wese kwerekeza ibitekerezo byacu n'umutima wacu ku _______

no ku _________________

b. Igihe muri twe hajemo igitekerezo cy'intambara, tugomba ku gisimbuza _____

____________________________________________________________________

c. Igitekerezo cy'urwango kigomba gusenywa n' __________________________

____________________________________________________________________

d. Ibitekerezo by'intambara bisenya __________________________________

_________________________ na __________________________________

e. Ibitekerezo by'urukundo birema _____________________________________

________________________, n'____________________________________

4. Ni iki mugomba gukora igihe mubonye hari impaka ziri kuzamuka hagati yanyu n'abandi bantu bo muri kominote yanyu.

____________________________________________________________________

____________________________________________________________________

____________________________________________________________________

5. Musobanure indangamyitwarire yo mu mwuka ibafasha kugera ku bumwe muri Kominote yanyu.________________________________________________________

____________________________________________________________________

____________________________________________________________________

____________________________________________________________________

6. Muri ibi bintu ni ibihe bigeza abantu ku bumwe ?

____ Kureba ibibura ku bandi ngo bagire icyo bashobora

____ Kurenza amaso amakosa y'abandi

____ Gucukumbura ibyo abandi babura ukabibwira inshuti

____ Gukabya cyangwa guhindura inkuru kugira ngo ugaragaze isura mbi y'undi muntu.

____ Gutekereza ku makosa y'abandi.

7. Kuki tugaya abantu bamwe na bamwe iyo bibeshye abandi ntitubagaye kandi bibeshye kimwe?

8. Ese birashoboka kunga ubumwe mu gihe abantu barimo kubwirana nabi? Kuki bidashoboka?

9. Birumvikana ko ari bibi kubeshyera umuntu. Ariko se byaba aribyo kubwira abandi amakosa y'umuntu n'ubwo yaba yayakoze mu by'ukuri?

10. Ni irihe tandukaniro hagati yo kuvuga undi nabi, kumubeshyera no gucenga ibyo akora cyangwa avuga?

11. Ni izihe ngaruka zo kuvuga abandi nabi, kubabeshyera no kugaya ibyo bavuga cyangwa bakora muri kominote?

12. Ni gute twarandura burundu iyi mico mibi mu buzima bwacu?

13. Byagenda bite turamutse tuvuga abandi nk'aho bahibereye?

14. Igihe tuvuga nabi abandi imbere y'abana, ni izihe ngaruka bizabagiraho?

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

15. Gukunda kuvuga nabi abandi no kubataramana bikomoka he?__________________

______________________________________________

______________________________________________

16. Bahá'u'lláh' aratwinginga ati : "Niba umuriro w'ubwikunde ubagurumanamo ________

________________________________ kandi ntimuka _______________________

, ______________________________ kuko buri wese muri mwe __________________

17. Urukundo ntirugaragarira mu magambo gusa. Ni iki kandi wakora ?

______________________________________________

______________________________________________

18. Ku birebana n'ubumwe n'urukundo, 'Abdu'l-Baha' aratwinginga : « _______________

ndetse n'akanya gato kandi _______________ ntabwo bihumuriza ____________

n'ubwo mwashobora gutanga. Ahubwo _____________ hamwe ________________

na n'ubwo yaba umwe mu nshuti kandi ______________________n'ubwo waba ari umutima umwe ufite urumuri.»

19. Kandi akemeza ko : « Icyo inyokomuntu ikeneye kurusha ibindi ni________________

n'__________ uko imirunga y' _______________ ikomera hagati y'abantu, ni ko

ububasha bw' ____________________ n' ________________________ mu ngeri

zose z'ibikorwa bya muntu.»

20. Ni uruhe rufunguzo rw'ingenzi kugira ngo igikorwa cya rusange kigende neza ?

______________________________________________

21. Abdu'l-Baha' hari icyo avuga ku bantu bajya inama : « Iby'ingenzi ngo igikorwa

kigende neza mbere na mbere ni __________________________________________

________________________________________________________________

________________________________________________________________

Imbere y'abakundwa b'Imana, n'________________________ ku muryango ucinyiye, Niba, mu buntu bwa Nyagasani, bafashijwe, kandi bakagira iyi mico myiza, ________________________________________________________________ y'ubwami butagaragara bwa Baha'.»

22. Ku bijyanye n'ubushobozi bwo gukorera hamwe Abdu'l-Baha aratubwira ati : « Buri gihe imyuka mitagatifu, ikuruye ___________________________ izazamuka, ifite _________________ bene ibi ________________________, kandi ikagenda ku mirongo yegeranye _____________________________________________ cyane ______________________________________ y'izi roho uzaba usa n'___________________, n'imihengeri isimbuka y'iyi nyanja ikomeye bizaba bimeze nk' __________________________ y _________________________________ . »

**ICYICIRO CYA 9**

Mu gihe cy'uruzinduko rwa kane rwa Alexandra kwa Sanchez, yagize amahirwe yo guhura na Beyatirisa, umwe mu buzukuru babo waje kubana nabo kubera ko yiga mu ishuri ryisumbuye riri hafi aho. Beyatirisa afite amatsiko menshi ku nsanganyamatsiko y'ubumwe bituma yitabira yishimiye ikiganiro-mpaka. Ikiganiro cyenda kurangira, muka Sanchez azanira abari aho bose ikawa na gato. Ibi byahaye Alexandre umwanya mwiza wo kumenya Beyatirisa ku buryo burushijeho, akora ku buryo bazahura bukeye bwaho ngo baganire ku mihate yo kubaka ubumwe bwa kominote mu mudugudu. Alexandra yaribwiraga ati : « Yashobora gushishikazwa n'inyigo y'iki gice cy'ingenzi cy'amasomo. Nashobora kumufasha kwandika ibitabo ku muvuduko mwiza. Azashaka wenda gutangira ishuri ry'abana cyangwa se akamfasha mu itsinda ry'abangavu n'ingimbi ririmo kwirema mu mudugudu. Bigenze bityo, yashobora buhoro buhoro kugenda yuzuza inshingano nyinshi muri iri tsinda buhoro buhoro uko agenda asatira igitabo cya 5 kizamutegura kuba umushyushyarugamba. » Alexandra, yitabiriye inama nyinshi z'urubyiruko zibandaga ku nsanganyamatsiko zimwe na zimwe zasabaga kujya impaka, ari nazo zagejeje benshi muribo ku kwitabira imigendekere y'ikigo. Afata umwanzuro ko azakurikirana iki cyiciro cy'ibitekerezo mu kiganiro azagirana na Beyatirisa bukeye bwaho. Dore uko yafunguye ikiganiro :

> Twese turashaka kubona isi ihinduka ahantu heza kurushaho. Turifuza ahazaza heza aho amahoro y'isi yose azaba aganje n'aho umuryango w'abantu uzabaho mu mudendezo. Aha hazaza tuvuga si inzozi, dushobora kuhubaka uko tugenda tuba benshi mu kwihatira ko isi yacu iba nziza. Bivuye ku ndiba y'umutima wacu, buri wese

muri twe afite icyifuzo cyo kwitangira abacu. Icyo dukeneye, ni ukuzamura ubushobozi bwacu bwo gutangira ibikorwa by'ubwitange ku nyungu za bose nta nyungu yacu dutegereje.

Dushobora gutekereza ku murimo wacu wo kwitangira inyoko muntu twihimbira inzira yo kwitanga tuzagenderamo turi kumwe twese. Iyi nzira ifunguriwe bose. Buri wese icyo akora ni guhitamo kuyinjiramo. Ntabwo tugenda twenyine muri iyi nzira; turi kumwe n'inshuti zacu, twigira hamwe, kandi tugaherekezanya. Buri ntambwe dutera iduha ibyishimo no kwiyizera kandi buri muhate tugira utuzanira ibyiringiro bituruka ku Mana.

Beyatirisa yashimye ibyo arimo kumva hanyuma hakurikiyeho ikiganiro gishyushye nyuma y'ibi Alexandra yabagaragarije. Mbere yo gukomeza, tube duhagarikiye aha hanyuma dutekereze ku bwoko bw'ibikorwa hagati y'izi nshuti nshya ebyiri. Alexandra yafashe umwanzuro wo kwinjira neza mu kiganiro cyimbitse kugirango atumire Beyatirisa kwitabira imigendekere y'Ikigo. Kuki bitari kuba bihagije ko Alexandra abwira Beyatirisa ko hari uruhererekane rw'amasomo Ikigo cyashyizeho noneho akamusaba kuza kwifatanya nabo?

**ICYICIRO CYA 10**

Ikiganiro hagati ya Alexandra na Beyatirisa kirakomeje kimara amasaha abiri. Hano hasi muraza kuhabona ibitekerezo by'inyongera Alexandra agirana n'inshuti ye nshya. Turabyumva, ntabwo akomeza kubimugaragariza, ubudahagarara. Igice kinini cy'aya masaha abiri baragikoresha bombi baganira kuri ibi bitekerezo byo muri ibi bika:

Turacyari bato, dufite ingufu kandi dufite n'ubushake. Abantu bo batubona nk'aho ntacyo twitayeho. Nyamara, dushishikajwe n'imibereho y'inyokomuntu kandi turifuza impinduka igaragara muri sosiyete. Ikindi, tugomba no gutekereza ku buzima bwite bwacu-uburezi, umurimo, inshuti, umuryango. Buri mwaka, uko tugenda tuba bakuru, niko tubona inshingano zisumbuye tugomba kuzuza; ababyeyi bacu badutezeho byinshi. Rimwe na rimwe, iyo ntekereje ku nshingano zanjye zose, numva bindenze. Hanyuma nkibuka aya magambo yo mubyanditswe bya kibahayi nafashe mu mutwe : «Ubuzima bwa muntu bugira impeshyi yabwo kandi bwifitemo ikuzo ritangaje. Imbaraga no kudacika intege biranga urubyiruko; iki ni cyo gihe cyiza gusumba ibindi mu buzima bwa muntu.»

Icyo nashakaga ko nsangira nawe, n'uko abakiri bato benshi bo mu isi yose, muri za kominote nk'iyacu biyumvisha ko imbaraga zabo zishobora kwerekezwa ku mpamvu ebyiri zo kubaho: kwita ku bukure bwo mu bwenge n'ubw'umwuka unakurikirana uko

sosiyete igenda ihinduka. Aya masura abiri y'impamvu yo kubaho aracomekeranye ntatana. Uko tugenda tuzamura ubushobozi bwacu, niko dushobozwa kwitangira abandi, kandi muri uko gufashanya nk'abantu turakura kandi tugakomeza imico myiza dufite.

Aha niho haziraho igitekerezo cya ya nzira y'ubwitange nababwiye. Kuyigendamo ntabwo ari ikintu twongera gusa ku buzima bwacu; biha agaciro icyo dukora byose. Kwitangira kominote bidufasha kumva neza impamvu y'uburezi bwacu, gusobanukirwa ibitekerezo byacu ku hazaza hacu, kuzamura indangagaciro dukeneye kugira ngo imiryango yacu igire ubuzima bwiza. Ibi bidukomezamo ubucuti. Ibi bidufasha kudatatanya imbaraga zacu mu bidafite umumaro. Muri uku gutekereza ku mikurire yo mu bwenge no mu mwuka, tugomba kwiyumvisha imbaraga nyinshi zibidutera. Zimwe muri zo, nk'imbaraga z'ubumenyi, iz'ubutabera n'iz'urukundo, zidusunikira mu cyerekezo cyiza kandi tugomba kwiga kuzishingikirizaho. Izindi, tuvuge nk'imbaraga zogukunda ibintu n'izo kwikunda, zikora ibinyuranye n'iby'iza mbere, kandi tugomba kuzigendera kure. Tugomba kwihatira kugera ku byiza bihebuje kandi tukagira n'ukwemera ko imihate yacu izahabwa umugisha uturuka ku Mana.

Kandi dushakisha icyo twakora kugira ngo sosiyete ihinduke – guhindura isi y'ihohotera, ubukene, imibabaro mu isi y'amahoro, ubukungu n'umudendezo tugomba gukubira hamwe amajyambere y'ibintu n'ay'umwuka. Iterambere ry'ibintu ntirizagerwaho tutagize n'iterambere rya roho. Kubijyanisha byombi nibyo bizatuma isi iba nziza kurushaho. Hari amagambo meza nafashe mu mutwe : "iterambere ry'ibintu ni nk'itara, naho iterambere rya roho rikaba urumuri rw'iryo tara. Ayo moko yombi y'iterambere yiyunze, nibwo abantu bagira icyarimwe urumuri n'itara bitanga umusaruro ushimishije.»

Mu kugenda mu nzira y'ubwitange, twiga gukorana n'amatsinda y'abantu, cyane cyane abana n'urubyiruko, tubafasha kubona ubumenyi bakeneye, ubushobozi ndetse n'indangagaciro za roho. Twigiramo no gushishikarizwa n'ubumwe bwaza kominote zacu. Abantu ku giti cyabo, imiryango n'amatsinda byifuza gufasha mu iterambere rya kominote bagomba gukorera hamwe. Bagomba kubaka intumbero n'intego bimwe kandi bagatera umugongo inzira zose zabaganisha ku makimbirane.

Rero, ni iby'agaciro nk'urubyiruko, ko dushyira imbere akamenyero ko kumvikana hagati yacu. Tugomba kuba inshuti, tugashyigikirana mu murimo dukora, kwakira inkunga za buri wese, tugaterana ingabo mu bitugu, tukareba imbaraga za buri muntu tukagirana inama zubaka kandi tukishimira ibikorwa twagezeho twese. Mu gihe duhisemo inzira y'ubwitange, tugomba gukora, gutekereza ku byo dukora, gusuzuma no kwigira hamwe dufatanye urunana.

Mu binyejana biheruka, kominote bahai yashoboye ubwoko budasanzwe bw'ishuri mu bihugu byose. Ibyo bigo by'amashuri, nk'uko tubyita, bitanga amasomo akomeza ubushobozi bwacu bwo gukorera kominote. Mu kwiga aya masomo, twunguka ibiboneshwa umwuka n'ubushobozi bwo gukora dukeneye kugira ngo dutere intambwe nziza turi kumwe mu nzira y'ubwitange. Uko tugenda duterimbere kuva kuri kimwe ujya ku kindi twongera ubushobozi bwo kugira ibikorwa bifatika kandi binyuranye. Muri urwo rugendo, duherekezwa n'abafite ubunararibonye kuturusha, hanyuma uko iminsi itambuka, natwe tukagera aho duherekeza inshuti zacu zidafite

ubunararibonye. Mu ntangiriro y'urugendo, tuba turi abafana b'ihinduka ry'umuntu ku gite cye n'ihinduka rya sosiyete kandi tugafata byihuse inshingano zo kwiga neza tweubwacu n'izo kwitangira kominote.

«Kuba umufan» bivuga kugira ubushake bwo gukora mu buryo bwatekerejweho, gukomeza umutsi mu mihate yacu, kwakira no gushyira mu bikorwa ubumenyi twahawe kuri buri cyiciro. Umufana si wa wundi wakira gusa ibyo yagenewe ariko ni n'umuntu ubishyira mu bikorwa ngo iterambere rigerweho. Kugira ngo ube umufana, ugomba kwiga guhimba udushya kandi ukagira gahunda ihamye muri wowe. Amasomo y'ikigo adufasha gukomeza ubushobozi bwacu bwo kuba abafana b'urugendo rwo kubaka kominote.

Twagombye gufata umwanya tugatekereza ku ngingo zikubiye muri ibi bika byo hejuru. Nkuko byavuzwe mu ntangiriro y'iki cyiciro, Alexandra ntiyabona ko bihagije gushyira ahabona ibitekerezo uko bikurikirana, ahubwo yakora ku buryo Beyatirisa agira umwanya uhagije wo kubisesengura no gufatanya n'abandi kubijyaho impaka. Icyo muzashaka gushyiraho umutima – mumaze kubona umwanya wo kujya impaka kuri buri gika mu itsinda ryanyu kandi mwarangije kwiga uko musobanura ubwanyu ibitekerezo – ni ukumenya niba ikiganiro kiri kugenda neza ku buryo Alexandra azumva abagiriye icyizere gihagije ngo musangire amagambo amwe n'amwe ku masomo y'Ikigo cy'ishuri Ruhi, anatumire Beyatirisa kuza kwigira hamwe igitabo cya 1. Mbese mushobora kwandika mu mwanya wabugenewe hano hasi icyo mwavuga muramutse mwishyize mu mwanya we. Mwasobanura mute ibitabo 1 na 2 ndetse n'ibikorwa by'umurimo bisaba? Mu bitabo bikurikira ibi hari aho wakura ibijyanye n'ibikorwa by'umurimo.

By'umwihariko kwigisha amashuri mu burezi bw'umwuka bw'abana no kuyobora itsinda ry'ingimbi n'abangavu nk'umushyushyarugamba – Byafasha bidashikirwaho Beyatirisa kugira intumbero y'umurimo yazagiramo ubwitange mu gihe kizaza. Umuyobozi w'itsinda ryanyu ashobora kubafasha gushaka interuro zimwe na zimwe kuri ibi bikorwa by'umurimo bibiri, byenda gusa n'ibyo Alexandra yashobora kongeraho aramutse atumiye Beyatirisa kwiga igitabo cya 1.

**ICYICIRO CYA 11**

Ibyumweru bibiri birashize mbere y'uko Alexandra agira uruzinduko rutaha kwa ba Sanchez. Muri icyo gihe, Beyatirisa yashoboye kwitabira ibiganiro bishyushye no kurangiza ibice bibiri bya mbere by'igitabo cya 1. Ubu arimo kwiga ku gice cya gatatu hamwe n'itsinda ry'inshuti eshanu riterana kabiri mu cyumweru mu mudugudu. Alexandra yagize igitekerezo cyo kuganira n'umuryango w'Aba Sanchez ku nsanganyamatsiko y'isengesho kandi asaba Beyatirisa ko yabimufashamo. Namwe ubwanyu mwize igice cya kabiri cy'igitabo cya 1, rero si ngombwa gukora incamake hano y'ibyo Alexandra na Beyatirisa bakoze mu gihe cy'uruzinduko. Mu maze gusubiramo icyo gice, mwagombye kuba mushobora gusobanura ingingo z'ingenzi mwakwigaho mu kiganirompaka kuri iyi nsanganyamatsiko. Hano hasi murahasanga umwanya uhagije muri bwandikemo ibitekerezo byanyu:

**ICYICIRO CYA 12**

Inzinduko z'Alexandra ku muryango w'aba Sanchez zirakomeje kumara ibyumweru byinshi kandi babonye umwanya wo kuganira ku nsanganyamatsiko zitari nke zaturutse ku byo bumvikanyeho ku bisobanuro n'akamaro k'isengesho. – Ubuzima bwa roho, guteza imbere indangagaciro za roho (umwuka), kumvira amategeko n'amabwiriza y'Imana no guhora mu rukundo rwayo. Rimwe, baganira muri make ku bigo by'ubuyobozi, cyane cyane ku biterane mu by'umwuka by'aho babarizwa ndetse no mu gihugu cyose. Ntidukeneye kongera kureba ibikubiye muri buri ruzinduko mu gihe kizaza. Rero, hari ibibazo bibiri bikunze kwibazwaho mu bitabiriye ku ruhererekane rw'ibiganiro nk'icyo tugiye kurebera hamwe. Ikibazo cya mbere kirebana n'ubwoko bw'inama zikorwa na kominote naho icya kabiri kirebana n'aho amafaranga yifashishwa yaturuka. Tuzatangira rero tureba insanganyatsiko y'amanama, by'umwihariko, umunsi mukuru w'iminsi cumi n'icyenda, muri iki cyiciro hanyuma dusuzume ikibazo cy'amafaranga mu cyiciro gikurikira.

Izi ngingo zikurikira zashobora gufasha mu ntego z'ikinyejana ku nsanganyamatsiko y'Umunsi Mukuru w'iminsi cumi n'icyenda:

- Muri kominote bahayi, dutegura inama zifite intego zitandukanye : kubera-gusenga, kwiga, kwizihiza ibihe bidasanzwe, kugenzura ibikorwa rusange n'ukwitangira sosiyete, kujya inama kuri za gahunda z'ibikorwa. Bahá'u'lláh yagize isezerano rigira riti:

**«Kubw'ubuzima bwanjye n'Icyo mbereyeho! Roho z'abemera nyakuri n'izo abamalayika bose batowe zizazenguruka kuri buri nzu yose izinjirwamo**

**n'inshuti z'Imana kandi aho hazazamuka amajwi yabo basingiza kandi bahimbaza Nyagasani.»**[23]

- Gutega amatwi ijambo ry'Imana mu gihe cy'amanama hagati y'inshuti bitanga ibyishimo mu mitima kandi bigakomeza imirunga y'ubumwe. Bahá'u'lláh' aratwinginga ati:

**«Inshuti zose, mu gihugu icyo aricyo cyose zirimo, zirasabwa guterana no kuganira, mu gihe izo nama zirimo zikorwa, n'ubwitonzi no kudategwa mu magambo, gusoma ibyanditwe by'Imana, kubera ko ari amagambo y'Imana ubwayo atuma havuka umuriro w'urukundo kandi akanawenyegeza.»**[24]

Abdu'l-Baha' yaranditse ati:

**«Mukore inama nyinshi, muvuge kandi muririmbe inyigisho ziturutse mu ijuru, kugira ngo iki gihugu gishobore kumurikirwa n'urumuri rw'ukuri n'ubu butabera bushobore, bitewe n'ibyemezwa na Roho Mutagatifu (Mwuka wera) guhinduka nka paradizo iteye ubwuzu, kuko iyi myaka y'ubu ari ikinyejana cya Nyagasani wuje ikuzo, kandi ijwi ryiza ry'ubumwe bw'isi ry'inyokomuntu rigera mu matwi hose mu Burasirazuba no mu burengerazuba.»**[25]

- Mu nama zose za kibahayi, umunsi mukuru w'iminsi cumi n'icyenda ukwiye izina ryihariye. Kalendari bahayi igizwe n'amezi cumi n'icyenda y'iminsi cumi n'icyenda buri kwezi, kandi buri hantu, ababahayi baterana rimwe mu kwezi ku bw'iyo nama, nk'uko Bahá'u'lláh' ubwe yabitegetse:

**«Mu by'ukuri, turabahamagarira gukora umunsi mukuru rimwe mu kwezi, n'ubwo mwakwiyakiriza amazi, kubera ko Imana yashatse kunga imitima ari mu buryo bw'iby'isi ari no mu buryo bw'iby'ijuru.»**[26]

- Umunsi mukuru w'Iminsi cumi n'icyenda ugizwe n'ibice bitatu. Igice cya mbere ni igice cy'imyiteguro, aho bavuga amasengesho bakanasoma amagambo y'ibyanditse bitagatifu (byera). Igice cya kabiri ni igice kijyanye n'ubuyobozi, muri iki gice habaho igenzura ry'ibikorwa bya kominote. Igice cya gatatu ni igice cy'ubusabane.

- Tumaze kubona akamaro k'igice cy'imyiteguro y'umunsi mukuru w'iminsi cumi n'icyenda, ibi bikomoka ku magambo akurikira ya Abdu'l-Baha':

**«Yemwe bagaragu b'inyangamugayo b'ubwiza bwa kera muri buri cyiciro no muri buri ukwigomwa, umunsi mukuru wabaye uw'urukundo no kugirirwa neza, kandi gutegura ameza yagenewe abakunda Imana byabaye nk'igikorwa cyo kwishimira. By'umwihariko nibyo biriho none, muri uko kwigomwa, muri uyu mwaka usumba iyindi mu kugira ubuntu, umunsi mukuru urakunzwe kandi uravugwa cyane, kuko ubarwa mu by'ukuri mu nama zahariwe gushengerera no gusingiza Imana. Ni muri uyu munsi mukuru dutera amagambo matagatifu y'Ijambo by'Imana, niho humvikanira imitoma n'ibisingizo bihebuje byo mw'ijuru, niho imitima yuzuzwa ubuzima na roho zikajya mu mwuka.»**[27]

- Mu gice kijyanye n'ubuyobozi bw'Umunsi Mukuru inshuti ziba wateranye zitega amatwi raporo ku bikorwa bya za kominote bahayi bya vuba n'ibya kera, zigasuzuma ibikorwa by'ukwemera muri kominote yabo n'inkunga zatanzwe ngo habeho imigendekere myiza ya sosiyete, bakimenyereza amabwiriza bahawe na ya Nzu y'isi yose y'ubutabera, bagatekereza ku mizamukire y'ingamba zabo bafashe, bakanageza ibyifuzo byabo ku buyobozi bwabo mu by'ukwemera. Uku guhanahana amakuru mu gihe cy'umunsi mukuru w'iminsi cumi n'icyenda n'iby'agaciro gakomeye, kuko, ari muri ubu buryo buri muntu ashobora bimworoheye kwitabira ibikorwa bya Kominote haba kw'isi yose.

- Naho mu gice cy'ubusabane cy'umunsi mukuru, n'igihe cy'ubucuti no kwisanzuranaho. Mushobora gukina umuziki, gutanga ibiganiro bifasha mu myumvire kandi n'abana bakagira ibyo berekana bifitemo. Muri make, amagambo ajyanye n'umuco wa kibahayi yatoranyijwe neza, afite agaciro kandi ashimishije ashobora gukoreshwa kugira ngo yongere uburyohe muri iki gice cy'umunsi mukuru.

- Umunsi Mukuru w'iminsi cumi n'icyenda ni ikirango cy'ingenzi cy'Ihame ry'ubuyobozi bw'Ukwemera. Ukusanyiriza hamwe ibirebana n'umuhamagaro, ubuyobozi n'ubusabane by'ubuzima bwa Kominote. Ibi birango byose bigomba kwitabwaho, kuko kugira ngo uyu munsi mukuru ugende neza hagomba kubaho uburinganire hagati y'ibi bice uko ari bitatu biwugize. Mu butumwa bwanditswe mu kwezi kwa munani k'umwaka wa 1989, Inzu y'isi y'Ubutabera iratangaza ibi:

**«Itegeko rireba isi yose rya Bahá'u'lláh' ryubahirizwa mu bice byose bya sosiyete; ryinjizamo imigendekere y'ubuyobozi, ubusabane n'ibijyanye n'ibya roho (umwuka) by'ubuzima. Riyobora inyokomuntu mu buryo bwose, ku kubaka sivilizasiyo nshya. Umunsi Mukuru w'iminsi cumi n'icyenda ubumbirahamwe ibi byose byavuzwe mu kintu kimwe cy'ibanze muri sosiyete. Mu gukorera mu murenge, mu mujyi muto cyangwa munini, ni Ikigo kinini kigizwe n'abaturage ba Baha Kigenewe guteza imbere ubumwe, kwizeza abantu iterambere no gutera ibyishimo.»**[28]

- Umunsi Mukuru ukomeye nk'uyu ntushobora gutegurwa huti-huti: Hakoreshejwe amasengesho no kubitekerezaho bihagije,buri muntu agomba kwitegura mu bwayo bwa roho (umwuka) uyu munsi mukuru, no mu gihe urimo gukorwa, buri muntu na none agomba kwitabira n'umutima we wose ndetse n'ubwenge bwe bwose, asoma cyangwa atega amatwi ingingo z'ingenzi zirimo kuvugwa; atanga za raporo, yakira inama agirwa cyangwa nawe atanga ibitekerezo; yaba ari umushyitsi cyangwa yemera gucumbikirwa yishimye kandi amaso ye arangwa n'umucyo. Mu ibaruwa yoherejwe ku bw'umunsi Mukuru w'iminsi cumi n'icyenda, Inzu y'isi y'ubutabera itangaza ibi bikurikira:

**«Ibintu by'ingenzi by'itegurwa ry'umunsi Mukuru bigizwe no gutoranya amasomo azasomwa aberanye n'uyu munsi, guhitamo hakiri kare abasomyi beza kandi bagaragara neza imbere y'abantu kandi bafite n'ubushobozi bwo kwakira porogaramu (gahunda) y'ibigamijwe. Ni ngombwa kwitondera gushaka ahantu heza umunsi Mukuru ubera, haba mu nzu mberabyombi cyangwa hanze mu mbuga. Isuku, uko umwanya wateganyirijwe iki gikorwa uteguye kandi**

**watatswe, ni iby'agaciro ntagereranywa. Kubahiriza igihe nabyo biri mu biranga imyiteguro myiza.**

**«Mu bigaragara cyane, umunsi mukuru uba wagenze neza iyo imyiteguro yabaye myiza kandi ukanitabirwa n'abantu benshi. Mwigisha w'igikundiro atanga inama zikurikira: "Mutange inama z'ingirakamaro mu Manama mukora y'iminsi cumi n'icyenda, kugira ngo muri ibi bihe abakundwa ba Nyagasani n'abagaragu ba Nyirimpuhwe bashobore kwerekeza uruhanga rwabo ku Bwami, kuririmba amasengesho, gusaba ubufasha bw'Imana, gusabana mu byishimo bamwe ku bandi no gutera imbere mu buziranenge n'ubutagatifu, mu gitinyiro cy'Imana no guca ukubiri n'ibyiyumvo bibi bibarimo ndetse n'ubwikunde. Ni muri ubwo buryo batazizirika ku by'isi bihita bakihambira ku byiza by'umwuka.»[29]**

Nk'uko bisanzwe, mwagombye gusoma neza kandi kenshi ibitekerezo byatanzwe haruguru mu itsinda ryanyu kugira ngo biborohere kubisangiza abandi. Imyitozo ikurikira izabafasha kumwa neza gusobanukirwa akamaro k'umunsi Mukuru w'iminsi cumi n'ichyenda:

1. Ni iki kizaranga, Bahá'u'lláh' nibyo atwizeza, buri hantu cyangwa inzu tuzateraniramo kugira ngo turamye kandi dusingize Nyagasani? ____________________________

   ____________________________________________________________

2. Mu gice cya 2 cy'ibyatangajwe haruguru, Bahá'u'lláh ' aratubwira ko iyo duteranye

   twagombye kuvugana na ________________ hamwe na _____________ gusoma

   _____________________: kubera ko amagambo y'Imana ariryo ______________

   _____________________ na _____________

3. Mu gice cya 3 cy'ibyatangajwe haruguru, Abdu'l-Baha' aratugira inama zo gukora amanama kugira ngo tuharirimbire kandi tuhatangarize inyigisho zikomoka mu ijuru kugira ngo:

   - Igihugu tubamo gishobora kuba ________________________________________

   - Isi dutuye ishobora guhinduka __________________________________________

   ____________________________________________________________________

4. Kalendali Bahayi igizwe n'amezi angahe? __________________________________

5. Buri kwezi kugizwe n'iminsi ingahe ? ______________________________________

6. Ni iyihe nama idasanzwe ijya iba hagati y'Ababahayi, buri kwezi? ______________

   ____________________________________________________________

7. Vuga ibice bitatu bigize Umunsi Mukuru w'iminsi cumi n'icyenda: _______________

_______________________________________________________________________

_______________________________________________________________________

8. Mbese ibice bigize Umunsi Mukuru w'iminsi cumi n'icyenda bitambutswa mu buryo

abantu bishakiye bwose? ______________________________________________

9. Igice cyahariwe amasengesho, indirimbo, ibyanditswe bitagatifu (byera) kigamije iki?

_______________________________________________________________________

_______________________________________________________________________

_______________________________________________________________________

10. Igice kireba ibijyanye n'ubuyobozi bw'Umunsi Mukuru cyo kigamije iki? __________

_______________________________________________________________________

_______________________________________________________________________

_______________________________________________________________________

_______________________________________________________________________

_______________________________________________________________________

11. Igice cy'ubusabane kigamije iki ? ____________________________________________

_______________________________________________________________________

_______________________________________________________________________

_______________________________________________________________________

_______________________________________________________________________

12. Muri izi nsanganyamatsiko zikurikira, ni izihe mwatoranya kuvugaho mu gihe mugeze ku gice kirebana n'ubuyobozi bw'umunsi Mukuru?

___ Amafaranga akenewe mu mbanzirizamushinga za rusange.
___ Ibitego by'ikipe y'igihugu y'umupira w'amaguru

___ Uko wakemura ukutumvikana hagati y'abantu babiri bo muri kominote
___ Iterambere ry'amashuri ya kibahayi y'abana muri kominote
___ Igisobanuro cy'ijambo ryo mu Byanditswe bitagatifu (byera) umwe mubagize kominote yigagaho mbere mu cyumweru hagati :
___ Imbaraga zishyirwa muri gahunda y'urubyiruko muri kominote.
___ Amahirwe y'akazi k'aho muri kominote afungurirwa urubyiruko.
___ Ugushyigikira ingimbi y'abangavu gushobora gukorwa na kominote aho imishinga y'akazi ikomeje kuba myinshi.
___ Gusurwa kw'ababyeyi b'abana n'urubyiruko muri za gahunda z'uburezi ziterwa inkunga n'ikigo

___ Kwibanda ku muco wo gusenga ni kuganira ku Ijambo ry'Imana bya kominote
___ Ingengabihe y'ibiganiro n'amakuru bitambuka kuri televiziyo
___ Kwizihiza umunsi mukuru w'ubutaka.
___ Ubwitange mu gikorwa rusange buturuka ku buryo kominote yiyubatse

13. Mujye impaka ku kibazo gikurikira mu itsinda ryanyu : - Kuki uburinganire mu bice bitatu bigize umunsi mukuru ari ingenzi cyane?

14. Ubu noneho ni mujye impaka kuri ibi bibazo bibiri biri hano hasi:

a. Muramutse muri abashyitsi mwakwitegura mute umunsi mukuru?

b. Muri abantu basanzwe bitabira bwo mwakwitegura mute uyu Munsi Mukuru ?

**ICYICIRO CYA 13**

Ikibazo cya 2 cyibazwa kenshi mu biganiro ku kwemera ni ukumenya ukuntu kominote bahayi ibona amafaranga y'iby'ikeneye byose. Dore ingingo zimwe na zimwe zishobora kubafasha mu gusubiza ibyo byose mwibazaho :

- Ikintu kominote bahayi ikoresha kugira ngo ikemure ibibazo bijyanye n'amafaranga ni ikigega bahayi. Kiyoborwa cyangwa se gikurikiranwa n'ibigo by'ukwemera bishamikiye kuri cyo mu rwego rw'umudugudu, urw'igihugu, urw'umugabane ndetse n'urw'isi yose. Ababahayi bemera ko aribo ubwabo bagomba kwishakamo imbaraga zigamije gusakaza ukwemera kandi ku bw'iyompamvu Ikigega nta handi gikura imisanzu uretse mu bagize kominote.

- Gutanga umusanzu mu kigega ni igikorwa cy'ubukorera bushake. Ni mu buryo bw'ibanga ku buryo biba bizwi gusa n'umuntu ku giti cye n'ibigo by'ukwemera. Amazina y'abatanze umusanzu n'amafaranga batanze ntibyigera bitangazwa. Nta gitutu gishyirwa ku bagize kominote kugira ngo batange umusanzu. Ibigo bihamagarira muri rusange abagize kominote kwitanga, bikabibutsa akamaro k'ikigega, bikanabamenyesha ibikenewe gukorwa. Ni gake cyane kominote itanga impamvu yo gutanga umusanzu. Ariko nta n'ubwo bagena ayo umuntu agomba gutanga, nta n'ubwo basaba ayo mafaranga. Buri muntu ku giti cye niwe ufata umwanzuro, bitewe n'uko yasobanukiwe n'ibigamijwe, wo kwitanga uko ashobojwe mu by'inkunga.

- Iterambere tugerageza kubaka ni iterambere rirambye, rikomatanya iby'ubukungu n'ibya roho. Ubukire bwemewe ni ubwuzuza ibisabwa byose. Tugomba kubugeraho binyuze mu murimo unoze. Tugomba kubukoresha ku neza y'Inyokomuntu. Kandi abagize kominote bose bakazamukira rimwe : Ntitwakwemera ko hagira bamwe bakira cyane mu gihe hari abagize umubare munini bafite byinshi babura nkenerwa mu buzima. Bahá'u'lláh ' aratubwira ati :

**«Abeza kuruta abandi mu bantu ni ababeshwa ho n'umurimo wabo, kandi, kubera urukundo rw'Imana umugenga w'isi yose, bagakoresha amafaranga yabo ku nyungu zabo n'iza bagenzi babo.»**[30]

**«Mugomba kwera imbuto nziza zinahimbaje zizabagirira akamaro zikakagirira na bagenzi banyu. Rero ni iby'agaciro kuri buri wese gushaka umwuga akora cyangwa umurimo kuko aho ariho hari ibanga ry'iterambere rirambye, yemwe bantu mwumva.»[31]**

Na 'Abdu'l-Baha' arasobanura ati:

**«Ubukire buraratwa cyane igihe cyose abaturage bose babugizemo inyungu. Niba, rero, bamwe ari abaherwe mu gihe abandi ari abakene nyakujya, ntihabeho n'imbuto yera ituruka muri ubwo bukire, buhinduka ahubwo icyago kuri nyirabwo.»"[32]**

- Kubaka sosiyete itarangwamo akarengane n'ibyago, tugomba twese kuba abantu bagira ubuntu nta kurobanura. N'ubwo aho dukura haba hadahimbaje, ibyo aribyo byose tugomba gutanga umusanzu wacu mu iterambere ry'inyokomuntu, kubera ko amajyambere nyakuri abonekera mu gutanga. Kugira ubuntu ni indangagaciro ya roho, ntaho bihurira n'uburyo umuntu abayeho. Mu magambo cyangwa mu byanditswe bihishwe, Bahá'u'lláh' aragira ati:

**«Ubuntu n'ubwitange nizo ndangamimerere zanjye. Hahirwa umuntu utunze iyi migenzo yanjye.»[33]**

• Tugomba kwibuka ko isoko yukuri yubutunzi ubwo aribwo bwose dufite ari Imana, Byose-Byinshi. Aduha uburyo bwacu bwo kubaho; Atuma bishoboka 66 - Guhaguruka kugirango Ukorere kugirango dutere imbere. Kandi iyo dutanze umusanzu mu kigega, dukoresha kubwimpamvu ye igice cyibyo yaduhaye. Kuri Bahá'ís rero, guha Ikigega ntabwo ari ikibazo cyubuntu gusa; ni impano yo mu mwuka n'inshingano ikomeye ya buri muntu. Umurinzi aratugira inama

**«Tugomba kuba nk'iriba ridudubiza cyangwa isôko ihora imena amazi kugeza ikamye kandi igahora igaburirwa n'uruzi rutagaragara. Gutanga ubutaruhuka tubigirira bagenzi bacu, tudatinya kurerwaho n'ubukene kandi tukiringira ubuntu butayorwa b'Isôko y'ubukirebwose bubaho n'ineza ni ryo banga ry'ubuzima bw'inyangamugayo.»[34]**

Muzagira umwanya wo gucengera bimwe mu bitekerezo byagaragajwe mu isomo rikurikiraho ry'iki gice, tuzavuga ku nsanganyamatsiko y'ubutunzi bw'ibintu. Muri uyu mwanya, murashishikarizwa, nk'uko bisanzwe, kujya impaka ku bimaze kuvugwa haruguru igice ku gice no gukora imyitozo ikurikira kugira ngo mwiyigishe cyangwa mwitoze gusobanura ibitekerezo mudategwa kandi mutekanye.

1. Mwishingikirije ku byavuzwe mu Byanditse byera (bitagatifu), nimwuzuze interuro zikurikira.

a. Bahá'u'lláh' atubwira ko tugomba gukora _______________ kandi tugirira urukundo

rw'Imana, tugatanga amafaranga yacu kugira ngo dufashe ____________________
__________________________________________________________________

b. Tugomba kwera imbuto ____________ kandi __________________ abaturage

bose ___________________________________

c. Umuntu wese umwe muri twe agomba kwishora __________ na ______________ a kuko hariho ibanga _____________ rya ______________.

d. ‘Abdu’l-Baha’ asobanura ko ubukire ari ____________________ buri gihe cyose __________________________________________ babubonyemo inyungu.

e. Niba bamwe ari _________________ mu gihe abandi ari ____________________ ntihabeho ___________________________ buhinduka ahubwo _______________

f. Bahá’u’lláh’ aratubwira ati : _______________________ n’ ___________________ nizo ndangamimerere zanjye. Hahirwa umuntu _____________________________

g. ___

h. ___

2. Andika icyiciro cy’ibitekerezo cyakurikijwe mu byagaragajwe haruguru

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

**ICYICIRO CYA 14**

Kugira ngo dusobanukirwe neza ubwoko bw'ibiganiro bishobora kubera mu murenge umwe cyangwa mu mudugudu byuzuyemo ibikorwa binyuranye, twakurikiranye imihate y'Alexandra, umunyeshuri muto wiga kaminuza. Mu gihe yarimo akora uruhererekane rw'inzinduko, zamaze ibyumweru byinshi, yaganiriye na Bwana na Madamu Sanchez ku nsanganyamatsiko zimwe na zimwe yizera ko zizamufasha kubacengezamo neza ubumenyi bw'ukwemera no guha ingufu ibyo biyemeje mu nyigisho. Nyuma yaho, ukuza kwa Beyatirisa, umwuzukuru wa ba Sanchez, kwadufashije kugenzura ubundi bwoko bw'ikiganiro noneho hagati y'aba bangavu bombi bifuza kumenya uko bashobora kwitangira kominote yabo. Mu gukurikirana inkuru no gukora imyitozo, twabonye ko ibirenze ku bumenyi bwagendaga buzamuka bw'insanganyamatsiko zuzuyemo ubuhanga, zimwe mu ndangagaciro z'ibyo mu mwuka, imyitwarire n'inyurabwenge ari ngombwa mu gushyigikira ibiganiro duteganya hano.

Muri iki kiciro n'iki gikurikira, tuzibanda ku nsanganyamatsiko z'ubundi buryo butandukanye n'ubwo twari tumenyereye, ni ukuvuga izagarutsweho mu gihe cy'inzinduko zagiriwe mu miryango bikozwe n'urubyiruko rwitabira za porogaramu zagenwe n'Ikigo. Nk'uko byavuzwe, kwigisha amashuri y'abana no kuyobora itsinda ry'urubyiruko nk'umushyushyarugamba ni ibikorwa by'umurimo bigararukwaho mu nyigisho zikurikira, mu bitabo: icya 3 n'icya 5. Mushobora kwimenyereza izi porogaramu zombi hakurikijwe uko mwebwe ubwanyu mwagiye mubyitabira igihe mwari mukiri bato.

Reka tugenzure mbere na mbere ibikubiye mu kiganiro cy'ibanze gihoraho hagati y'imiryango ikomokwamo n'ingimbi n'abangavu. Twishyire mu mutwe ko hashize igihe turetse amateka yacu kandi ko ubu Beyatirisa ari kwiga igitabo cya 2. Alexandra arabaza mucuti we niba yifuza kumuherekeza igihe agiye gusura imiryango n'ingimbi n'abangavu benshi bagiye gutangira itsinda babifashijwemo nabo arabimwemereye byihuse.

Alexandra arimo gusobanurira Beyatirisa icyo agamije gukora. " Buri ruzinduko tuzajya turutangiza kugaragariza ababyeyi porogaramu umuhungu wabo cyangwa umukobwa wabo yahisemo kandi tubereka ko ari muri gahunda ndende turimo yo kubaka kominote irimo gutera imbere mu mudugudu. Hanyuma tuzagenzurana nabo bimwe mu bitekerezo biri imbere muri porogaramu. Ruzaba ari uruzinduko rwa mbere ruzakurikirwa n'izindi nzinduko, kandi turizera ko uko ikiganiro kizagenda gikomezanya n'igihe ariko n'umuryango uzakomeza gushyigikira itsinda mu buryo butandukanye kandi ko n'abarigize bazaba ingenzi mu imenyerezwa mu by'umwuka ry'ingimbi n'abangavu muri kominote.

Alexandra na Beyatirisa barajya impaka ku ngingo zimwe na zimwe bataganya kuzamura muri buri muryango. Bafashe umwanzuro wo kwandika ibitekerezo babona ko ari ingirakamaro bazi neza batazabikoresha byose mu ruzinduko rwa mbere, ahubwo ko bazakoresha ibisigaye mu bindi biganiro bizakurikiraho. Dore zimwe mu ngingo bavuga ku byo uru rubyiruko rushoboye :

- Mu buzima bw'umuntu, imyaka itatu iri hagati y'imyaka 12 na 15 ni igihe gikomeye – ni urwego ruvana umuntu mu bwana rumuganisha mu kuba umuntu mukuru.

- Uru rubyiruko rwo muri iyi myaka dukunze kurwita "Ingimbi n'abangavu". Ntibaba bakiri abana bato ariko kandi baba bataragera ku rugero rw'urubyiruko.

- Ikibabaje ni uko abana bo muri iki cyiciro bafatwa nk'abantu b"ibihubutsi, bananiranye bikunda kandi bahora bahindagurika. Nyamara twebwe tubabona ukundi kuntu gutandukanye na byo. Ni iby'ukuri ko muri iki cyiciro cy'ubuzima, twese tugerwaho n'imihindagurikire yihuse, haba ku mubiri, mu marangamutima n'imitekerereze. Ni n'ibyukuri ko kubera izo mpamvu zose, dushobora kugaragara nk'abigomeka. Ariko mu bigaragara, ni icyiciro kigufi cyifitemo ubwenge bwinshi kandi gitanga icyizere.

- Natwe twabaye ingimbi n'abangavu hashize igihe kitari kinini, turacyibuka ukuntu tagezweho ingaruka n'iyi mihindagukirikire. Rimwe na rimwe twagiraga ubutwari, ubundi tugashidikanya. Kenshi twifuzaga ko batureka twenyine. Rimwe na rimwe twarasabanaga ubundi tukigirira amasoni. Hari igihe twasabaga kutureka tukaba mubwigunge kugira ngo turebe uko batwitaho. Twashakaga gusobanukirwa ngo ni ibihe bintu dushoboye ndetse n'impano twifitemo n'uburyo bwo kuzikoresha. Kandi uburyo abandi batubonaga n'ibyo batekerezaga ku bitekerezo byacu byari iby'agaciro kuri twe.

- Icyumvikana, ni uko ubu buryo bw'imyitwarire butaramba. Mu buzima bwamuntu, ni muri iyi myaka hari ubushobozi bumwe na bumwe bw'umwuka buzamuka vuba vuba. Dutangira gushaka ibisubizo by'ibibazo by'ingenzi mu mibereho. Dusesengura ibiriho biba impande n'impande zacu tukagaruka ku gice kinini cy'ibyo twize kandi ntabwo tuba twiteguye nka kera gukurikira buhumyi ibyo abakuru batubwira gukora, cyane cyane ko tuba tubona ko amagambo yabo aba ahabanye n'ibikorwa byabo.

- Niba bashaka gufasha urubyiruko mu buryo bufatika gushyira mu ngiro ibyo babifuzaho, ni ngombwa ko birinda gukomeza kubafata nk'abana. Dore uko 'Abdul'-Baha' asobanura iki cyiciro:

  **«Nyuma y'igihe runaka, yinjira mu cyiciro cy'ibyiruka aho imibereho n'ibyo yakeneraga mbere bisimburwa n'ibishya bamugomba bijyanye n'intera ndende aba agezeho. Ubushobozi bwe bwo kwitegereza buraguka bukanakanguka, imipaka n'ibimukikije by'ubwana ntibiba bikibangamira imbaraga n'impano ze.»**[35]

- Inzu y'isi y'ubutabera, aricyo gice kiyobora ukwemera kwa kibahayi, kivuga ibi kubyerekeye insanganyamatsiko twihaye kugira ngo dukorane n'ingimbi n'abangavu:

  **"Mu gihe abantu bo muri iyi si bakunze gushimangira ko iki gipande cy'iyi myaka y'ingimbi n'abangavu, giteye inkeke, cyaheranwe n'uguhinduka k'umubiri n'amarangamutima kwa hato na hato, kuba ntibindeba no kwikunda gukabije, kominote bahayi yo – mu mvugo ikoresha n'inyigisho itanga igenda itera intambwe ihamye mu cyerekezo kinyuranye n'ibyo abantu bishyiramo, yo ikabona mu mwanya wabyo wamwana witangira abandi, wiyumvamo kutarenganya abandi, ufite amashyushyu yo kwiga ku biri mu isi byose, ufite icyifuzo cyo kubaka isi nziza kurushaho."**[36]

Alexandra na Beyatirisa bibanda kuri porogaramu y'imenyereza ry'umwuka (roho) ubwayo, bakanagerageza kugaragaza bimwe mu biyiranga :

- Abari hagati y'imyaka 12 na 15 banezezwa no kujya mu itsinda ry'inshuti bashobora gusangira ibitekerezo byabo, gukorana imishinga, gukora imyitozo ngororamubiri n'ibindi…. Kubw'iyo mpamvu, porogaramu yubakiye ku nyito ry'itsinda ry'ingimbi n'abangavu. Buri tsinda riyobowe n'umushyushyarugamba, kenshi aba ari umubyiruke ubasumbije imyaka (mukuru kuri bo) kandi inshuti y'ukuri y'abitabira, ari nawe ubafasha kuzamura ubushobozi bwabo.

- Amatsinda aterana kenshi gashoboka. Muri izo nama, uru rubyiruko rwigishwa gucukumbura insanganyamatsiko no gutanga ibitekerezo nta gutinya kugenzurwa no gusekwa. Bashishikarizwa gutega amatwi, kuvuga icyo batekereza, gusesengura imyanzuro no kuyishyira mu bikorwa.

- Turi mu bihe umubare munini w'imbaraga zitubaka ugira ingaruka ku buryo ingimbi n'abangavu zitekerezamo n'uko bitwara. Abashyushyarugamba (abayobozi b'imyitwarire) babafasha kurwanya izo mbaraga zisenya – bitari gusa kugira ngo birinde ko sosiyete barimo yitakarize icyizere, ahubwo no kugira ngo bakore cyane bagira ngo isi irusheho kuba nziza.

- Prorogaramu icyo ishaka ni ukugaburira ubushobozi bwomatanye na roho ya muntu, ubushobozi buba butangiye kwigaragaza mu ntangiriro y'ubugimbi n'ubwangavu. Ubushobozi bwo gutekereza no kubisobanura ni ingirakamaro. Urubyiruko rugomba gushyira imbere imvugo ikenewe kugira ngo berekane ibitekerezo byabo kukuntu babona isi kandi basobanure uko bifuza ko yahinduka.

- Abangavu n'ingimbi baba bifuza gutekereza ku gisobanuro cy'ingengamyitwarire y'ibanze mu buzima bufite intego. Umunezero, icyizere no kugeza ku ntego mu buryo buhebuje ni zimwe mu ngero. Ikibabaje, abantu bakunda kuvuga kuri ibi bitekerezo bihitira ntibabihe agaciro kabyo. Kugira imyumvire yimbitse kuri ibi bitekerezo, bavumbura uburyo bwinshi bwo kwisobanura mu buzima bwa buri munsi, bishobora gufasha urubyiruko kubaka muri bo urwego rw'imyifatire rutajegajega kandi bikanatuma birinda kandi barwanya za mbaraga z'urucantege muri sosiyete.

- Imyumvire y'ingengamyitwarire ni ingenzi mu gutera imbere mu by'ubwenge. Rimwe na rimwe abangavu n'ingimbi bahura n'ingorane ku kigo cy'ishuri kubera ko biba bizwi ko bigishijwe kandi bahawe amakuru menshi ku nshanganyamatsiko zitandukanye kandi ari nta bufasha bahawe kugira ngo bumve neza inge ngamyitwarire zizishamikiyeho. porogaramu y'ishuri ibashishikariza gutekereza byimbitse ku bitekerezo – mu by'umwuka n'imyitwarire myiza, mu by'imibare, mu bya siyansi n'ibindi n'ibindi, kandi mu buryo budahinduka, ibi byongera imitsindire yabo ku ishuri.

- Ingimbi n'abangavu bafite icyifuzo kinini cyo kubona umurongo w'ibintu. Bashaka kumva impamvu no kumenya impamvu z'ibibera impande n'impande zabo. Kugira ngo batsinde, bagomba gushobora kutabonesha amaso y'umubiri gusa, ahubwo bakabonesha n'amaso y'umutima n'umwuka. Intego nyamukuru ya porogaramu rero ni ugushyira imbere imboni z'umwuka : ubushobozi bwo kumenya ko hari imbaraga z'umvuka no kugaragaza imirongo ngenderwaho mu by'umwuka mu byo bahura nabyo.

- Porogaramu igera ku ntego zayo zinyuranye – gukuza ubuzima bwa roho n'ubushobozi bwo kumenya kwisobanura – babifashijwemo n'uruhererekane rw'imyandiko. Imyandiko iba igizwe n'inkuru zoroshye ku buzima bw'urubyiruko mu bice bitandukanye by'isi. Uretse kwigira hamwe iyi myandiko, kujya impaka ku bikubiyemo no gukora imyitozo ikomoka kuri iyi myandiko, ingimbi n'abangavu banitabira imyitozi ya siporo bakiga n'ubugeni ndetse n'ubukorikori.

- Babifashijwemo n'abashyushyarugamba, amatsinda ahuriraho kandi akanagira uruhare mu ruhererekane rw'imishinga, ari nabyo bigize inkingi ya mwamba ya porogaramu. Iyi mishinga ituma ingimbi n'abangavu batozwa gutekereza kuri kominote barimo n'ibyo ikenera, bahana inama hagati yabo, kandi bafashanya – bakanafatanya n'abandi bagize kominote.

- Insanganyamatsiko z'imyandiko zigiye zitandukanye : buri zose yibanda ku ngingo abona ko ari ngombwa mu gufasha mu by'umwuka kw'ingimbi n'abangavu. Urugero : umwandiko wa mbere warebana n'ingingo igira iti : « Ugukomezwa » - Imana ikomeza imihate tugira kugira ngo tugere ku ntego nziza tuba twihaye. Undi mwandiko wo wibanda kuri iyi ngingo : « Ukwizera » - uburyo tugomba kureba ahazaza hacu dufite icyizere n'ubwo twaba mu bihe bikomeye. Umwandiko ukurikira wasesengurwamo «Igikorwa gihebuje » Ubwo insanganyamatsiko y'inkru ni « Ibyishimo » mu gihe mu yindi nkuru twatekereza ku « Ububasha bw'ijambo ». Mu myandiko ivuga ku bijyanye n'imibare, twakwibanda ku kamenyero ko gushyira ibintu ku murongo. Ku byerekeye siyansi, hari umwandiko wibanda ku buryo bwo kwita ku buzima bwacu – ku mubiri, mu by'umwuka n'iby'imitekerereze. Hari kandi n'indi myandiko nka cum n'ibiri abangavu n'ingimbi biga mu myaka itatu.

Alexandra na Beyatirisa barateganya kujyana imyandiko imwe n'imwe kugira ngo igihe ababyeyi baba babyifuza bamameho ijisho. Niba mutazi neza imyandiko, muzasanga ari iby'umumaro gufata igihe mugasoma, inkuru kenshi gashoboka. Ibi bizabashoboza gukurikira neza ibiganiro binyuranye bibera muri kominote. Hagati aho, murashishikarizwa kujya impaka n'abandi bantu bitabiriye bo mu itsinda ryanyu ry'inyigisho ku bitekerezo byatanzwe haruguru aha kandi byasesenguwe byimbitse mu gitabo cya 5. Niba, mumaze kwiga kiriya gitabo, mufashe umwanzuro wo gukora nk'umushyushyarugamba w'itsinda ry'ingimbi n'abangavu, muzagenda musura imiryango y'abarigize hanyuma musesengurire hamwe ibyo bitekerezo n'ibindi bisa na byo. Ariko ubu kimwe na Beyatirisa, muzashaka wenda guherekeza umuntu w'inararibonye mu gihe cyo gusura imiryango y'ingimbi n'abangavu bo muri kominote yanyu.

**ICYICIRO CYA 15**

Bukeye, Alexandra na Beyatirisa basuye ingo z'iwabo z'ingimbi n'abangavu eshatu ziziyunga ku itsinda rishya riri mu mahugurwa mu mudugudu. Beyatirisa ashimishijwe no kubona umurava ababyeyi bafite mu kiganiro kuri porogaramu y'inyigisho zo mu mwuka. Mu mpera z'igicamunsi, yamaze kwiyumvisha ko byaba byiza afashije Alexandra mu itsinda ry'abangavu n'ingimbi kandi akaboneraho kwiga kwitanga nk'umushyushyarugamba w'itsinda rishya, yizera ko azabigeraho mu mpera z'umwaka. Birumvikana, amaze gutahura ko afite ibitabo byinshi by'ikigo cy'ishuri Ruhi agomba kurangizanya n'uwo mwaka. Ariko yafashe umwanzuro wo kugana imbere mu kubyiga agendeye kuri gahunda yihaye ubu.

Ni uko agenda atera imbere abifashijwemo na Alexandra ukomeza kumutera ingabo mu bitugu muri iyi nzira y'igikorwa. Tugaruke ku nkuru ye, hashize amezi make, mu gihe yari ari kurangiza igitabo cya 3. Uhagarariye aho arimo kwigira yabajije Marivel, umwarimu w'abana bato, amusaba gutumira Beyatirisa na bagenzi be ngo bamuherekeze umwe umwe, gusura ababyeyi b'abana bato b'ishuri rishya ry'umwaka wa mbere. Beyatirisa asanga hari byinshi yamenyeye mu kwiga igitabo cya 3. Na Alexandre agenda amusubiriramo ko ibyo yungukiye muri iki gitabo bizamukomereza ubushobozi bwo kuba umushyushyarugamba.

Bateranye Maribel abwira Beyatirisa ko bazasura nyina wa Emma. Maribel ati : uyu Emma ni agakobwa keza cyane gakunda kwiga. Nagiye gusura ababyeyi be incuro imwe mbasobanurira uko iri shuri bahayi ry'abana riteye. Bishimiye kwemerera Emma kuryitabira. Nyina abaha icyifuzo cyo kumenya byinshi kuri iri shuri, nanjye mwemerera kuzagaruka kumuganiriza ku bijyanye n'uburyo bigishamo bushingiye ku bintu bifatika bigisha. Hari bimwe na bimwe nagiye nkuramo nkabyandika mu ikaye yanjye. Niba ubyifuza, dushobora kubirebera hamwe tukabiganiraho. Beyatirisa niko kubyemera. Dore ibyo nagiye niyandikira :

- Mbere na mbere, nzabwira Madamu Martinez umunezero mfite wo kugira Emma mu ishuri na merake imwe mu migenzo myiza afite.

- Amahitamo meza ni ugutangira ikiganiro-mpaka dusoma iyi ngingo yo mu byanditswe byera bya Bahá'u'lláh:

  **«Gereranya umuntu nk'ikirombe gikize ku mabuye y'agaciro ntagerera nywa. Uburezi bwonyine nibwo bushobora gutanga ubwo bukungu kandi bugatuma inyokomuntu ubwifashisha bikayigirira akamaro.»**[37]

- Nyuma rero, nshobora gusangiza abandi ibitekerezo bimwe nabimwe ku kuntu iyi ngingo nayigendeyeho nka mwarimukazi. Nkababwira ko umutima wanjye uba wuzuye ibyishimo, buri gihe cyose ndeba abana mu ishuri nkabafata nka bya birombe by'agaciro byuzuyemo amabuye y'agaciro ntagereranywa. Buri wese muri bo yifitemo ubushobozi bwo kwerekana indangagaciro zikomoka mu ijuru. Buri umwe muri bo afite impano zishobora kuvumburwa kandi zigatezwa imbere. Buri wese ashobora gukura agahinduka umuntu ukomeye muri sosiyete kandi agafasha mu guhindura isi ikaba nziza kurushaho.

- Icyakurikira ni ugutanga ingero zimwe na zimwe z'amabuye y'agaciro uburezi bugomba kwihatira kugaragaza muri buri mwana. Nk'urugero navuga bumwe mu bubasha bw'umwuka (roho), kuvumbura amategeko agenga ibidukikije, gukora ibihangano byiza by'ubugeni n'ubukorikori no kugaragaza ibitekerezo by'agaciro. Nzasobanura ko abana bashobora gutangira kuzamura ubwo bushobozi bwose mu gihe babonye uburezi bujyanye na byo. Ariko kugira ngo bigerweho, abana bagomba guhabwa bakiri bato imico myiza imwe n'imwe. Urugero : bagomba gutozwa kumenya gutega amatwi ntibarangare, gukora cyane igihe ari ngombwa no gushyira umutima n'ubwenge mu byo baba bari gukora. Bakagombye guhinduka abantu bashishikajwe no kumera neza, cyangwa se imibereho myiza y'abandi, no kwifuza kwitangira kominote. Niyo mpamvu ari iby'agaciro kwita ku mizamukire y'imico myiza yabo bakiri bato.

- Uyu uzaba ari umwanya mwiza wo gusaba Madamu Matine gusangira ibitekerezo bimwe na bimwe kuwo ashaka ko umukobwa we aba we. Ni izihe ngingo z'imico myiza atekereza ko ari ingenzi kuri Emma.

- Mugire iyo mico cyangwa imyitwarire azavuga, inyinshi zizaba zibarizwa bidashidikanywaho mu gice cy'imyitwarire myiza yo mu mwuka, iyi ikaba ari insanganyamatsiko nzagaragaza ubutaha. Nzababwira ko hariho imyifatire imwe n'imwe umuntu agomba kugira ikenewe cyane mu buzima bwa muntu. Tuzayiteza imbere dusukura indorerwamo y'umutima wacu kugira ngo yisanishe n'imiterere y'Imana. Tuyigaragaze mu izina cyangwa se yitwa indangagaciro za roho (z'umwuka) kandi amasomo dutanga mu mashuri yacu y'umwaka wa mbere yibande mbere na mbere kuri izi ndangagaciro.

- Ndatekereza ko ngiye kuvuga zimwe mu ndangagaciro zo mu mwuka (roho) zizweho mu masomo y'umwaka wa mbere w'igitabo cya 3, hanyuma dusangire na we ibyayatangajweho. Nzasobanura ko Emma azafata mu mutwe izi ngingo, ko kandi ashobora gusaba umukobwa we kuzimusubiriramo mu mutwe, kimwe n'amasengesho azafata mu mutwe:

  - Urukundo:

  **«Yewe nshuti ! Mu busitani bw'umutima wawe, uhatere gusa iroza y'urukundo […..]»**[38]

  - Ubutabera :

  **«Murikire inzira y'ubutabera, kuko mu by'ukuri ari yo nzira igororotse.»**[39]

  - Umuco wo kugendera ku kuri :  UKURI

  **«Umuco wo kugendera mu kuri ni wo imigenzo myiza yose y'abantu ishingiyeho.»**[40]

  - Ibyishimo :

  **«Yewe mwana w'umuntu ! Ishimire mu ndiba y'umutima wawe kugira ngo uberwe no kunyegera ndetse no kuba indorerwamo y'ubwiza bwanjye.»**[41]

Maribel na Beyatirisa bafashe umwanzuro ko ibitekerezo biri haruguru bihagije kugira ngo bashobore gusura abantu. Mwebwe ubwanyu mugiye kuziga igitabo cya 3 kandi mubonereho umwanya wo gutekereza birushijeho kuri zimwe mu ndangamyitwarire zigize progaramu y'imyaka itandatu y'Ishuri rya RUHI, mu burezi bwo mu mwuka bw'abana. Muramutse mubonye akanya mbere yaho ko gusura bamwe mu babyeyi muri kumwe n'umwe mu barimu b'amashuri y'abana, ibitekerezo byatanzwe bizabagirira akamaro kandi byaba byiza mubigiyeho impaka ingingo ku yindi mu itsinda ryanyu.

**ICYICIRO CYA 16**

Mu bice bibanza twasomye amagambo akurikira ya 'Abdu'l-Baha' : «Uko imirunga y'ubucuti n'ubwisungane irushaho gukomera hagati y'abantu niko ububasha bwo kubaka no kugira icyo bageraho mu ngeri zose z'imikorere ya muntu kuba bwinshi». Inzu y'isi y'ubutabera itubwira ko gusura imiryango no kuyitumira iwacu bituma twubaka imirunga y'ububyeyi bwo mu mwuka bikanaturemamo umutima w'ubusabane. Ni ngombwa rero kwirinda gusuzugura ingaruka nziza iki gikorwa kigira mu muco wa kominote yacu igenda yaguka.

Mu byiciro byabanje, twasuzumye amoko atandukanye y'ibiganiro bishobora kubaka mu gihe cy'inzinduko dukora bamwe ku bandi. Tugendera mu nzira yo kwitanga mu murimo, tuzitabira twese ikiganiro kiri gukwirakwizwa mu murenge wacu, umugi cyangwa umudugudu ku ishyirwa mu bikorwa ry'inyigisho za Bahá'u'lláh mu buzima bwa buri muntu ku giti cye n'ubwa rusange. Rimwe na rimwe, ibi bizaba mu ruhererekane rw'inzinduko zizaba zateganijwe kugira ngo hafashwe umubare munini w'abantu bagire ubumenyi bwimbitse bw'izi nyigisho. Mu bindi bihe byinshi bizaboneka, za porogaramu z'amasomo y'ikigo, ibigamijwe byazo n'ibizikubiyemo nibyo bizagibwaho impaka. Ubutumire bwinshi bwo kwitabira imigendekere yo kubaka kominote buzatangwa iteka ku baturanyi benshi n'inshuti. Mu gihe mufite intumbero y'ahazaza n'inzira y'umurimo iri imbere yanyu muzanyuramo, mwakagombye gukora ibishoboka byose ngo mwige kandi mufate ibikubiye muri ibi byiciro tumaze kubona, kugira ubunararibonye muganira kuri buri nsanganyamatsiko, kandi birumvikana, mugakomeza kwiyungura ubumenyi mu nyigisho za Bahá'u'lláh'. Nuko ibyishimo n'umunezero udashira, wo gusangira n'abandi ijambo ry'Imana bizaba ibyanyu.

**References**


1. Bahá'u'lláh, *The Hidden Words* (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 2003, 2012 printing), Arabic no. 4, p. 4.

2. Bahá'u'lláh, *in Bahá'í Prayers*: *A Selection of Prayers Revealed by Bahá'u'lláh, the Báb, and 'Abdu'l-Bahá* (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 2002, 2017 printing), p. 4.

3. *Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh* (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 1983, 2017 printing), IV, par. 1, p. 5.

4. Ibid., V, par. 2, pp. 6–7.

5. 'Abdu'l-Bahá, in Bahá'í Prayers, p. 81.

6. Ibid., p. 111.

7. Ibid.

8. From a talk given on 16 August 1912, published in *The Promulgation of Universal Peace: Talks Delivered by 'Abdu'l-Bahá during His Visit to the United States and Canada in 1912* (Wilmette: Bahá'í Publishing, 2012), par. 23, p. 364.

9. 'Abdu'l-Bahá, in Bahá'í Prayers, p. 130.

10. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh, XLV, par. 1, pp. 111–12.

11. 'Abdu'l-Bahá, cited by Shoghi Effendi, *The World Order of Bahá'u'lláh: Selected Letters (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 1991, 2012 printing), p. 139.*

12. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh, V, par. 5, p. 8.

13. From a talk given by 'Abdu'l-Bahá on 5 May 1912, published in The Promulgation of Universal Peace, par. 4, p. 128.

14. From a talk given on 21 October 1911, published in Paris Talks: Addresses Given by 'Abdu'l-Bahá in 1911 (Wilmette: Bahá'í Publishing, 2006, 2016 printing), no. 6.7–8, p. 22.

15. Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh, CXLVI, par. 1, p. 357.

16. From a talk given by 'Abdu'l-Bahá on 5 May 1912, published in The Promulgation of Universal Peace, par. 4, p. 128.

17. The Hidden Words, Persian no. 44, p. 37.

18. Ibid., Persian no. 66, p. 45.

19. From a Tablet of 'Abdu'l-Bahá. (authorized translation) Deepening Themes – 75

20. From a talk given by ‘Abdu’l-Bahá on 25 September 1912, published in The Promulgation of Universal Peace, par. 2, pp. 478–79.

21. Selections from the Writings of ‘Abdu’l-Bahá (Wilmette: Bahá’í Publishing, 2010, 2015 printing), no. 43.1, p. 125. 22. Ibid., no. 207.3, p. 360.

23. Bahá’u’lláh, in Bahá’í Meetings: Extracts from the Writings of Bahá’u’lláh, ‘Abdu’lBahá, and Shoghi Effendi, compiled by the Research Department of the Universal House of Justice (Wilmette: Bahá’í Publishing Trust, 1976, 1980 printing), p. 3.

24. Ibid.

25. Tablets of Abdul-Baha Abbas (New York: Bahá’í Publishing Committee, 1916, 1930 printing), vol. 3, p. 631. (authorized translation)

26. Bahá’u’lláh, in The Kitáb-i-Aqdas: The Most Holy Book (Wilmette: Bahá’í Publishing Trust, 1993, 2013 printing), par. 57, p. 41.

27. Selections from the Writings of ‘Abdu’l-Bahá, no. 48.1, p. 130.

28. From a letter dated 27 August 1989, published in Messages from the Universal House of Justice, 1986–2001: The Fourth Epoch of the Formative Age (Wilmette: Bahá’í Publishing Trust, 2010), no. 69.2, pp. 132–33.

29. Ibid., no. 69.9–10, p. 135.

30. The Hidden Words, Persian no. 82, p. 51.

31. Ibid., Persian no. 80, p. 51.

32. ‘Abdu’l-Bahá, The Secret of Divine Civilization (Wilmette: Bahá’í Publishing, 2007, 2016 printing), par. 46, p. 33.

33. The Hidden Words, Persian no. 49, p. 39.

34. Shoghi Effendi, cited in Bahá’í News, no. 13 (September 1926), p. 1.

35. From a talk given by ‘Abdu’l-Bahá on 17 November 1912, published in The Promulgation of Universal Peace, par. 3, p. 617.

36. From a message dated 21 April 2010, published in Framework for Action: Selected Messages of the Universal House of Justice and Supplementary Material, 2006–2016 (West Palm Beach: Palabra Publications, 2017), no. 14.16, p. 82.

37. Gleanings from the Writings of Bahá’u’lláh, CXXII, par. 1, p. 294.

38. The Hidden Words, Persian no. 3, p. 23. 76 – Arising to Serve

39. Gleanings from the Writings of Bahá’u’lláh, CXVIII, par. 1, p. 283.

40. 'Abdu'l-Bahá, cited by Shoghi Effendi, The Advent of Divine Justice (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 2006, 2018 printing), par. 40, p. 39.

41. The Hidden Words, Arabic no. 36, p. 12